



45

150 FRW

**“Ibi mujye mubikora munyibuka”**  
(Lk 22, 19)

Umwaka  
XXVIII

Pasika 2017

# AMASHAKIRO

<b>IJAMBO RY'IBANZE: «Nimwakire Urumuri rwa Kristu!».....</b>	<i>Augustin NIZEYIMANA</i>
<i>Diyakoni Révérier SINGAYINTUMWAYIMANA</i>	3
<b>«Ibi mujye mubikora munyibuka» (Mt 26, 26).....</b>	5
<i>Myr Smaragde MBONYINTEGE</i>	
<b>Umusaserdoti mwiza ubereye Kilizya.....</b>	12
<i>Diyakoni Révérier SINGAYINTUMWAYIMANA</i>	
<b>Umusaserdoti: «Umuhamya w'Amahoro n'ibyishimo».....</b>	22
<i>Myr L.P. Dieudonné RWAKABAYIZA</i>	
<b>Umusaserdoti, umubyeyi w'abantu bose .....</b>	30
<i>Padiri Martin NIZIGIYIMANA</i>	
<b>Umusaserdoti, umuhuza w'Imana n'abantu .....</b>	37
<i>Diyakoni Pie NYANDWI</i>	
<b>Nshibutse impanga.....</b>	46
<i>Evide IYONASENZE</i>	
<b>Umusaserdoti, umuhamya w'ukwemera n'umuco mu Rwanda.....</b>	52
<i>Diyakoni Ernest NZAMWITAKUZE na Diyakoni Alain Robert UMUHIRE Myr Aloys BIGIRUMWAMI, urugero rw'umusaserdoti w'i Rwanda .....</i>	61
<b>Ubufatanye hagati y'umulayiki n'umusaserdoti mu gukiza no gutagatifusa roho z'abantu :</b>	
<b>- Gusabira abapfuye .....</b>	73
<i>Théophile HAKUZIMANA</i>	
<b>Ubusaserdoti, irembo ry'ubupfura .....</b>	80
<i>Parfait Florien UYIZERA</i>	
<b>Umusaserdoti n'amajyambere .....</b>	86
<i>Diyakoni Jean Damascène TUYISHIMIRE na Théogene NIYONGIRA</i>	
<b>ABO TWAGANIYE NA BO</b>	
<b>Ubusaserdoti ni umuhamagaro mwiza .....</b>	91
<i>Myr Eulade RUDAHUNGA</i>	
<b>Isengesho ni ryo ntwaro y'ibanke y'umusaserdoti .....</b>	92
<i>Padiri Charles NDEKWE</i>	
<b>Kuba Padiri ni ugukorera Imana na Kilizya mu bantu .....</b>	95
<i>Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA</i>	

## URUMURI RWA KRISTU

GRAND SEMINAIRE DE NYAKIBANDA

B.P. 85 BUTARE/RWANDA Tél. : 0782 577 420/0727 006 046

E-mail : revis120@yahoo.fr

## KOMITE NYOBOZI

### 1. Umuyobozi w'Inama y'ubwanditsi :

*Diyakoni Révérier SINGAYINTUMWAYIMANA*

### 2. Ushinzwe kunoza inyandiko : *Patrick DUSHIMIMANA*

### 3. Umwanditsi w'Inama : *Jean Baptiste TWAMBAJIMANA*

### 4. Ushinzwe umutungo : *Diyakoni Augustin KAGABA*

### 5. Inama y'ubwanditsi :

*Padiri Emmanuel GATERA, Padiri Jean d'Amour DUSENGUMUREMYI,*

*Diyakoni Oreste HABIYAMBERE, Innocent MBARUSHIMANA,*

*Florian Parfait UYIZERA, Placide NDAYISHIMIYE,*

*Sœur Epiphanie MUKABYAGAJU, Charles KALINGANIRE,*

*Jean-Paul HABINEZA na Consolée UWIHANGANYE.*

Umujyanama mukuru : *Nyiricyubaho Myr Smaragde MBONYINTEGE*

## IKIGUZI :

Uburyo busanzwe: 2000 Frw

Ufasha: hejuru 3000 Frw

Iposita ya Leta: 2500 Frw

Mu mahanga 35 €

Iapiro : Pallotti-Presse B.P. : 863 Kigali Tél. : 0788313617

# IJAMBO RY'IBANZE

Diyakoni Révérien  
SINGAYINTUMWAYIMANA

Bavandimwe muri Yezu Kristu, nyuma y'imyaka isaga 11 ikinyamakuru URUMURI RWA KRISTU gisubitse imirimo yacyo (2006-2017), ubu cyongeye gusubukura iyandikwa ryacyo.

Muri iki gihe abanyarwanda bensi bagenda badohoka cyangwa bagaragaza intege

nke mu byerekeye ubuzima bwa gikristu, birakwiye ko URUMURI RWA KRISTU rugaruka kugira ngo rukomeze kuduhugura mu byerekeye uwo twemeye, ari we Yezu Kristu na Kiliziya ye. Kuva mu ntangiriro yacyo, iki kinyamakuru kigamije gufasha abakristu kurushaho gucengera ubumenyi n'amatwara bya gikristu; gufatanya n'abakristu bo mu nzego zose gushakira hamwe inzira ikwiye ngo tube abakristu bashinze koko imizi muri Yezu Kristu; kudukangurira gushimira Imana mu byiza ihora itugirira no gufata imigambi ihamye kugira ngo ejo hazaza hazabe heza kurushaho<sup>1</sup>. Kigamije kandi kuba umusemburo w'ubukristu mu muco n'amajyambere yuzuye by'umunyarwanda.

URUMURI RWA KRISTU rugarutse nk'agashami k'ikinyamakuru cyandikwa n'Abaseminari bakuru bo mu Nyakibanda kizwi ku izina ry'« URUNANA ». Ruje gufasha by'umwihariko Abasaserdoti, Abihayimana, ibigo by'amashuri, imiryango y'Agisiyo Gatorika n'abandi bose bafite inyota yo gusobanukirwa na byinshi ku birebana n'ubuzima bwa Kiliziya muri rusange; ubumenyi, umuco n'amatwara bya gikristu; n'amakuru anyuranye buri mukristu akenera, byamufasha kwegera Imana no kuyikunda kurushaho.

Ikindi gishimishije niuko URUMURI RWA KRISTU ari ikinyamakuru umunyarwanda wese ashobora kwishyikiraho no kwisangamo, kuko cyanditse mu rurimi rwacu kavukire kandi kikaba kidashobora kwirengagiza umuco wacu nk'abanyarwanda. Uko byagenda kose, umukristu w'i Rwanda ni uwa Kristu, ariko kandi ni umunyarwanda. Ivanjili ya Kristu ayakira nk'umunyarwanda, asenga mu Kinyarwanda, aririmba ubuntu n'impuhwe by'Imana mu buryo bwa kinyarwanda, mu Kiliziya asingiza Imana mu mbyino zibereye abanyarwanda. Mu yandi magambo, umuntu yavuga ko «tutakiri gusa abanyarwanda babaye abakristu, ahubwo ko turi n'abakristu b'abanyarwanda». Birakwiye rero ko buri wese yigiramo urukundo n'ishyaka byo gushyigikira iki kinyamakuru cyiza kandi kitubere nk'abanyarwanda: ashishikariza abantu kugitunga, kugisoma no kugitera inkunga.

URUMURI RWA KRISTU rusubukuye imirimo y'iyandikwa ryarwo mu gihe Kiliziya yacu iri mu myiteguro ya Yubile y'imyaka 100 y'ubusaserdoti mu Rwanda. Ku itariki ya 7 Ukwakira 1917, ku munsi wa Bikira Mariya Umwamikazi wa Rozari, abasaserdoti babiri kavukire Balthazar Gafuku na Donat Reberaho, bahawe ubupadiri i Kabgayi. Mu gihe, kuri iyo tariki nyine, Joseph Bugondo yari amaze

<sup>1</sup> Reba Smaragde MBONYINTEGE (Padiri), "Ijambo ry'ibanze", mu URUMURI RWA KRISTU (Pasika 1989), n. 1.

guhabwa ubudiyakoni. Iyo umuntu asubije amaso inyuma, asanga ubusaserdoti mu Rwanda bwagereranywa nka ka kabuto ka sinapisi batubwira muri Bibiliya. Ngo ni ko gato mu mbuto zose, ariko iyo kabibwe karakura kakaba igiti nganzamaru-mbo (Lk 13, 19). Imbuto y'ibusaserdoti mu Rwanda na yo yatangiriye ku basore babiri b'abanyarwanda, nyamara kuri ubu umubare w'abapadiri, ubariyemo n'abo mu miryango y'abihayimana barakabakaba 1400. Muri bo, bamwe baracyakomeza gusohoza ubutumwa bwabo hano ku isi, abandi baratabarutse.

Ikindi gishimishije kurushaho ni uko na n'ubu urubyiruko rw'u Rwanda rutari ruke rukomeza kwakira neza ijwi ry'Imana ibahamagarira kuyiyegurira. Urugero ntiruri kure: kuri ubu Kilizya Gatolika mu Rwanda iritegura bya hafi (mu mpeshyi ku itariki ya 22 Nyakanga 2017) guha isakramentu ry'Ubusaserdoti abasore b'intarumikwa mirongo itanu na batandatu. Umuntu kandi ntiyareka kuvuga ko hari ibikorwa byinshi byiza (mu burezi, mu buvuzi, mu isanamitima, mu gufasha abanyarwanda kwiteza imbere,...) byeze kuri urwo "rugemwe" rw'agaciro kanini mu mibereho ya muntu muri rusange. Muri iyi myaka ijana ishize, biragaragara ko uruhare runini atari urw'abantu ubwabo; ahubwo ko umurimo ukomeye wakozwe na Roho w'Imana ubwe, akoresheje abo yishakiye n'uko abyishakiye. Nta gushindikanya koko: Imana ni Urukundo, Yezu Kristu ni muzima kandi Roho Mutagatifu arakora.

Dushingiye kuri ibyo bihe byo gusubiza amaso inyuma turimo, iyi nimero yiswe «Umusaserdoti mu iterambere ry'umunyarwanda». Ifite umugambi wo kutugezaho ibintu 12 byafasha umusaserdoti wo muri iki gihe kuba mwiza ku buryo bunyuze Imana n'abantu. Murasangamo kandi inkuru zivuga ku musaserdoti muri rusange. Muri zo twavuga: Umusaserdoti, umubyeyi w'abantu bose; Umusaserdoti, umuhuza w'Imana n'abantu; Umusaseroti mu iterambere ryuzuye ry'umuntu (kuri roho, mu bwenge no ku mubiri); Umusaserdoti n'amajyambere mu Rwanda; Imibereho y'abapadiri mu Rwanda mbere ya Vatikani ya kabiri; Imibereho y'abapadiri nyuma ya Vatikani ya kabiri; Padiri Balthazar Gafuku na Padiri Donat Reberaho, imfura z'abapadiri mu Rwanda n'izindi.

Muri iyi nimero kandi turabona ukuntu umusaserdoti aberanye n'amazina atandukanye dukunze kumwita. Ni byo koko, umusaserdoti ni umuntu w'Imana na Kili-ziya, ni intumwa y'Imana, ni inshuti y'Imana, ni umushumba w'ubushyo bw'Imana, ni umubyeyi wa bose, ni umurezi n'umwarimu, ni umuyobazi wa roho kandi ni imfura y'i Rwanda. Ni yo mpamvu ari umuntu wo gusaba no gusabirwa ku Mana, kuko afite ubutumwa buhambaye, nyamara akaba abutwaye mu tubindi tumeneka ubusa (reba 2Kor 4, 7).

Banyarwanda, bakristu, nshuti z'URUMURI RWA KRISTU, gusabira abasaserdoti ni ubutumwa n'inshingano bya buri wese. Ni cyo kinteye kunga mu rya Yezu Kris-tu, we utubwira ati «Nimusabe rero Nyirimyaka yohereze abakozi mu murima we» (Mt 9, 38); akongera ati «musabe, muzahabwa; mushakashake, muzaronka; mukomange muzakingurirwa» (Mt 7, 7; Lk 11, 9), kuko «icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye, nzagikora » (Yh 14, 14).

# INYIGISHO YA PASIKA : 16 Mata 2017



Mu mwaka wa Yubile y'imyaka 100 y'Ubupadiri  
mu Rwanda

+Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa KABGAYI

## “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19)

### 1. Yezu ati: “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19)

Bakristu bavandimwe, nahisemo gushingira ubutumwa bwa Pasika y'uyu mwaka kuri iyi nteruro: “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19). Iyi nteruro muyumva kenshi iyo Padiri asoma misa, ageze ahatagatifu rwose. Murabizi ko turi mu rugendo rwa Yubile y'imyaka 100 umwana wa mbere w'umunyarwanda yaherewehe ubupadiri hano i Kabgayi, kuwa 07 Ukwakira 1917.

Ubwo Yezu yasangiraga n'Intumwa ze ubwa nyuma, bari ku meza, araye ari budupfire, bamaze gufungura, yarababwiye ati: “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19). Ubwo aba abinjije mu ibanga rya Pasika yari yatangiye kubaho mu isangira rya nyuma. Niba Padiri arivuga igithe cyose atura Ukaristiya, si umuhango aba akora gusa, nubwo ari umuhango mutagatifu rwose. Ni igikorwa ngengamimerere ya Kiliziya yibuka buri gihe, gishingiye kuri Pasika ya Nyagasani Yezu, ari nayo Pasika yacu (reba Yoh 13, 1...). Mu isangira rya nyuma Yezu Kristu yatangije Pasika nshya y'iteka rishya, ku mugoroba w'uwa kane mutagatifu, mu bubabare n'urupfu ku musaraba, n'ihambwa rye, kuwa gatanu mutagatifu (Yoh 18-19); byose bikuzurizwa mu ijoro ry'uwa gatandatu rishyira icyumweru, aho Imana Data yazuraga Yezu mu bapfuye (Yoh 20, 1-10). Ngiyo Pasika yacu!

Iyo rero Padiri avuga aya magambo ngo “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19), humvikanamo isangira rya nyuma, ububabare, umusaraba, urupfu n'ihambwa bya Kristu; hanyuma byose bikuzurizwa mu izuka, ari ryo banga rya Pasika yacu. Ibi Yezu yavugyiye mu isangira rya nyuma ngo “Ibi mujye mubikora munyibuka” (Lk 22, 19), byari bifite icyerekezo, amateka, ubutumwa n'ububasha Yezu yari araze Intumwa ze. Kandi uko yabibabwiye, nubwo icyo gihe batari babasha kubishyikira, igithe cyarageze barabyumva, baremera, barabikora, barabihamya (Intu 10, 34-43).

## **2. Uko yagakunze abe bari mu nsi, yongera kubakunda byimazeyo** (Yoh 13, 1...)

Umwanditsi w'Ivanjiri ya Yohani, ati: "Uko yagakunze abe bari munsi, yongera kubakunda byimazeyo" (Yoh 13, 1...). Ni ijambo rya Yohani, nk'intumwa yari ihibereye kandi itarigeze yima Yezu umushyikirano uvuye ku mutima, riduha imyumvire ishyitse y'ibyo Yezu yakoze, mu isangira rya nyuma. Byose byari bishingiye ku kibatsi cy'urukundo Yezu yari yifitemo kandi yashatse kugira ishingiro rya Pasika ye.

Kuba yarabatoye akanabakunda, akanabinjiza atyo muri Pasika ye agira ati: "Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19); Yezu nk'umwana w'Imana ukunda isi yaje gukiza ibyo yakoraga nk'umuntu mu gihe cye, byagombaga kuzakomeza na nyuma yaho. Ni yo mpamvu aya magambo Padiri avuga iyo atura Igitambo cy'Ukaristiya, ni Pasika yacu aba yizihiza hamwe n'ikoraniro ry'abemera; agamije gucana muri we no mu ikoraniro ryose cya kibatsi cy'urukundo Yezu yakoranye iyi Pasika. Bavandimwe, duharanire gukunda Yezu Kristu uko yadukunze.

Koko rero araye ari budupfire, bicaye ku meza, amaze kuboza ibirenge, yafashe umugati awuha umugisha, ati "Nimwakire murye: iki ni umubiri wanjye". Afata na divayi ayiha umugisha, ati "Nimwakire munywe, aya ni amaraso yanjye... ibi mujye mubikora munyibuka" (reba 1Kor 11, 23-26). Bityo Yezu Kristu aba ashinze Isezerano rishya na Pasika nshya, abishyira mu ishusho ry'umugati na divayi, abihereza Intumwa ze, azitegeka kujya zibikora zimwibuka. Ubwo aba anashyizeho atyo amasakaramentu abiri aranga Kiliziya kandi ayitunze, ariyo: Ukaristiya ntagatifu ngo itunge abakristu mu ibanga rya Pasika, n'Umusaserdoti ngo ayibere umuhereza ubikora yibuka Pasika ya Nyagasani Yezu.

## **3. Ukaristiya na Padiri bavutse ari impanga**

Ukaristiya na Padiri ni impanga ariko ntibareshya. Ni amasakaramentu abiri aranga Yezu Kristu muri Pasika ye, ku buryo bunyuranye nyamara budatana muri Kiliziya. Ayo masakaramentu yombi akaba abereyeho kubaka Kiliziya no kuyikomeza mu ibanga rya Pasika. Yezu Kristu wumvaga ibigiye kumubaho, akamenya n'akamaro bifitiye abazamwemera bose, yashatse kugumishaho iyo ngabire ihatse izindi ya Pasika ye, maze aturemera Ukaristiya, arema n'Ubusaserdoti bushingiye ku bwe ; buzaba umuhereza w'Ukaristiya muri Kiliziya. Uwo mubano uzira ubutane bw'Ukaristiya na Padiri ni isano n'isura ikomeye mu mibereho ya Kiliziya yacu. Ukaristiya ivukana na Padiri, iramuhatse, ikamutunga, na we akayitungisha abo ashinzwe amaze kubategura. Turamutse tubyumvise uko biri, twashigukira icyarimwe, tukiyamira tuti : « Pasika yacu uragahoraho ! ».

#### **4. Ukaristiya na Padiri mu ibanga rya Pasika**

Icy'ibenzeaya masakaramentu yombi ahuriyeho, nuko yaremwe mu mugoroba umwe, mu kibatsi kimwe cy'urukundo Kristu Yezu yari afitiye abamwemera n'abazamwemera kubera bo (reba Lk 22, 14-20). Igihe cyose rero nk'ikoraniro ry'abakristu dutura Ukaristiya ntagatifu, tuba dukora urwibutso rwa Pasika ya Nyagasan ; ubwô umugaragu mukuru w'Ukaristiya, Umusaserdoti uhagarariye Yezu muri Kiliziya, ayiduturira yishingikirije Yezu Kristu ku mutima no mu mubiri we ku buryo bushoboka bwose, abikesheje ingabire y'ukwemera yamutoreyemo na Roho wa Kristu umuri hafi (Yoh 16, 13).

Padiri utura Ukaristiya, amagambo avuga n'ibyo akora biramurenze. Gukora nka Yezu, ukavuga nka Yezu, si ibyo umuntu yisukira : ni ubutore ahamagarirwa, ni ubutumwa ahabwa muri Kiliziya ishingiye ku ntumwa, igashora imizi y'ukwemera kwayo mu ibanga rya Pasika. Niyo mpamvu Padiri watorewe gutura Ukaristiya ya Nyagasan asabwa guhora yigengesereye, agahora ahanga amaso ye kensi kuri Yezu Kristu wamukunze akamutora, akamutuma, akamushinga umurimo ndengakamere muri Kiliziya ye wo guhozaho ibanga rya Pasika.

#### **5. Munyita Nyagasanin n'Umwigisha wanyu (Yoh 13, 13)**

Mu isangira rya nyuma, aho Yezu Kristu yahereye Intumwa ububasha bwo gukora no gukomeza ibyo yari agiye kuzikorera, hari ikimeneyetso Yezu yakoreye Intumwa gifasha Padiri utura Ukaristiya kudatinya ubuhangare bwa Yezu Kristu ahagarariye. Mbere yo gusangira nabo yarahagurutse abanza kuboza ibirenge, arangije aravuga ati «Munyita Nyagasanin n'umwigisha wanyu kandi ni byo koko. Dore mbogeje ibirenge namwe mujye mubigenza mutyo hagati yanyu» (reba Yoh 13, 13-14). Nubwo icyo gihe batamushyikiraga mu myumvire yabo, yahatangiye isomo rikomeye ry'ubuvandimwe no kuba umuhereza wicisha bugufi. Ibyo Padiri akora byose ni aha aba yerekeza. Ni wo muco wa Yezu watumye abasha kujya ku musaraba kandi akahavana umutsindo. Kubaraga ubuvandimwe n'ubuhereza bwicisha bugufi, ni ingendo igomba kuranga Padiri, ni umuco n'umutima yamuraze ; ngo azabashe kugendana na We mu byo amushinga birenze ubushobozi bwe. Ni iyo nzira Yezu Kristu yashatse gucishamo Ukaristiya n'Ubupadiri muri Kiliziya ye. Padiri rero mu gutura Ukaristiya yibuka Pasika ya Nyagasan, agahoza ku mutima no mu myitwarire ye ubushake bw'umuhereza wicisha bugufi n'amatwara ya kivandimwe, byaranze kandi bigaherekeza Yezu Kristu mu rupfu rwe ku musaraba no mu izuka rye mu bapfuye. Ni byo Kiliziya yubakiyeho, ni na byo kandi byahesheje Yezu Kristu, imbere y'Imana Data, «Izina riruta ayandi mazina» (Fil 2, 9).

## **6. Ijambo ry'Imana mu mibanire y'Ukaristiya na Padiri**

Niba twakomeje kuvuga Ukaristiya na Padiri mu ibanga rya Pasika, twibuke ko Ijambo ry'Imana ari ingenzi mu myumvire y'Ukaristiya no mu butumwa Padiri ashinzwe. Iyo bavuze Ijambo ry'Imana, hano ndaryumva mu ngeri eshatu : Ibyo abahanuzi bavuze, Ubuhamya bw'Intumwa n'Inkuru nziza ya Yezu Kristu. Pasika ya Nyagasanzi twizihiza none yuzuza muri yo ibivugwa muri izo ngeri z'Ijambo ry'Imana uko ari eshatu. Niyo mpamvu Intumwa n'abasimbura bazo bashingira Pasika ya Nyagasanzi ku byavuzwe mu Ijambo ry'Imana. Ni ryo Roho wa Kristu Yezu akoresha ngo yumvikanishe Pasika yacu muri Kiliziya (Yoh 16, 13).

Ijambo ry'Imana ritunga Padiri, na we akaritungisha ikoraniro ashinzwe muri Kiliziya ; maze rigakomeza ukwemera kwe n'ukw'abo atungisha Ukaristiya ntagatifu. Mbese urebye, Ijambo ry'Imana n'andi masakaramentu bibereyeho kutwinjiza muri Ukaristiya, nk'Isakaramentu rikuru ry'ibanga rya Pasika yacu (P.O. n. 5).

## **7. Pasika ya Nyagasanzi Yezu yujujwe rimwe, ariko yambukiranya ibihe, imyaka n'imico itandukanye y'abantu.**

Igihe cyacu kigeze, mu Rwanda twijihije Pasika tuyigejejweho n'abamisiyoneri. Tubashimire umwete n'ubwitange bagaragaje ngo batugezeho Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Pasika ya Yezu ya mbere yabereye i Yeruzalem, ari kumwe n'Intumwa n'abigishwa. Abandi bakomeje kuza bazisanga babikesheje ubuhamya bwabo bwageze ndetse no ku bumaritiri (Intu 11, 19-21). Kiliziya yo mu ikubitiro yubakiye ku Ntumwa no ku bahowe Imana bazira Izina rya Yezu. Iyo Kiliziya ishingiye ku Ntumwa n'abamaritiri yazamukanye ikibatsi cya Roho Mutagatifu Yezu yayisesekajeho kuri Pentekositi (Intu 10, 44-48), maze Ukaristiya ntagatifu baturaga bamaze kwibukiranya Ijambo ry'Imana ikomeza kuba Urwibutso rwa Pasika ya Nyagasanzi. Ubwo kandi ari ko hakomeza gutorwa mu bemera, abasimbura Intumwa mu mirimo yo gutegura no gutura Ukaristiya.

Padiri wa mbere w'umunyarwanda twizihiza muri iyi Yubile y'imyaka 100 ishize abuhawe, ni imbuto nziza yeze ku mateka y'urugendo rurerure rw'Intumwa n'abazizunguye. Iyo mpano ivuka kuri Pasika ya Nyagasanzi, Ukaristiya n'Ubusaserdoti, n'Ijambo ry'Imana bidatana, byarashyize bigera i Rwanda. Maze ibakwe ry'urukundo rwa Kristu, ku bubasha bwa Roho Mutagatifu, byakirwa n'abana b'abanyarwanda ! Icyo kibatsi cya Roho Mutagatifu cyumvikaniye i Kabgayi, kuwa 07 Ukwakira 1917.

## **8. Nk'akabuto ka sinapisi (Mt 13, 31)**

« Nk'akabuto ka sinapisi » (Mt 13, 31) ni izina wenda ritazwi cyane, nyamara ryaranze amateka ya Kiliziya mu Rwanda. Ni urwandiko rwa Nyirubutungane Papa Yohani wa XXIII yanditse mu 1959 ashiraho inzego za Kiliziya Gatolika mu Rwanda ; ubwo ibyari Vikariati byahindutse Diyosezi. Iyo barwa nubwo idakunze kuvugwa cyane, ariko yageze ku nshingano zayo. Yahuje neza n'ibyo umukurambere wacu, Musenyeri Yohani Yozefu HIRTH, waje we yitwaje intego ya « Sitio », ari byo kuvuga ngo « Mfite inyota » (Yoh 19, 28). Yayifashe nk'ijambo rya Yezu Kristu ubwe yivugiye ku musaraba aho, mu bubabare bwinshi cyane n'urukundo rw'abo apfiriye yiyumvagamo, ryaje kumvikana muri Kiliziya nk'inyota yari afite yo kwifusa ko abantu benshi bazagera igithe bumva kandi bakemera ibyo yadukoreye kuri uwo musaraba. Inyota rero Musenyeri HIRTH na we yiyumvagamo kandi akayibona mu banyarwanda bashakaga kumenya Imana by'ukuri, bwari ubuhanuzi nk'ubundi. Uruhare yagize mu kwihutisha itorwa ry'abasaserdoti ba mbere mu Rwanda, rwaje kuba imbarutso y'ibyo twizihiza muri uyu mwaka. Wagira ngo Musenyeri HIRTH akigera mu Rwanda yahise atekereza kuhatora abapadiri mbere yo kuhabona abakristu, uretse ko ari cyo yari agamije !

Mu babatijwe ba mbere bo mu 1903, ni bo yahise atoramo abo ajya gutegurira kuzaba abapadiri, abajyana kwiga mu Iseminari i BUKOBA muri Tanzaniya ; kandi muri abo yajyanye mbere baje kuvamo abasaserdoti batatu ba mbere kandi babyitwayemo neza, ari bo : Padiri Balthazar GAFUKU na Padiri Donat REBERAHO, babuhawe kuwa 07 Ukwakira 1917 ; na Padiri Joseph BUGONDO wabuhawe ari uwa gatatu, kuwa 29 Kamena 1919.

Bakristu bavandimwe, dushime Yezu Kristu wemeye kudutoramo abasaserdoti ku ikubitiro ry'ubukristu mu Rwanda. Dushimire n'Ubushishozi bwa Musenyeri Joseph HIRTH, wabonye hakiri kare ko Inkuru Nziza izogezwa mu Rwanda bikozwe n'abana barwo kavukire.

## **9. Padiri w'umunyarwanda mu iyogezabutumwa no mu iterambere ry'Ighugu**

Padiri kavukire, nk'umukristu muri Kiliziya akaba n'umwana w'ighugu, tumukesha byinshi mu burezi, mu buvuzi no mu gusigasira umuco nyarwanda. Mu burezi, bashinze amashuli barigisha, na n'ubu kandi kurera no kwigisha biri mu byitabwaho cyane. Mu buvuzi, uretse gushinga amavuriro ya kijyambere, hari n'abapadiri binjiye mu buvuzi bwa kinyarwanda : nka Padiri Donat REBERAHO wajyaga mu mirima no mu mashyamba gushaka imiti akavura abakristu ; uwitwa Padiri Thomas BAZARUSANGA wanditse igitabo cyitwa « Inzoka n'abagombozi», akaba umupadiri wakoze umurimo w'ubugombozi ; dore ko mu gihe cye hari hakiriho amashyamba arimo inzoka zaryaga benshi. Ntitwakwibagirwa kandi Musenyeri

Telesifori KAYINAMURA, wegeranyije abavuzi ba kinyarwanda, maze agakora ivuriro ryabo ryamamaye i Bare ho mu Gisaka.

Mu kubungabunga umuco wa kinyarwanda, abari ku isonga ni Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI na Musenyeri Alexis KAGAME, kimwe n'abandi babaye ibyamamare mu ndirimbo za kinyarwanda zanditse.

## **10. Nyamara nta byera ngo de !**

Muri ayo mateka n'ubwiyongere bw'abapadiri mu Rwanda, haje kuzamo agahomamunwa k'irondakoko, ryageze aho ribyara jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Ni igisare gikomeye kuri Kiliziya. Nubwo tutashoboye guhangana n'ubukana yazanye, ariko umukristu nyawe ni utarigeze yiyumva muri ayo marorerwa y'irondakoko no mu marorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi.

Nubwo kandi hari n'abapadiri n'abiyeguriye Imana bahamijwe icyaha cya jenoside n'ubutabera ; Kiliziya, mu bubabare bwinshi, yitandukanyije n'ayo marorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi, isaba imbabazi nk'umubyeyi wabonye amarorerwa ya jenoside yakozwe n'abakristu kandi bayikorera abandi bakristu. Biradusaba rero kujya dusubira kenshi ku isoko y'ubuhereza buciye bugufi, n'urukundo rwa kivandimwe Yezu Kristu yagize irango rya Pasika ; kugira ngo twomore ibikomere byasizwe na jenoside yakorewe abatutsi kandi twubake ubumwe bwacu.

## **11. Icyo nifuriza Padiri nk'umwogezabutumwa mu Rwanda rw'ejo**

Pasika ya Nyagasani Yezu twibuka igithe cyose dutura Ukaristiya, igomba guhembera muri Padiri ya matwara y'umuhereza wicisha bugufi no guhamya ubuvandimwe ; kugira ngo tubashe kwishushanya na Yezu Kristu udatuza kudutoramo abasaserdoti. Hari imirimo itatu na ha abapadiri mu Rwanda rwa none n'ejo hazaza, nk'umusingi twashingiraho ubusaserdoti bunogeye Yezu wadutoye na Kiliziya ibidutoza: kugira umwete wo gusenga bihamya ukwemera, gutura Ukaristiya neza nk'urwibutso rwa Pasika ya Nyagasani binoza isura ya Padiri, no kuba umuhereza w'ikoraniro ushinzwe mu bwiyoroshye dukesha Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, bituma twizihirwa n'ubutore twahamagariwe. Ibindi bisigaye byose kugira ngo ube Padiri uko bikwiye, ubihabwaho umugereka.

## **12. Umusozo**

Bakristu bavandimwe, kuri iyi Pasika ya Nyagasani Yezu n'iyacu, nk'umuryango w'abakristu, nifuje kwendera kuri iri jambo Padiri avuga iteka igithe atura Ukaristiya ntagatifu, yibuka Pasika ya Nyagasani, agira ati "Ibi mujye mubikora munyibuka"

(Lk 22, 19). Nagerageje rero kubihuza na Yubile y’imyaka 100 ishize umwana wa mbere w’umunyarwanda atorewe iyo ngabire y’ubusaserdoti.

Kuba twaraciye mu mateka mabi ya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, byaduhaye isomo rikomeye ryo kuvugurura no kunoza imyumbire, imibereho n’imibanire mu ngamba z’iyogezabutumwa zigenda zifatwa; mu buhereza buciye bugufi n’ubuvandimwe budaheza. Nitubishaka kandi tukabyemera, Kiliziya mu Rwanda izaba icyo Yezu Kristu ayishakaho: kubana kivandimwe dusangira Ukaristiya ntagatifu byubaka Kiliziya.

Nyagasani Yezu abane namwe, Mugire Pasika Nziza!

+Smaragde MBONYINTEGE  
Umushumba wa Diyosezi ya KABGAYI

### **Ibitabo byifashishijwe**

1. Ibyakozwe n’Inama Nkuru ya Vatikani ya II: *Presbyterorum Ordinis*.
2. *Lettres du Saint Père Jean-Paul II aux prêtres pour les Jeudis saints* : 1990, 1993, 1996.
3. *Le prêtre diocésain dans la société rwandaise en mutation, Actes des sessions des prêtres diocésains*, Nyakibanda 07-11/9/1992 et Kabgayi 21-25/9/1992.
4. *Rôle du prêtre rwandais dans l’édification de l’Eglise et la Reconstruction nationale*, Session des Prêtres rwandais, du 29/5 au 01 juin 1995, Remera /Kigali.
5. Smaragde MBONYINTEGE, *Ukaristiya na Padiri bavutse impanga kuwa kane mutagatifu*, Urumuri Rwa Kristu n°44, Pasika 2005, pp. 8-18.
6. *Diyosezi ya Butare, Imfura z’abapadiri b’abanyarwanda*, Butare 07 Ukwakira 2016.

## UMUSASERDOTI MWIZA UBEREYE KILIZIYA

Diyakoni Révérier SINGAYINTUMWAYIMANA

Kuba umusaserdoti mwiza bisaba ubutwari: ubutwari mu kwemera, ubutwari mu kwizera no mu rukundo. Nk'uko habaho uburyo bwo gukora umurimo uyu n'uyu, hakabaho uburyo bwo kubaho no kubana n'abandi neza, ni na ko habaho uburyo bwo kuba Intumwa ya Kristu nziza. Umusaserdoti ni umuntu wahamagawe kandi wahawewe ubutumwa na Yezu Kristu. Ibyo bituma umwihariko w'ubutumwa bwe ari ukuba ushingiye ku Mana ubwayo. Yezu Kristu ni we ntagiriro, ipfundu n'iherezo by'umuhamagaro wa gisaserdoti. «Ubuhangwa bwubatse inzu yabwo, burayinogereza buteramo inkingi ndwi» (Imig 9, 1). Duhereye kuri iryo jambo ryo mu gitabo cy'Imigani, tubona ko ubutumwa bw'umusaserdoti ari bugari, kandi kugira ngo aburangize neza agomba kwishingikiriza inkingi Kristu yubakiraho Kiliziya (reba Mt 7, 24-27).

Muri iki gihe turi muri Yubile y'Imyaka 100 ishize, abasore babiri b'abanyarwanda: Padiri Balthazar Gafuku na Padiri Donat Reberaho bahawesiakramentu ry'Ubusaserdoti mu rwego rw'ubupadiri ku itariki ya 7 Ukwakira 1917 ni umwanya mwiza wo kuzirikana kuri uwo murimo



w'ibanze muri Kiliziya. Birakwiye kongera gutekereza neza ku mwanya n'ubutumwa by'umusaserdoti muri iki gihe. Umusaserdoti ni nde? Ni ibiki bikwiye kumuranga?

### 1. Gukunda isengesho

Nyuma y'ljambo ry'Imana n'Amasakramantu Kristu yahaye Kiliziya, intwaro ya mbere y'umukristu mu byo kwitagatifuza ni isengesho<sup>2</sup>. Gusenga ni inzira igana ku busabane bukomeye kandi buhoraho hagati y'umuntu n'Imana; kuko muri ryo, ni ho ha mbere ashobora guhura na Yo. Ku musaserdoti ho bigomba kuba akarusho, kuko by'umwihariko ahamagariwe kwitagatifuza no gutagatifuza umuryango w'Imana ashinzwe. Isengesho ry'umusaserdoti mbere na mbere ni Misa ya buri munsi. Umusaserdoti na Misa ntagatifu ni indatana. Umusaserdoti kandi ni indatana n'isakramantu ry'Ukaristiya. Ubwo bumwe

<sup>2</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuru ya 2 i Vatikani, mu nyandiko ivuga ku Butumwa n'Ubumzima bw'Abapadiri, Presbyterorum ordinis, n. 5.

bugomba kugaragarira mu rukundo akunda uwo mubiri wa Yezu Kristu, mu isengesho ryo gushengerera no mu buryo ategura abantu guhabwa Ukaristiya ya mbere.

Ku rugero rwa Yezu Kristu, we musaserdoti mukuru wicaye iburyo bw'Imana Data (Heb 9, 24), we ubusaserdotibwacubushingiyeho, we wemeye kumvira Imana se (Heb 5, 8) kandi agahora ashimishwa no gukora ugushaka kwayo (Yh 8, 29), we uhora adutura Imana Data mu isengesho rya buri munsi akora; umusaserdoti w'iki gihe agomba kwihatira kumvira Imana muri byose, kwitangira abandi atabyinubira, guhanagura ibyaha bya benshi yishimira gutanga isakramentu ry'Imbabazi kandi ntahweme kwingingira ikoraniro mu isengesho avuga buri gitondo na buri mugoroba (Buribyare).

Umusaserdoti agomba kumenya ko roho y'umuntu udasenga izongwa, nk'uko umuntu urya indyo ituzuye arwara bwaki. Bityo rero bikamutera umwete wo guhora imbere y'Imana. Akayitura byose, akayishimirabyinshi idukorera (reba Ef 5, 19-20) kandi akayisaba byinshi dukeneye. Mu isengesho, ni ho Imana yatugeneye ngo tujye tuyigezaho ibibazo, ibyifuzo, agahinda n'ibyishimo byacu n'ibya bagenzi bacu (reba Heb 5, 1-4). Kuko ari inshuti idasaba inshuro, umusaserdoti ahamagariwe gusabira abantu bose.

Igihe agiye ku rugendo yakwibagirwa ibindi, ariko agahora yibuka "Buribyare" (Bréviaire). Roho y'umusaserdoti udasenga isaza vuba,

ndetse ntishobora no kumara kabiri. Kandi uburyohe bw'ubutumwa bwe abukura mu isengesho no mu masakramentu. Umusaserdoti kandi agomba guhora azirikana umwanya w'umubyeyi Bikira Mariya mu buzima no mu butumwa bwe bwa buri munsi, agakunda kuvuga ishapure, agakora kenshi ingendo nyobokamana ku butaka butagatifu uwo Mubyeyi yigaragarijeho, n'ibindi. Nyamara gukunda gusenga ntibigomba kuba impamu yo kwibagirwa cyangwa kutita ku bandi bantu babana n'abo ashinzwe. Isengesho rikozwe neza ni rya rindi rizamura nyiraryo ku Mana, ariko na none akaryigiramo kubana neza n'abandi mu rukundo no mu bwicishe bugufi. Imbuto zera ku isengesho zirigaragaza: gusura abandi cyane cyane abarwayi, gufasha abakene, kwakira no gutega amatwi abaje bamugana, gusangira ubutumwa na bagenzi be.

## **2. Kumenya kwiyubaha no kubaha abandi**

Umusaserdoti ni umuntu uri imbere y'imbaga nini. Arebwa na benshi. Abatari bake baba bamukeneyleho ubufasha butandukanye. Ni yo mpamu agomba kuba intangarugero cyane cyane mu myitwarire ye, mu mvugo ye no mu mibanire ye n'abandi (reba Ezk 44, 15-31; Ml 2, 1-4; 1 Tm 4, 12). Mbese agomba kwirinda guhinduka iciro ry'imigani.

Mu myitwarire ye, umusaserdoti agomba kugaragaza ko muri we atwaye Yezu Kristu. Maze akirinda

ibidakomoka ku Mana byose (reba 1 Yh 4, 1-6). Agomba kumenya ko ibiganza bye byasizwe amavuta kugira ngo bitagatifuze imbagá. Ururimi rwe rubereyeho ibisingizo, gutanga umugisha (reba Yk 3, 1-13), kuko "ururimi rwiza ni mugenzi w'Imana". Kuko umusaserdoti ahagarariye Yezu Kristu hano ku isi, abakristu bishimira kumubona atuye hafi y'Ingoro y'Imana. Ni bibi cyane kubona umusaserdoti urara mu mihana. Iwabo w'umusaserdoti ni kuri Paruwasi cyangwa ahandi umwepiskopi we yamuuhaye gukorera ubutumwa.

Umusaserdoti agomba kwirinda ingeso mbi nko kurwana, gutukana, kuvumana, gusebanya, kwigira intyoza, kubeshya no kwirarira. Ubutumwa afite ntibumwemerera kuvuga amagambo nyandagazi, gushyamiranya abo ashinzwe kuyobora ku Mana n'ibindi byose bishobora gutuma abantu bamutera icyizere. Umusaserdoti mwiza, ubereye Imana na Kiliziya ni wa wundi usabana na bose ariko ntasamare. Mu kabari n'ahandi nkaho nta mwanya we ubamo (reba Imig. 31, 4-5).

Umusaserdoti kandi agomba kumenya ko atari umusore cyangwa umugabo nk'abandi; akamenya ko yasezeranye kudashaka ntawe ubimuhatiye. Asabwa rero kwirinda kwishora mu bagore no mu bakobwa. Si byiza ko bagirana ubucuti budasanzwe, bwa bundi bushobora kubabera impamvu yo kugwa mu gishuko cyangwa mu cyaha (reba Imig. 31, 2-3). Kuba umugabo ufite

umugore ni umuhamagaro mwiza utandukanye no kuba umusaserdoti wegukiye Kristu na Kiliziya. Abo bantu babiri baratandukanye kandi ntibagomba kubaho ku buryo bumwe. Kuko umusaserdoti ari umugabuzi w'umubiri wa Yezu Kristu birakwiye ko ahora yisukuye kuri roho no ku mubiri. Birakwiye ko ahora yambaye imyenda isukuye kandi imubereye. Isuku ni kimwe mu bimenyetso bigaragara bishobora kwerekana umusaserdoti wiyubaha kandi wishimiye ubutumwa ahabwa na Kiliziya.

### **3. Kumenya ko afite aho agarukira**

Mbere ya byose, umusaserdoti agomba kumenya ko ari ubusabusa imbere y'Imana. Ko ibyo akora byose, ibyo atunze byose, abo ashinzwe bose ndetse n'ibyo azi byose abihabwa n'Imana Yo yamuhamagaye, ikamutora, maze ikamuha ubutumwa. Icyo ari cyo cyose agikesha kuba ari umuntu w'Imana. Bitabaye ibyo, n'umunsi umwe ntiyashobora kuwurangiza akiri umusaserdoti. Uhoreye muri Amerika ukageza muri Aziya, mu Burayi no muri Afurika, mbese muri iyi si ya Rurema, nta muntu n'umwe ushobora gukora ibintu byose, nta we ushobora kumenya byose kandi nta n'ushobora kuganza ibintu byose. Koko rero, ingabire y'Imana iramuhagije kuko byose tubikesha ubuntu bwayo. Muri make, umusaserdoti ni umuntu utwawe kurusha uko atwaye. Ni umuntu utwawe n'Imana mu biganza byayo, kuruta uko yaba afite ibyo atwaye mu biganza bye.

Isakramentu ry'Ubusaserdoti ntirihabwa abantu b'ibihangange mu butunzi cyangwa mu bwenge. Ahubwo uzasanga ab'intamenyekana n'abaciye bugufi ari bo bumva ijwi ry'Imana vuba, mbere y'ibikomangoma by'yi si cyangwa se abakire batunze byinshi (reba 1 Kor 1, 26-31). Kumenya ko uri umunyantege nke si ubugwari kandi si ukwisuzuguza. Ahubwo bitanga amahoro, cyane ay'umutima. Intege nke mu butumwa ntibisobanura ko umuntu ntacyo ashoboye. Nyamara bishobora kuba imbarutso yo kugira umurava no kwakira ingabire y'Imana; intandaro yo kumva neza umwanya w'Imana mu buzima bwe. Hari n'ubwo byamubera amahirwe yo gusobanukirwa ko atari we ukora, ahubwo ko ari Imana mu mpuhwe zayo itwaye ku rutugu umuryango wayo, ari wo Kiliziya.

#### **4. Kumenya no kwiyumvisha ko atari wenyine**

Umusaserdoti ntaba wenyine kuko abana n'Imana mu Butatu butagatifu, Yo imurema, ikamuha ubutumwa kandi ikabumushoboza. Abana na Bikira Mariya Umubyeyi wa Kiliziya. Abana n'abamalayika ari bo barinzi ba Kiliziya. Kandi abana n'abatagatifu, ari bo bagize Kiliziya y'abatsinze.

Umusaserdoti ari kumwe n'abandi basaserdoti bagenzi be: Abepiskopi, Abapadiri n'Abadiyakoni. Byongeye kandi Umusaserdoti abana n'imbagya y'abakristu, akabitaho na bo bakamwitaho, akabamenyera igitunga roho zabo na bo

bakamumenyera ibitunga umubiri we. Abakristu bagomba kuba hafi y'umusaserdoti, bakamusabira mu isengesho bavuga buri munsi, kandi bakamufasha gukora neza ubutumwa bwe. Umusaserdoti rero ni umuntu utorwa mu bantu kugira ngo abafashe kwegera no gusabanira Imana. Ahamagariwe kubana na bo kugira ngo abatagatifuze, abayobore kandi abigishe. Koko rero ntiwafasha uwo udakunda, ntiwakunda uwo utazi, ntiwamenya uwo mutabana cyangwa se mutabanye.

Umusaserdoti rero agomba kugirana n'abandi umubano mwiza, by'umwihariko muri Paruwasi arimo, muri Diyosezi abarizwamo no muri Kiliziya yose muri rusange. Ni ngombwa ko basangira byose: isengesho cyane cyane Igitambo cya Misa, Ijambo ry'Imana, liturujiya, ibitunga umubiri n'ibindi. Umusaserdoti uba wenyine ntabaho, kuko atorerwa gufasha abantu.

Ni yo mpamvu, nta mupadiri uhabwa ubutumwa bwo kuba nyamwigendaho, bimbwiye iki cyangwa se ntibindeba. Aho akenewe hose asabwa kujyayo, kuko « Umwana w'umuntu atagira aho arambika umusaya » (reba Lk 9, 58; Mt 8, 19).

#### **5. Kumenya ko ari umuntu wahamagawe**

Umusaserdoti ni umuntu Imana iba yarahamagariye ku bwende bwayo, kugira ngo asohoze ubutumwa muri Kiliziya. Nk'uko ntawigeze asaba Imana kuvuka, ni ko ntawe uyisaba kumutorera kuba umusaserdoti.

Byose abihabwa ku bw'ingabire n'ubuntu by'Imana. Koko rero, Yezu Kristu yitoreye abasaserdoti kugira ngo babe abagabuzi b'amabanga y'Imana, aho bari hose n'igihe cyose. Ni Imana ubwayo ibitorera, ikabatuma hirya no hino, ngo bagende bere imbuto nyinshi kandi nziza.

Kuba umudiyakoni si umusaruro wo ku mbaraga za muntu, kuba umupadiri cyangwa umwepiskopi si imbuto yeze ku buhangana n'ubushobozi bye. Byose ni ukubera ubantu, urukundo n'impuhwe by'Imana. Ni Yo ubwayo ihamagara uwo ishaka, igihe ishakiye n'ahantu yishakiye. Imana ntibwirizwa, muri byose irihagije. Icyo umuntu asabwa ni ukuvuga "Karame", maze agakurikiza ugushaka kwayo. Icyo dusabwa nk'abantu ni kwiga neza amasomo duhabwa, kwitwara neza mu mibanire yacu n'abandi, no gusenga neza uko bikwiye. Kuba umusaserdoti si ibyo umuntu yiha cyangwa ngo abihitemo, si ibyo yihangishaho. Koko rero, Imana yonyine ni Yo ishobora guhamagara no gutora abo yishakiye n'igihe ibishakiye ngo bayibere intumwa muri rubanda. Nk'uko umuhanuzi Yeremiya abivuga, Nyagasani Uhoro yantwaye umutima, nanjye ndemera. Yarangwatiriye andusha amaboko (reba Yer 20, 7).

Iyo umuntu abaye umusaserdoti ntaba akiri uwe bwite, ngo abe yakora ibyo yishakiye. Agomba kureka ibyifuzo bye, maze akemera kuyoborwa n'Imana (reba Yh 21, 18).

Umusaserdoti ni umuntu wasizwe n'Imana. Arashinganye rero, kuko ni umuntu w'Imana na Kiliziya. Imana yonyine ni yo agomba kubaza uko akwiye kwitwara mu butumwa. Mu byiza umusaserdoti akora, Imana ni yo ibimushoboza ku bw'Umwana wayo Yezu Kristu no muri Roho wayo Mutagatifu. Mu byiza avuga, aba ari umunwa w'Imana; mu byiza akora, aba ukuboko kw'Imana; mu byiza ntega amatwi, aba ari amatwi y'Imana; mu nzira nziza kandi ziboneye anyuramo, aba ari amaguru y'Imana. Iyo Sekibi amukubise umutego akagwa, Nyagasani Imana yacu, mu mpuhwe zayo, ihora yiteguye kumuhagurutsa igihe cyose abiyemereye. Ni ngombwa rero ko umusaserdoti yubakira k'uwamuhaye ubutumwa. Ukwemera n'ukwizera byacu bishingiye ku rukundo rw'Imana.

## **6. Kugira ibyishimo by'umutima no kuba umunyamahoro**

Ni agahinda kubona umusaserdoti wa kibihira. Aho ari hose, umusaserdoti wa Kristu atera abo bari kumwe kwishima no kugira amahoro. Nk'uko nta we utanga icyo adafite, mbere na mbere agomba kuba umuntu wishimye kandi w'umunyamahoro. Ibyo bigaragarira cyane mu Gitambo cya Misa. Mu ntagiriro ya Misa, umusaserdoti abwira ikoraniro ati: «Inema n'amahoro bituruka ku Mana bihorane na mwe», cyangwa iyo ari umwepiskopi ati: «Nimugire amahoro! ». Mbere yo gusangira Umubiri wa Kristu, umusaserdoti

uyoboye Igitambo cya Misa cyangwa umudiyakoni bari kumwe arongera ati: «Nimwifurizanye amahoro». Hanyuma no mu gusoza akongera ati: «Nimujyane amahoro ya Kristu».

Ni iki cyatuma umusaserdoti abaho atishimye cyangwa nta mahoro afite kandi imbabazi n'impuhwe by'Imana bimuhoraho? Kumenya ko ari umunyantegé nke si icyaha kandi ntibigomba kumutera ipfunwe. Byanze bikunze agomba kwemera ko afite aho agarukira igihe cyose ari ikiremwa, ko agomba kubabara, kandi ko igihe kizagera akava muri ubu buzima bwo ku isi. Hanyuma akishimira ko Imana yamukijije mu rukundo rwayo, kandi ikaba imuhora hafi. Agomba kwishima no gutera abandi ibyishimo n'amahoro kuko dufite amahirwe akomeye, nk'uko umuririmbyi wa Zaburi abivuga, yo kuba dutakambira Imana ikatwumva. Aragira ati: «Mana yanje, ngirira imbabazi ukurikije ineza yawe; kubera impuhwe zawe nyinshi, umpanagureho ibyaha byanje» (Zab 51, 1); akongera ati: «Ahubwo mpa kwishimira ko nakijijwe, kandi unkomezemo umutima wuje ineza» (Zab 51, 14).

## 7. Kumenya gutega amatwi

Umusaserdoti ni mubitswabanga. Abakristu bakeneye umusaserdoti utuje, ubumva, uvuga make, ushyira mu gaciro. Uwo bakeneye kandi ni wa wundi utihugiraho gusa ngo usange yazimiriye muri shuguri na jugujugu bihabanye n'ubutumwa ahabwa na Kiliziya. Pawulo Mutagatifu, mu

Ibaruwa yandikiye Abanyaroma, ni we utubwira ko gutega amatwi Ijambo ry'Imana, ari yo nzira y'ibanze igeza ku kumenya no kwemera Yezu Kristu (reba Rm 10, 14-15). Uko gutega amatwi icyo Imana itubwira bigomba kudufasha no gutega amatwi abantu bose na buri wese. Umwitozo wo kubana neza n'abandi udusaba kubatega amatwi, tukabumva kandi tukifatanya na bo mu buzima barimo: mu byishimo cyangwa se mu ngorane. Ukwemera ni ukureka Imana ikakubwira, naho kujya mu butumwa ni ukureka abantu b'ingeri zose bakakubwira. Mu isengesho, umusaserdoti agomba kuganira n'Imana akayitega amatwi; hanyuma mu butumwa akorera hirya no hino, agomba kuganira n'abantu kandi akabumva. Umusaserdoti atumwa gukiza roho za benshi. Ibyo rero ntiyabishobora atabanje kubatega amatwi. Si byiza ko yinubira abaza bamugana bashaka kumubwira ibiberekeyeho. Umusaserdoti agomba guharanira kuba umuntu wizerwa, ugira impuhwe kandi witangira abandi; kuko muri we, Imana ikiza imitima ya benshi. Koko rero, Kiliziya, cyane cyane mu Rwanda, ikeneye abasaserdoti bazi gutega amatwi, bakumva kandi bagafasha abaje babagana bose. Kugira umutima nk'uwo uzi gutega amatwi nta yandi mananiza ni ngombwa, ahanini kubera impamvu ebyiri: icya mbere ni uko abantu twese Imana iturema turi beza; icya kabiri ni uko twese turi abanyantegé nke. Ibyo byombi bishobora gufasha

umusaserdoti kumva neza ibyo abwiwe no kugirira neza uwo ari we wese uje amugana.

#### **8. Kwizera ububasha n'ubudahangarwa by'Ijambo ry'Imana**

Ijambo ry'Imana ni irinyabubasha. Rityaye kurusha inkota y'amugi abiri (reba Heb 4, 12). Igihe cyose ryigishijwe mu bwiyoroshye, ku buryo butuje kandi mu magambo yumvikana rishobora kwera imbuto nyinshi. Iyo twemeye rigacengera imitima yacu, riratuvugurura, riduhindura bashya, maze rikaduha kugira uruhare ku buhangabw'Imana. Umuhanuzi Izayi abisobanura neza muri aya magambo: «Nk'uko imvura n'urubura bimanuka ku ijuru, ntibisubireyo bitabobeje ubutaka, bitabumejejeho imyaka kandi ngo biyikuze, ngo bihe umubibyi imbuto, n'ifunguro rrimutunga, ni na ko ijambo risohotse mu munwa wanjye [Uhoraho]: ritangarukaho amara masa, ritarangije ugushaka kwanjye, ngo risohoze icyo naritumye» (Iz 55, 10-11).

Birakwiye kugira ukwemera n'ukwizera mu Ijambo ry'Imana, kuko "Hahirwa abumva Ijambo ry'Imana bakarikurikiza" (reba Lk 11, 28). Umusaserdoti mwiza amenya kuvuga rumwe na Yezu Kristu wamuhaye ubutumwa. Yirinda kandi kuvuguruza no gusobanura uko yishakiye<sup>3</sup> Ijambo ry'Imana n'izindi nyigisho za Kiliziya. Agomba kwirinda kwamamaza ibitekerezo bye bwite cyangwa iby'abandi

bantu yishakiye . Kuko iyo dushatse kurishyiramo amagambo yacu bwite, turitesha agaciro, tugapfobya uburemere bwaryo.

Ijambo ry'Imana ririhagije, ntirikeneye kunganirwa n'ibitekerezo byacu bwite (reba 1 Kor 1, 19) cyangwa se n'amagambo y'akarimi keza, aryoheyе amatwi gusa (reba 1 Kor 2, 1-5). Ni yo mpamvu umwigisha mwiza ari wa wundi utega amatwi Roho Mutagatifu mbere yo kugira icyo abwira imbaga y'Imana. Umusaserdoti rero agomba kumenya ko abaje mu Misa cyangwa mu zindi nyigisho ziteganyijwe mbere na mbere si we baba baje kumva, ko ahubwo baba bazinduwe no gutega amatwi Ijambo ry'Imana ribakiza kandi ribafasha gukomera mu kwemera. Kuko umwumva ni Yezu Kristu aba yumbise, kandi umuhinyura ni Yezu Kristu aba ahinyura. Byongeye uhinyura Yezu Kristu ni Imana Data yamutumye aba ahinyura (reba Lk 10, 16).

#### **9. Kwitoza kubaho utiringiye imyumbire y'abantu**

Rimwe na rimwe icyo rubanda rwifuba ku musaserdoti si cyo Imana idutegerejeho. Ariko aho kwigisha ibishimisha abantu, nyamara bikababaza Imana umusaserdoti asabwa kwigisha ugushaka kw'Imana, kabone n'ubwo abantu baba babyumva ukundi. Koko rero, igipimo cy'ukuri ni Imana yonyine. Umusaserdoti asabwa kwirinda guharanira ibyubahiro muri rubanda

<sup>3</sup> Reba Inyandiko ya Vatikani ya II, Presbyterorum ordinis, n. 4.

yitwikiriye cyangwa yihishe inyuma y'Ijambo ry'Imana. Kuko "ikuzo ni iry'Imana yonyine"<sup>4</sup>. Icyo gihe ntaho byaba bitandukaniye no kwikuza cyangwa se kwhihindura "akamana". Inyigisho n'imyitwarire runaka ntigirwa "bikristu" cyangwa se "ibikomoka ku Mana" no kuba abantu bose babyemera. Na Yezu Kristu ubwe, abantu bose ntibamwumvise, kandi ntibamwemeye. Ubwinski bw'abantu si bwo buha ikintu kuba cyo. Umusaserdoti rero asabwa guhagarara gitwari ku nyigisho Kristu yahaye Kiliziya ye. Asabwa kubana mu mahoro n'abantu bose uko bishoboka (Rom 12, 18), ariko na none ntakwiye guterwa ubwoba n'ubwinski bw'abatumva neza ibyo Kiliziya yigisha. Abantu bose ntibashobora kumva ibintu ku buryo bumwe. Kuva na kera byahozezo bityo, ndetse byanarushaga uko bimeze uyu munsi.

## 10. Kwemera umubabaro eterwa n'ubutumwa ukora

Gukurikira Yezu Kristu bisaba kwemera guheka umusaraba. Koko rero, aho kuzira ikibi wakoze wazira icyiza wakoze (reba 1 Pet 4, 12-19). Ni ngombwa cyane, kuko ni ho hari ibanga ryo kugira icyo ugeraho. Imbabaro iratugora, rimwe na rimwe ikadutera kwibaza byinshi, nyamara ariko iyo tugize ubutwari bwo kuyakira idufasha gukura no gukomera mu kwemera. Kugira ngo imbuto y'urugano ishobore gukura no kwera izindi nyinshi igomba

kubanza guhuguta (reba Yh 12, 24). Mu butumwa bwe, umusaserdoti ashobora gutsitara. Icyo gihe dukunze guhita tumufata nk'umunyamakosa. Ko ibyo yakoze bihabanye n'uwo ari we, ko Kiliziya yibeshye imwizera n'ibindi. Ibyo byose birashoboka, ariko si ko bigenda buri gihe. Koko rero, abantu turagorana. N'iyo abayobozi ba Kiliziya bakora ibinoze gusa, ntihashobora kubura ababyambika isura mbi. Kuri iyo ngingo, Yezu Kristu ashobora kutubera umuhanya. Kuko, n'ubwo yemeye kwhihindura umugarangu wa twese kugira ngo aturonkere umukiro w'ukuri (reba Fil 2, 6-11), twe iyo neza twarayirengagije, maze twihitiramo kumubabaza no kumubamba ku musaraba.

Mu butumwa bwose, ingorane ntizijja zibura. Ku ruhande rumwe, kubera ko buri gihe twigiramo amakimbirane mu mitima yacu no mu bo turi kumwe. Ku rundi ruhande, kubera ko, nk'uko Pawulo Intumwa abigaragaza mu mabaruwa ye, ububabare duhura na bwo mu butumwa bwa Kiliziya ni ikimenyetso kigaragaza uburemere bwabwo. Ububabare umusaserdoti ahura na bwo mu butumwa bushobora kutwumvisha ko mu ntege nke zacu ari ho turonkera imbaraga (reba 2 Kor 12, 9-10); no kutwibutsa ko ububabare ari ngombwa mu rugendo rugana ku mukiro wacu dukesha Yezu Kristu wigize umuntu kugira ngo adukize.

Birumvikana ko umusaraba atari

<sup>4</sup> Mu rurimi ry'Ikilatini baravuga ngo « Soli Deo Gloria ».

ikintu cyo kwireengagizwa mu iyogezabutumwa. Ni wo mutima w'ubuzima bwa gikristu n'ubwa gishumba. Ibyo bigaragara neza iyo umuntu yitegereeje ubuzima bwa Yezu Kristu hano ku isi: yaranzwe bikomeye, yaratutswe, yarakubiswe, yaragambaniwe, yiciwe ku musaraba... Cyangwa akazirikana ku butumwa Umubyeyi Bikira Mariya yatangiye i Kibeho ku wa 15 Gicurasi 1982, ati: "Ntawe uzagera mu ijuru atababaye", kandi "umwana wa Bikira Mariya ntatana n'imibabaro"<sup>5</sup>. Kumenya kwakira umusaraba rero ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza intumwa nziza, izi uwo yakurikiye. Kuko ushaka gukurikira Yezu Kristu yemera guheka umusaraba we, hanyuma akanyura mu nzira yanyuzemo. Gukurikira Kristu si amaraha n'imiteto, ahubwo ni urugamba. Intumwa ya Yezu Kristu ntiyinubira kwiyuha akuya.

### **11. Guhora witeguye no kumenya kwakira ibyo utakekaga ko biri bube**

Ikindi kintu cy'ingenzi cyane ku musaserdoti ni uguhora yiteguye gufasha no kwitangira abandi, kwemera no guhindura gahunda ze igihe bibaye ngombwa. Mu buzima bwacu bwa hano ku isi, gutungurwa no gutungurana birashoboka ndetse bigomba kubaho. Rimwe na rimwe ntibyoroha guhindura gahunda umaranye igihe, ariko icya mbere ni ugukora icyo Kiliziya igusaba:

guharanira ikuzo ry'Imana no gukiza roho z'abantu benshi. Atirengagije ko ari umunyantenge nke, umusaserdoti asabwa kwisanzura kuri Nyagasani Yezu Kristu umuhamagara kandi umuha ubutumwa, maze akakira inema z'igisagirane mu gihe gikwiye. Umuntu yitegereeje neza ashobora kubona ko ugushaka kw'Imana akensi kwigaragariza muri gahunda zacu zitandukanye. Urugero: ushobora kuba ufite kuri gahunda wihaye kujya gukina ku wa mbere nimugoroba, hanyuma kuri uwo munsi no kuri iyo saha, ukabona umukristu aje agusanga ashaka guhabwa isakramantu rya Penetensiya. Birumvikana ko icyo gihe kujya gukina waba ubisubitse, ukabanza ugatabara roho y'uwo muntu. Koko rero, ntacyo kuba umusaserdoti byajyaga kumara, niba umurimo ahamagarirwa gukora utandukanye n'uwo gufasha abantu guhura n'Imana.

Gutanga ubuzima bwe bisobanura no kwigomwa igihe cyacu, guha umwanya mugenzi wanje muri njye, guhora witeguye kwakira no gufasha abantu. Ibyo byose umuntu akabikora atagamije inyungu, gushimwa, guhabwa amakuzo n'ibybahirro.

### **12. Kumenya guseka no gusetsa**

Umusaserdoti mwiza ni wa wundi utera akanyamuneza kandi agasusurutsa abo bari kumwe. Ni wa wundi ufasha abo ashinzwe guhorana itoto n'ituze kuri roho no

<sup>5</sup> Eugène NIYONZIMA, SAC, (Padiri), KIBEHO: Abakobwa batatu babonekewe. Igisubizo ku bibazo by'ibanze abantu babibazaho, Sanctuaire Notre Dame de Kibeho 2010, urup. 109.

ku mubiri. Ni wa wundi kandi ufasha abagize ikoraniro guhora bivugurura bagahinduka bashya kandi buzuye ubwitonzi nyakuri.

Guhora wikanyiza, ukishimira ko abantu bakwita "ikoko" cyangwa "agakatsi" ntibikwiye kuvugwa mu basaserdoti<sup>6</sup>. Umusaserdoti mwiza amenya gususurutsa abo bari kumwe bose: abana mu tugoroba twabo, urubyiruko mu mboneka zabo, abakuze mu miryango remezo, abarwayi, imfugwa, abasheshe akanguhe mu ngo iwabo igithe yabasuye n'abandi. Ni wa wundi utanga ibyishimo, kandi akarangwa n'ibyishimo. Abakristu ntibakeneye umusaserdoti wabihewe, wijimye mu maso, cyangwa wa wundi utajya useka. Niba Padiri agomba kuba urumuri rumurikira abo yaragijwe, ni nde yafasha aramutse abaye kibihira? Abakristu ntibakeneye umusaserdoti ubatura ibibazo bye gusa, ahubwo bakeneye wa wundi ubatega amatwi, akabumva igithe bamutura ibyabo bwite. Nk'uko Ibyanditswe bibivuga, nta mpumyi irandata indi mpumyi, kuko zombi zishobora kugwa mu rwobo zitabizi (reba Lk 6, 39; Mt 15, 14). Kumenya gushimisha abo muri kumwe cyangwa abo mubana ni ikimenyetso cy'ubwicishe bugufi. Umusaserdoti yashimisha abakristu ate? Igisubizo cy'iki kibazo gishobora kuba kirekire. Umuntu yavuga nko: kugerageza kugaragaza ko wishimiye kuvuga Misa, gukinana n'urubyiruko cyangwa abana igithe

ari ngombwa, gufasha abakristu mu mirimo itandukanye, cyane igithe baje mu gikorwa cy'urukundo, gufasha amakorari gutera imbere mu miririmbire, gusura imiryango y'Agisiyo Gatolika, n'ibindi.

### **Umwanzuro**

Umusaserdoti ni impano ikomeye Imana yahaye abantu. Kuko rero ari intumwa y'Imana muri Kiliziya, umusaserdoti asabwa kwihatira kuba umuntu w'Imana: umukristu mwiza, w'imfura, w'imicomyiza, w'umunyakuri, w'umunya-mahoro (reba 1 Tm 3, 2b-9). Asabwa kandi kuba umuhamya w'urukundo, intumwaimenyagusohozabutumwa yahawe, kwegera abakristu ariko akirinda gutwarwa na bo no gukunda isengesho.

Byongeye kandi agomba kuba umuntu w'abantu bose, wakira neza abaje bamugana nta kuvangura kandi ku buryo bumwe: abana bato, urubyiruko, abakuru, abasaza n'abakecuru, abakiri n'abakene, abayobozi n'abayoborwa, abize n'abatarize, abanyamujiyi n'abanyacyaro, mbese buri wese mu kigero arimo.

Umusaserdoti agomba kuba urumuri rumurikira abandi mu nzira y'ukwemera n'urukundo. Agomba kuba umuntu uryohewe kandi ufasha abandi kuryoherwa n'ubuzima bwa gikristu na gahunda za Kiliziya. Ariko ntagomba kumera nka rya tara rimurika hanze yaryo gusa,

<sup>6</sup> Niba Yezu Kristu ari umunyampuhwe uragwa n'urukundo n'ukwiyorosha, ni gute ashobora gutuma umuntu kuba umunyamahane cyangwa kwigira umuntu ukanga abaje bamugana?

nyamara aho riteretse umwijima ukahaguma. Mu yandi magambo, umusaserdoti asabwa mbere na mbere kwakira Urumuri rwa Kristu, akemera kumurikirwa no kuyoborwa na rwo, hanyuma akabona uko afasha ikoraniro kuyoboka Rumuri. Kuko burya "ntawe utanga icyo adafite", kandi ngo "udashinga ntabyina". Muri byose, Imana igomba guhabwa umwanya w'ibanze mu buzima bw'umusaserdoti. Ingingo zose tumaze kubona ntizashoboka tutabanje kwiga no kwigana ingiro n'ingendo twasigiwe na Yezu Kristu, kwemera kuyoborwa na Roho w'Imana.

## UMUSASERDOTI: "UMUHAMYA W'AMAHORO N'IBYISHIMO"

*Myr L. P. Dieudonnee RWAKABAYIZA,  
Umuyobozi wa Seminari Nkuru ya Nyakibanda*

### Intangiriro

Basomyi bavandimwe, mu rwego rwo guhimbaza Yubile y'imyaka 100 abanyarwanda ba mbere bahawe isakramantu ry'ubusaserdoti mu Rwanda, nejejwe no kubafasha kuzirikana ku busaserdoti nyobozi mpereye kuri bimwe mu bikwiye kugaragaza umusaserdoti mu buhamya agomba gutanga, by'umwihariko muri ibi bihe turimo, aho "umuntu w'iki gihe yumva vuba abahamya kurusha abigisha. Niba kandi anumva abigisha akaba ari uko baba ari abahamya" (Evangelii nuntiandi, n. 41).

Ni mu guhera kuri iyo mpuruza y'umuhire Papa Paul wa VI, nifuje guha iyi nyandiko insanganyamatsiko

Muri iki gihe duhimbaza Yubile y'imyaka ijana y'ingabire y'Ubusaserdoti mu Rw'imisozi ighumbi, nibitubere umwanya wo kuzirikana ku bantu bose badufashije kumenya Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Tuzirikane kandi tubigireho ko ubwo butumwa babusohoje batagamije kuronka inyunga z'amafaranga n'ubundi butunzi bufatika bwo kuri iyi si. Ko ahubwo bari barajwe inshinga no kudufasha kuba inkoramutima za Yezu Kristu mu rukundo, ubumwe n'amahoro. Bityo tukagira ubugingo busagambye (reba Yh 10, 10).

igira iti "**Umusaserdoti, umuhamya w'amahoro n'ibyishimo**".

Kugira ngo iyo ntego igerweho, iki gitekerezo ndifusa ko twagisangira binyuze muri iyi miyoboro:

- Umusaserdoti ni muntu ki ? Arangwa n'iki?
- Ibya ngombwa by'ibanze ku musaserdoti ni ibihe?
- Umusaserdoti nk'umuntu w'amahoro: Amahoro icyo atari cyo; Amahoro icyo ari cyo; Umusaserdoti, umuntu w'amahoro; Umusaserdoti, umuhamya w' ibyishimo.

### 1. Umusaserdoti ni muntu ki? Arangwa n'iki?

Mu kwibanda ku ibanga ry'umusaserdoti nk'uwahawwe

isakamentu ry'ubusaserdoti mu nzego zaryo uko ari eshatu, duhishurirwa na Gatigisimu ko «ku bw'ubusaserdoti, kimwe na Kristu umusaserdoti mukuru kandi uhoraho, uwarihawe agenewe kwigisha Inkuru nziza, kuragira abayoboke b'Imana no gutura igitambo gitagatifu kuri Alitari».

Ibyo bituma buri musaserdoti aba igitembo cy'ingabire Nyagasani asesekaza mu bushyo bwe n'amaboko ndasimburwa abepiskopi bakeneye mu butumwa bw'ikenurabushyo» (reba Myr Filipo RUKAMBA, Abasaserdoti ba Diyosezi ya Butare 1961-2012, urup. 4).

Ni muri urwo rwego, umurimo wa gisaserdoti ugaragarira neza mu idini y'Abayahudi aho riwerekana ryifashishije inkingi eshatu z'ingenzi ari zo: Umusaserdoti, umuhanuzi n'umwami. Nk'umusaserdoti, uwo murimo werekeza ku birebana n'ubuherezabitambo aho akora imirimo mitagatifu yo gutamba atura Yezu nk'igitambo kandi na we yitura Imana anayitura abandi n'ibyabo kandi yitanga; ibyo biganisha ku mwanya w'ibanze ugomba guhabwa Imana Rurema iganje hejuru ya byose nk'uko itegeko rya mbere mu y'Imana ribyemeza. Nk'umuhanuzi, umurimo we ni uwo kuvuga mu izina ry'Imana (porte-parole) no mu mwanya wayo, byongeye ni uwo kureba nk'Imana arebesha amaso yayo kandi areba kure kimwe nayo; hakiyongeraho no kuba ari umuntu wahuye n'Imana aka Yeremiya ha handi avuga ati: «Uhoraho wantwaye umutima

nanje nemera gutwarwa.....» (Yer 20, 7). Kubyerekeranye n'ishusho y'umwami, twakwibutsa ko umwami yashushanyaga Ingoma y'Imana ku isi akaba ari byo binatwerekeza neza ku ishusho y'ubushumba ituma umusaserdoti asabwa kuba umushumba mwiza, Rudakenesha. Haherewe kuri izo nkingi uko ari eshatu, Kiliziya itwigisha ko imirimo shingiro yayo ari inyabutatu: Ubuyobozi, Ubuhanuzi hamwe n'ibijyanye na Lituruiya. Yezu Kristu naWeubwe,mukuzakuzuzalsezerano rya kera, ntiazuyaje kwerekana ko ari Umuhanuzi udasanzwe (Lk 7, 16), Umwami (Yh 12, 13; Yh 6, 15), ndetse n'Umusaserdoti usumba aba kera (He7, 26-27). Bityo rero, umusaserdoti wa Kristu, mu mihangi akorerwaho yiyejurira Imana mu Isakamentu ry'ubusaserdoti, agirwa nk'igikoresho cya Kristu We "Umusaserdotiiteka,Umwamiw'ibihe byose n'Umuhanuzi w'ikirenga". Ngibyo ibimugira "Inarari-bonye" (presbytre ou ancien) wabonye ibantu agasubira ibindi, bityo hakavugwa ko nta musaserdoti w'umwana ubaho: ashobora kuba ari muto mu myaka ariko afite ubunraribonye bw'umuntu mukuru! Ng'uwo rero umusaserdoti: uko akoze, uko akora ari byo mwimerere w'uwo ari we.

## **2. Ibya ngombwa by'ibanze ku musaserdoti**

Bitewe n'ubutumwa buhambaye umusaserdoti asabwa kurangiza, kimwe n'uko buri muryango ugira amategeko y'imyitwarire,buri gihugu

kikagira Itegeko-nshinga rikiyobora, yewe n'amashuri anyuranye akagira ibyo asaba abanyeshuri bifusa kuyigamo; no mu ishuri rya Kristu ariho mu muzabibu wa Nyagasan, niko bimeze. Hari ibya ngombwa bisabwa na Yezu ubwe ku bashaka gukurikira Yezu mu busaserdoti, kugira ngo Izina ry'Imana ryubahwe, Ingoma y'Imana yogere hose n'Ugushaka kwayo kubahirizwe biturutse kuri uwo musaserdoti. Muri rusange, ibyo bya ngombwa bigunirwa mu bintu bine by'ingenzi:

### **2.1. Kugira umwigisha umwe rukumbi**

**Hari** umuhanga washishoje, mu kurangamira iby'isi dutuye atanga ubuhamya yemeza ati: «Iyi si imeze nk'igitabo kinini kirambuye gifite abarimu barusha ubwinshi abanyeshuri...».

Koko rero, muri za kaminuza n'amashuri makuru, haba abazigishamo benshi buri wese akagira isomo rye bitewe n'uko yarizobereyemo! Mu ishuri rya Kristu ho rero si ko bimeze: ni We ugomba kuba umwarimu rukumbi w'amasomo yose. Ngiyo impamu ibwiriza rya mbere ku biyemeje kumukurikira bamwiyegurira, ari iryo kwitandukanya n'umuntu wese wakwigisha ibinyuranye n'ibye.

Ni muri urwo rwego twavuga ko Yezu Kristu ari umwigisha wihagije kandi wanga umuvangira, mu murongo mbese w'Uhoraho, igihe yahaga umuryango we amategeko cumi, akivugira ati "Kuko Imana yawe ari

kyewe Uhoraho, nkaba Imana ifuha..." (Iyim 20, 5); Hari n'ahandi Yezu yivugira ati "Utari kumwe nanje aba andwanya..."; ahandi naho akatwita "Intore z'Imana" (Kol 3, 12) mu kutwibutsa ko: "Imbyino Nyir'urugo ateye ari yo yikirizwa".

### **2.2. Gukurikira Kristu ako kanya kandi burundi, nta kujenjeka**

Tumurikiwe n'imvugo yemeza ngo «utazi iminsi arayijenjekera» kimwe ngo n'uko «utazi inzovu yambara inzogera», mu muzabibu wa Nyagasan, mu guhamagarwa, witaba ubutareba inyuma. Nta kujandajanda mu by'Imana, nta kujenjeka mu kwiha Imana, nk'uko tubisanga mu by'itorwa ry'abigishwa ba mbere ba Yezu. Ngo bamwe basize aho inshundura zabo n'ababo, abandi nka Levi basiga amafaranga y'imisoro n'amahoro kuri Gasutamo... Ngiryo rero ibanga ryo gusiga byose ugakurikira kristu nta mananiza, nta n'urwitwazo.

### **2.3. Kwicomokora ku byo tuziritseho, baba abantu cyanga ibantu**

Mu buzima bwacu bwa buri munsi usanga akensi no ku buryo bwinshi dufite aho tuzirikiye n'ibituziritse, kugeza aho, tutitonze, twakumira n'Imana ikabura aho inyura iza itugana, bitaba ibyo tukayivangira mu gihe tuyisumbisha abantu n'ibantu... No mu butumwa bwa gisaserdoti, hashobora kuboneka kuvangavanga. Ngiyo impamu Yezu ubwe, mu mabwiriza yatanze yivugira ati «

umuntu utazahara ibyo atunze byose (abantu n'ibantu), ntashobora kuba umwigishwa wanjye » (Lk 14, 33).

Mu by'ukuri se, guhara byose ugakurikira Yezu ku musaseredoti bisaba kwizitura he no ku biki?

### **2.3.1. Kwizitura ku bo bafitanye isano y'amaraso**

Bitewe n'uko muri rusange isano abakristu bafitanye isumba iy'amaraso, by'umwihariko isano y'abasaserdoti hagati yabo ndetse n'iri hagati yabo n'abakristu, uwahawe ubusaserdoti arangwa no kutizirika ku be no ku bye nk'uko Yezu abishimangira agira ati «Umuntu waza ansanga, atabanje guhara se na nyina, abana be, abavandimwe na bashiki be, ndetse n'ubuzima bwe bwite, uwo nguwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye » (Lk 14, 25).

Ng'ibyo ibituma umusaserdoti aba ari uwa bose. Muri make, si uguhara abawe ubizituraho, si no guta umuryango wawe, ahubwo ni uguhitamo undi muryango mushya ushingyiye ku ntego y'ubwami bw'Imana kandi rero « guhitamo ni ukuzinukwa».

### **2.3.2. Kwizitura ku murimo wawe (Mk 1, 17)**

Yezu ahamagara abigishwa be ba mbere yarababwiye ati « Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu ». Mu yandi magambo, mu kubatora yabavanye ku murimo wabo wo kuroba amafi, abahindurira umurimo aberekeza ku kuroba abantu.

Mu kugaragaza ko yumvise impuruza ya Yezu, Petero yanagize ubwato yarobeshaga igikoresho cyo kwifashisha mu iyamamazabutumwa kuko bwahindutse ubw'umuryango mushya wa Yezu n'abigishwa be. Ntibukiri rero ubwa Petero ni ubwa bose mu byo kwigisha no mu byo gutwara abogezabutumwa ba Yezu. N'inzu ye ni uko byagenze, yahindutse ahantu ho kuruhukira n'aho gutegurira inyigisho kuri bo.

### **2.3.3. Kwizitura ku bintu (Mk 10, 17-22)**

Hifashishijwe umugani w'umusore w'umukungu wazitiwe n'ibantu bikamubuza «Kwiha Imana» akurikira Yezu, umusaserdoti wese asabwa kutizirika ku bintu no guhora yibuka ko « ibintu bibereyeho abantu, ko atari abantu babibereyeho». Ni nayo mpamvu Yezu atubwira buri wese ukwe, anyuze kuri uwo musore w'umukungu, ati «Genda ugurishe ibyo utunze, ibivuyemo ubihe abakene, [...] hanyuma uze unkurikire » (Mt 19, 22). Ngiyo rero imyifatire yagombye kuranga umusaserdoti nk'umukene ku mutima.

### **2.3.4. Kvitaza ikuzo ry'isi**

Mu rwego rwo kumenya kwishimira uwo uri we, Yezu asaba abo atora kudaharanira ikuzo ry'isi kimwe na We, ndetse agasa n'ubibutsa «ko ubamba isi adakurura ». Ni muri urwo rwego Paulo Intumwa, mu buremere bw'ubutumwa yari yarahawe, yabwiwe na Yezu ati «Ingabire yanje iraguhagije» (1Kor

12, 9), kandi rero koko, kwiha Imana byuzuye ni ugushimishwa n'ibyo urimo kimwe no kubibanamo na nyirabyo, ukiyumvisha ko, aka Mutagatifu Irenewo, «Ikuzo ry'Imana ari umuntu muzima».

### **2.3.5. Kvirinda guharanira imyanya n'ibyahiro mu by'Imana n'ibya Kilizya**

Kuba umusaserdoti, si uguharanira ibyahiro mu buzima, ahubwo ni uguharanira mbere na mbere Ingoma y'Imana n'ubutungane bwayo kuri wowe no ku bandi. Twibuke aho, ibya Bene Zebedeyi, ubwo Yakobo na Yohani bigeze kwisabira imyanya y'icyubahiro, maze Yezu akabasubiza ababwira ati «Ntimuzi icyo musaba...». Bityo rero, uri mu nzego z'ubusaserdoti by'umwihariko, agomba kwirinda gushaka kurisha Imana no kurisha uwo ari we mu butumwa! Agomba guharanira kuba umugaragu wa bose.

## **2.4. Guheka umusaraba**

Yezu hari aho avuga ati «umuntu wese udaheka umusaraba we ngo ankurikire ntashobora kuba umwigishwa wanjye» (Lk 14, 27). Ibyo bisobanuye ko umusaserdoti wese agomba «kwemera umusaraba no kuuhuka», ari byo bivuze «kwemera gupfa bibaye ngombwa azira Kristu kimwe n'Ivanjili Ye». Mu yandi magambo, guheka umusaraba ni ukutiberaho, ukaberaho Kristu n'ibye, mu murongo mbese w'ibyo Paulo Intumwa yivugira agira ati «Mu by'ukuri, ndiho ariko si jye: ni Kristu

uriho muri jye» (Gal 2, 20). Ngibyo rero ibisaba kwirinda kwhagararaho, ukemera gupfa ku byawe, ukaberaho Yezu Kristu, inyungu ze n'ubwami bwe.

Bavandimwe, ntawavuga ko ibyo bya ngombwa by'ibanze buri musaserdoti agomba kuzuza bimugira umusaserdoti mwiza, umusaserdoti usa na Nyira We; ariko twakwemeranya na benshi ko ari inkingi zisigasira ubuzima bwa gisaserdoti. Niba rero bavuga ngo «iyo ubonye urwo yambaye rukubwira urwo yubatse», mu kuzuza ibisabwa n'ahantu runaka, bikugira neza uw'aho hantu, bigatuma ndetse ntakukwibeshyaho! No mu muryango mugari wa Yezu rero ni ko bimeze; abe barangwa n'ibye, bakagendeshwa na byo, kandi bakabigaragariza mu mvugo no mu ngiro. Twahera aho rero dushimangira uko umusaserdoti ari umuntu w'amahoro n'umuntu w'ibyishimo, kuko bizwi neza ko «uwaraye ibwami agabana izabuze gitarura».

## **3. Umusaserdoti nk'umuntu w'amahoro**

N'ubwo bwose ibimaze kuvugwa haruguru ku musaserdoti ari ibimiranga kimwe n'ibya ngombwa agomba kuzuza biduha kumubona nk'umuntu w'amahoro, birakwiye rwose kubishimangira tuvuga noneho ku mahoro: icyo ari cyo, n'icyo atari cyo, nyuma tukabihuza n'ibanga rya gisaserdoti.

### **3.1. Amahoro icyo atari cyo**

Nk'uko bivugwa n'inyigisho z'Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye i Vatikani ubwa kabiri (reba Gaudium et spes, n. 78), Amahoro si ukubaho nta ntambara kandi amahoro ntarangirira mu kuringaniza imbaraga z'abahanganye! Bityo rero, amahoro ntagerwaho hitabajwe gufata intwaro nk'uko tubisanga muri ya mvugo y'Abaromani ngo "Niba ushaka amahoro tegura intambara" (Si vis pacem, para bellum). Amahoro ntagomba kandi gutterwa no kwigira ntibindeba cyangwa kwitaza (kwitarura) abo tudafitiye igikundiro, ahubwo amahoro ni ukurenga amaranga-mutima, hakumvirwa umutima-nama, Roho w'Imana agahabwa umwanya wo kutubuganizamo ingabire ze uko ari indwi: «Roho w'ubuhanga n'uw'ubwenge, uw'ubujyanama n'ubudacogora, uw'ubumenyi n'uwo kubaha Imana, hadasizwe na Roho w'igitinyiro cy'Imana »<sup>7</sup> (Reba Gaudium et Spes)

### 3.2. Amahoro icyo ari cyo

Mu muco wacu turavuga ngo "wanga amahoro mu kebo, amaherere yaza ugasokera inkangara". Dushobora guhera kuri iyo mvugo, bityo tukarushaho gucengera ibanga ry'amahoro.

Koko rero, Amahoro ni imbuto y'ubutabera, imbuto y'urukundo n'imbuto y'ubuvandimwe. Bene ayo mahoro afite isoko muri Yezu Kristu kuva akigera ku isi ubwo hatangajwe

ngo: "Imana nisingizwe mu ijuru no mu nsi abantu ikunda bahorane amahoro"; ari ukwemeza ko haje umwami w'amahoro, umuhuza w'ababuzeamahoro. Amazekugeraku isi, Yezu yatoye "abateramahoro" mu byiciro byose, abashyiriraho uburyo butoroshye bwo kuyaharanira, kuko yari azi neza ko ari "akaryoshye karya Nyiramaguru". Muri bo harimo intumwa, abigishwa be n'abandi bose biringira ubuvunyi bw'Imana.

Mu myumvire ya Yezu rero, umwigishwa we ni ikimenyetso n'ubushyinguro by'amahoro ye ige cyose: - Yiyemeje guheka umusaraba we (Mt 10,38); - Igihe cyose yiyemeje gushishikarirakumenyaukurikuduha kwigenga (Yh 8, 31); - Igihe yitangira gufasha abandi nk'abavandimwe be (Mt 20, 28); - Igihe ashlyize amizero ye muri Nyagasani (Mt 6, 25); - Igihe adaharanira kugira imyanya imurutisha abandi n'igihe yemera ko «umugaragu ataruta Shebuja» (Mt 10, 34), bityo akaba yakwemera kubabara nka We mu gihe cyose bibaye ngombwa!

### 3.3. Umusaserdoti, "umuhamya w'amahoro"

Duhereye kuri icyo gisobanuro cy'amahoro, biragaragara ko umusaserdoti wese agomba kuba umuntu w'amahoro ari na we muteramahoro! Koko rero, uhabwa isakramentu ry'ubusaserdoti wese asabwa kuzuza ibyo bya ngombwa

<sup>7</sup> Reba Vatikani ya II, Gaudium et Spes, n. 78.

biranga amahoro Yezu yashatse gusangiza abo akunda, aribo abantu bose biringira impuhwe n'urukundo bye.

Koko rero, "Yezu ni umuzabibu, twe tukaba amashami" (reba Yh 15, 15), ntitwagera rero ku mahoro nyayo, turamutsetumwicomoko-yeho, kandi abasaserdoti, ni bo by'umwihariko bamuducombekaho, mu kudusangiza ibyiza bye binyura mu ijambo rye no mu masakramentu yaturemeye, afatwa nk'imiyyoboro y'ubuzima bw'Imana. Ni muri urwo rwego, Kilizya umubyeyi wacu ihora isaba abakristu gusabira abasaserdoti bayo, cyane cyane mu mwaka nk'uyu wa Yubile y'ubusaserdoti ngo: *bakunde Kristu kandi bamukundire, bamukundishe abantu, maze nibarangiza kumutunganyirizamunsi, bazajye kubana n'intumwa mu ijuru*.<sup>8</sup> By'umwihariko muri uyu mwaka wa Yubile y'Imyaka 100 y'ubusaserdoti bwahawe abanyarwanda ba mbere Balitazari GAFUKU (1885-1959) na Donati REBERAHO (1884-1926), dukomeze dusabire abasaserdoti bacu kuba "abasaserdoti basa na Nyirabo", bitewe no kunga ubumwe na We, Soko idakama y'amahoro, Umwami w'amahoro. Ni byo byatumu dushobora gucengerwa n'ibanga ry'umuhamagaro wacu wo kuba "abaharanira n'abatanga amahoro" mu murongo na none wa wa murage w'amahoro twasigiwe na Yezu ubwe, mbere yo kuva kuri iyi si aho yagine

ati "Mbasigiye amahoro, mbahaye amahoro yanje... sinyabahaye nk'uko isi iyatanga, ntimukuke umutima kandi ntimugire ubwoba".

#### 4. Umusaserdoti, "umuntu w'ibyishimo"

Kimwe mu biranga umusaserdoti na none ni "ubuhamya bwo kuba ku isi azi ko atari uw'isi". Mu kwemeza iryo hame bigomba kujuvana no guterwa ibyishimo by'uko ibyiza by'Imana biri imbere, bityo tukabiharanira ubutarambirwa; tuzi neza kandi ko "uwahinze umuyaga asarura umuhengeri"!

Mu by'ukuri ariko se, ibyishimo by'umusaserdoti byaba bishingiye he? Mu gusubiza icyo kibazo, birakwiye gusubiza amaso inyuma tukiyibutsa "icyo umusaserdoti ari cyo, uwo ari we n'ikimugira we »! Nk'uko inyigisho y'imihango yo gutanga ubupadiri ibigarukaho, umusaserdoti ahabwa iryo sakramentu kugira ngo "yegukire gukorera Kristu, we Mwigisha, Umusaserdoti n'Umushumba; amere nka Kristu, Umusaserdoti Mukuru kandi w'ibihe byose urangwa no kwamamaza Ivanjili mu bantu bose, kudakenesha umuryango w'Imana nk'umushumba wayo, no guhimbaza imihango mitagatifu yo gusenga Imana, cyane cyane atura igitambo cya Misa".

<sup>8</sup> Reba Igitabo cy'Umukristu, Palloti-Presse, Kigali 1992, p. 126.

Duhereye aho rero, twakwemeza ko umusaserdoti w'indahemuka kuri izo nshingano, agira ibyishimo kandi agatanga ibyishimo! Ni no muri urwo rwego, kugira ngo abe "umuntu w'ibyishimo", kuba umusaserdoti muri ibi bihe bisaba: -Gukunda Imana n'Isengesho, kugira ubushishozi no kureba kure mu murongo waya mpuruza ya Yezu abwira abigishwa be ati "Murabe inyaryenge nk'inzoka n'intaryarya nk'inuma"; gukunda ijambu ry'Imana n'Amasakramantu, uyahabwa kandi uyatanga; kubahiriza amategeko y'Imana no guharanira ubutagatifu binyuze ku budahemuka ku isezerano wagiriye Imana. Muri make, kugira ukwemera guhamye mu byo urimo, urukundo rw'Imana, no kwizera ko "Uwizigiye Ruzige atazimiza ibaba", ngiyo isoko y'ibyishimo by'umusaserdoti.

### **Umwanzuro**

Mu kurema Isakramantu ry'ubusaserdoti hari icyo Yezu yari ategereje ku basaserdoti: "Kuba abasaserdoti basa na Nyirabo, ari we Yezu Kristu ubwe"! Bimwe mu byamuranze ni amahoro n'ibyishimo. Bityo rero, ku musaserdoti, "kuba umuntu w'amahoro n'uwb'ibyishimo, akabibera umuhamya hose no muri byose, ntibyagombye kuba icyifuzo, ahubwo ni inshingano" cyane ko ngo "Imbyino nyir'urugo ateye ari yo yikirizwa".

Mutagatifu Agusitini yemeje ko umusaserdoti muzima arangwa n'ibintu bine biguniye mu nshinga enye :

1) Kuba maso (Veiller),

ntiwirangareho kandi nturangarane abandi.

2) Gutwara abandi mu isengesho no kubaheka (Porter), bakuremerera ukibuka Yezu avuga ati "Nimwikorere umutwaro wanje, mundeberaho kuko ngira umutima ugwa neza kandi nkoroshy" (Mt 11, 29).

3) Kuba umugaragu w'abandi (Servir), hibukwa ko "Umugaragu ataruta Shebuja".

4) kuba umushumba (Etre Pasteur) mu murongo wa Yezu, Umushumba mwiza, witangira intama ze (reba Yh. 10).

Duhereye aho rero, twavuga twemeza ko kurangwa no kugendeshwa n'iyo migenzo y'ubusaserdoti nk'uko Agusitini mutagatifu abivuga, byatuma umusaserdoti aba kandi ahora, mu mvugo no mu ngiro, "umutera amahoro" n"utuma abantu bishima". Iyi nyandiko idufashe kurushaho kumva "umusaserdoti" uwo ari we imbere y'Imana n'abantu, by'umwihiariko muri uyu mwaka wa Yubile uzasozwa ku mugaragaro tariki ya 7 Ukwakira 2017.

# UMUSASERDOTI, UMUBYEYI W'ABANTU BOSE

Padiri Martin NIZIGIYIMANA

## Intangiro

Tumaze imyaka ijana Yezu Kristu yitoreye bwa mbere mu bana b'abanyarwanda Abasaserdoti, ngo babe ababyeyi ndengakamere b'imbanga nini ifite inyota y'Imana Nyir'ubuzima. Muri iyi myaka yose ishize, abanyarwanda batari bake bamenyeshejwe Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Bamenyeshejwe kandi Kilizya nk'Umuryango w'abana b'Imana ku buryo n'inyigisho itanga zigamije kubahuza na Yezu Kristu ubwe. Ndetse bakiriye na Roho Mutagatifu mu mitima yabo, abamwumviye bahinduka Intumwa z'Urukundo akungahayeho, muri bagenzi babo. Ibyo ahanini babikesha abasaserdoti bagaragaje ububyeyi ndengakamere mu butumwa bwo guhuza Yezu Kristu n'imbaga y'abemera. Muri iyi nyandiko twifuje kubasangiza ku bijyanye na kamere y'ubwo bubyeyi, buranga abasaserdoti nyobozi: Abepiskopi, Abapadiri n'Abadiyakoni.

### 1. Uguhize ubumwe muraturana yaguhiga ubutwari mugatabarana!

Iki kinyejana cya mbere cy'impano y'ubusaserdoti nyobozi<sup>9</sup> mu

Rwanda cyabayemo ibihe byinshi bikomeye bishimangira ububyeyi bw'umusaserdoti bugaragarira benshi bitewe n'uburyo yabyitwayemo. Mu gihe cy'ubukoloni n'ubuyobozi bwite bwa Leta muri rusange, mu gihe cyo kwitangira kogeza ivanjili mu bantu batari bayizi, umusaserdoti afite uko yahamije urukundo rwa Kristu ubwe. No mu nkubiri y'amashyaka menshi mu Rwanda n'inzira igana ku bwigenge bw'ighugu, mu bibazo by'amacakubiri n'intambara, mu mage ya jenoside n'akaga yakururiye abanyarwanda bose, ndetse no mu kangaratete ka nyuma yayo, na none umusaserdoti yasabwe guhagararira ukuri no kwimakaza umuco w'amahoro, ubwumvikane n'ubufatanye bishingiye ku Ivanjili maze Urukundo rwa Kristu rukazagera no kubatarumenya. Mu bujiji, ubukene n'indwara bidahwema gutambamira amajyambere arambye kuri bose, umusaserdoti wayobotse Yezu Kristu yitangiyi bose atarobanuye, yita by'umwihariko ku batagiraga kivurira, yemera rwose ko Kristu We «Nzira n'Ukuri n'Ubugingo» (reba Yh 14, 6) azabasha kubasubiza icyizere cyo kubaho, imbaraga zo gusaba

<sup>9</sup> N'ubwo isakramentu ririmo inzego eshatu, muri iyi nyandiko turibanda ku rwego rwa kabiri rw'abapadiri kuko abadiyakoni dufite baba bari mu nzira bagana mu bupadiri, naho abepiskopi bakaba batorwa mu bapadiri ngo bahabwe ingabire yisubuye ituma babera abo bayobora bose ababyeyi ku rwego rw'ikirenga. Byongeye kandi, turi mu mwaka wo kwizihiza yubile y'imyaka ijana U Rwanda rumaze rubonye abapadiri ba mbere b'Abanyarwanda. Abepiskopi "ni bo bahabwa isakramentu ry'ubusaserdoti ku buryo bwuzuye" (Inama Nkuru ya Kilizya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Lumen Gentium, n. 26).

imbabazi no kubabarira, akabaha n'icyanga cy'umubano mwiza mu bantu. Ubwitange nk'ubu ngubu ntibutana n'ububyeyi.

Koko rero, umusaserdoti wabiherewe isakramentu yagize uruhare runini mu kwigisha Ijambo ry'Imana no gushishikariza abakristu imyitwarire ishinze imizi mu Rukundo rwa Kristu no kugira Ivanjili umusemburo w'imibanire myiza y'abantu n'abandi. Ku ikubitiro rya mbere ntiyahwemye kwitangira kujijura abo ashinzwe, kwita ku burere bw'abana mu miryanggo n'uburezi mu mashuri, guharanira ubuzima bwiza bushingiye ku isuku n'ibikorwa mu buvuzi no mu gushishikariza abantu kwiteza imbere mu bufatanye. Bene izi nshingano ziberanye rwose n'indangagaciro z'umubyeyi nyawe. N'ubwo ububyeyi bw'umusaserdoti busa n'ubwigaragaza cyane cyane mu bihe by'ibibazo byihariye, bitunguranye cyangwa se bihoraho (ubukene bukabije, aburwayi, ubuhunzi) no mu byiciro by'abanyantegenke (impfubyi n'abapfakazi, incike, mayibobo...), Umuha ubwo butumwa ni We kamara. N'aho avoma imbaraga zimubashisha kuba umubyeyi wa bose koko ni ho ha ngombwa kuko ari byo bimugira uwo ari we bidasubirwaho, umubyeyi wa bose.

## 2. Umusaserdoti ni muntu ki?

Umusaserdoti ni umuntu usanzwe mu nkomoko ye nk'umuntu nyine, ariko akaba adasanzwe mu muhamagaro

we wo kuba umwigishwa utarambirwa wa Yezu Kristu n'umugabuzi w'amabanga y'Imana mu bantu nka we! Ku ruhande rumwe, asa cyane n'umuherezabitambo wo mu isezerano rya mbere (ikiragano cya kera). Ku rundi ruhande ariko, asa n'Umuhereza-gitambo kimwe rukumbi, Yezu Kristu, mu butumwa ashinzwe.

Ubutore bw'abo bombi bubaha icyubahiro bakesha umuhamagaro w'Imana nyirizina<sup>10</sup> (Heb 5, 4). Bityo rero, umuherezabitambo mukuru n'umusaserdoti w'Isezerano Rishya ni impano y'Imana n'inshingano yihariye baba bahawe. Kuba "Umuherezabitambo mukuru wese atorwa mu bantu kandi agashyirirwaho gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana" (Heb 5,1), ubwabyo bimusaba kwitwararika ineza y'abo bantu abereyeho. Icyakora umusaserdoti we, ineza abagomba ntayigarukiriza ku bitambobihongerera ibyaha, kuko anashinzwe kubafasha kuba muri iyi si nyamara atari abayo bishingikirije urugero rw'Uwo Isezerano Rishya kandi rizahoraho iteka rishingiyeho, Yezu Kristu Umwana w'Imana Nzima. Kubera iyo mpamvu, umusaserdoti ni umuntu usabwa gushingira imibereho ye n'imigenzereze ye ku buzima n'ibikorwa bya Yezu ubwe: "Uwo ni we koko muherezagitatambo mukuru twari dukeneye, w'intungane, w'umuziranenge, w'umuzirabwandum, utabarirwa mu banyabyaha, wakiriwe ahasumbye ijuru" (Heb 7, 26). Kuberako ari Yezu Kristu wenyine

oha abantu kuba abasaserdoti, ndetse n'ubutumwa bafite munsi bukaba ari ubwo gukomeza ubwa Kristu nyirizina<sup>10</sup>, umusaserdoti koko ni umuntu ubereyeho abandi mu izina rya Nyagasanzi Yezu Kristu. Ubutumwa ashinzwe n'ubuzima bwe bigamije guhesha ikuzo Imana Data muri Kristu Yezu.<sup>11</sup> Yihatira iteka kubana kivandimwe n'abantu bose, akitangira buri wese muri byose agamije uburokorwe bwa bose (reba 1Kor 9, 19-23).

### **3. Ububyeyi bw'umusaserdoti si we bushingiyeho!**

No mu buzima busanzwe bw'abantu, kuba umubyeyi umuntu ntabishingira ku mubiri wonyine (kororoka), ahubwo ku buryo bwagutse, ububyeyi bw'umuntu ubumenyera ku mutima w'urukundo agirira benshi n'ineza yihatira kubakorera nta nyungu bwite abitezemo. Ni ho umuntu ahera abwira umugiriye neza atyo, ndetse atitaye ku myaka ye, ati «urambyaye»! Ibiri amambu, uwahuye n'uwigutse umwana akarenga ntamukunde aravuga ati si umubyeyi ni inyamaswa!

Ububyeyi bw'umusaserdoti rero

bushingiyen ku butore yakira abukesa Yezu, ku bumanzi no ku kumvira asezerana ku mugaragaro no ku butumwa yemera gusohoza adakurikiranye inyungu ze bwite ahubwo yitangira umukiro wa bene muntu uko bakabaye. Incuro nyinshi, Pawulo intumwa Mutagatifu yandikira abamenye Yezu Kristu ku bw'Ivanjili yabigishije abita abana be yabyaye mu kwemera (reba 1Tim 1, 18; 2Tim 1, 2; 2, 1; Filem 1, 10).<sup>12</sup>

#### **3.1. Ubutore**

Umusaserdoti atorwa mu bantu agashyirirwaho kubafasha gutunganira Imana nk'umugabuzi w'ingabire zinyuranye zayo (reba 1P 4, 10). No kumwita Padiri (Dawe, Data cyangwa Mubyeyi) ubwabyo bisobanuye nyine ko bisanzwe bibairwa mu muhamagaro w'ubusaserdoti. Nyamara ntagomba kubyitwaza na rimwe ngo yibwire ko yabigezeho neza. Ni umuhamagaro agomba gukomeza kwitwararika no kwitabira aho kuba umwanya cyangwa icyubahiro yashyikiriye: "Ku isi ntimukagire uwo mwita Umubyeyi wanyu, kuko mufite umwe gusa, Imana Data uri mu Ijuru" (Mt 23, 9). Ububyeyi bw'umusaserdoti

<sup>10</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, mu nyandiko yiswe Presbyterorum Ordinis, n. 1.

<sup>11</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, mu nyandiko yiswe Presbyterorum Ordinis, n. 2.

<sup>12</sup> « [...] kuri Tito umwana wanje nyakuri nabyaye mu byerekeye ukwemera duhuriyeho » (1Tito 1,4); cyangwa ati « [...] kuri Timote umwana wanje nyakuri mu kwemera » (1Tim 1,2)

<sup>13</sup> « Abapadiri, n'ubwo badafite ubusaserdoti buminuje kandi iteka bakagengwa n'Abepliskopi mu gukoresha ububasha bahabwa, ntibabuza gusangira na bo icyubahiro gishingiye ku busaserdoti bumwebakesha iryo sakramentu ribashushanya na Kristu, we Musaserdoti Mukuru kandi uzahoraho iteka. Na bo begurirwa Imana kugira ngo bajye bamamaza Ivanjili, abe abashumba b'abayoboke b'Imana, kandi bayobore imihango yo gusenga Imana nk'uko bikwiye abasaserdoti nyakuri b'Isezerano Rishya » (reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Lumen Gentium, n. 28).

bugumana iyo sura n'isa kubera ko akomeje kwigira ku Mana Data no kwigana Yezu Kristu ayobowe na Roho Mutagatifu.

Inama nkuru yabereye ku nshuro ya kabiri i Vatikani yabigarutseho iranabishimangira:

“Isakramentu ry'Ubusaserdoti riha abapadiri b'Isezerano Rishya umurimo uhebuje kandi wa ngombwa mu mbaga y'Imana no ku neza yayo, ni umurimo w'ababyeyi n'abigisha. Ariko, hamwe n'abakristu bose, ni abigishwa ba Nyagasani ingabire y'umuhamagaro w'Imana yahaye kugira uruhare ku bwami bwayo. (...) Ku buyobozi bw'umuryango, abapadiri bagomba rero gukora ku buryo badaharanira inyungu zabo bwite, ahubwo bakita ku za Yezu Kristu buhuza imbaraga zabo n'iz'abalayiki”.<sup>14</sup>

Uko umusaserdoti azirikana ubutaretsa ubutore bwe nk'ingabire y'Imana, ni ko arushaho kuyishimira no kuyishimisha mu bwiyoroshye, ari nako higaragaza mu mibereho ye ishusho nyayo y'ububyeyi bw'Imana. Amagambo Yezu Kristu yabwiye abigishwa be ayagira aye maze akirinda icyahuganya umubano we na Kristu: “Si mwe mwantoye, ahubwo ni jye wabatoye, maze mbashyiraho

kugira ngo mugende, mwere imbuto kandi imbuto yanyu igumeho “ (Yh 15, 16).

### 3.2. Ubumanzi

Ubutore bw'umusaserdoti ni ubuntu umuntu agirirwa bukamutera imbaraga zo kugira ibyo yi yemeza kugira ngo icyo atorewe abashe kugitunganya neza. N'ubumanzi abuhabwaho ingabire yihariye na Nyagasani, icyakora agasabwa kububungabunga ari nabwo ashingiraho asezerana kutazashaka mu gihe ahabwa ubudiyakoni.

Ibi Umwepiskopi abimwibutsa muri aya magambo mbere yo kuvuga isezerano rye: “Umurimo wawe uzawukora uwufatanyije n'amasezerano yo kutazashaka. Ayo masezerano ni ikimenyetso cy'urukundo rugomba kuranga uwitwa umushumba, akaba n'isoko y'umurava kuri uwo murimo, ndetse n'ishingiro ry'ububyeyi ndengakamere hano ku isi. Koko kandi, nugirira Nyagasani Yezu Kristu urukundo nyarwo ku mutima, kandi ukabaho ugengwa n'ayo masezerano, mu buyoboke buzira amakemwa, uzaba wegukiye Kristu ku buryo bushya kandi buhebuje. Ibyo bizagufasha kumukurikira ku

<sup>11</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, mu nyandiko yiswe Presbyterorum Ordinis, n. 2.

<sup>12</sup> « [...] kuri Tito umwana wanjiye nyakuri nabyaye mu byerekeye ukwemera duhuriyeho » (1Tito 1,4); cyan-gwa ati « [...] kuri Timote umwana wanjiye nyakuri mu kwemera » (1Tim 1,2)

<sup>13</sup> « Abapadiri, n'ubwo badafite ubusaserdoti buminuje kandi iteka bakagengwa n'Abepiskopi mu gukoresha ububasha bahabwa, ntibibabuza gusangira na bo icyubahiro gishingiye ku busaserdoti bumwebakesha iryo sakramento ribashushanya na Kristu, we Musaserdoti Mukuru kandi uzahoraho iteka. Na bo begurirwa Imana kugira ngo bajye bamamaza Ivanjili, abe abashumba b'abayoboke b'Imana, kandi bayobore imihango yo gusenga Imana nk'uko bikwiye abasaserdoti nyakuri b'Isezerano Rishya » (reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Lumen Gentium, n. 28).

<sup>14</sup> Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Presbyterorum Ordinis, n. 9.

buryo bukoroheye kurushaho, kandi udafite imitima ibiri; bityo uzakorera Imana n'abantu ntakikuziga, maze umurimo w'ububyeyi ndengakamere uzawurangize ku buryo bukubangukiye kurushaho”.<sup>15</sup> Iri sezerano ryo kudashaka Nyagasani Yezu ubwe yagaragaje ko arikomeyeho kandi ari impano ye bwite muntu yakira noneho akayimutura ngo abashe kwitangira abantu bose Kristu yapfiriye (Mt 19, 11-12). Amateka maremare ya Kiliziya na yo ahamya ko iryo sezerano ryubashywe kuko ryongera ubushobozi bwo kwitangira abantu bose rikanatuma ubuzima bwa roho burushaho gusagamba munsi. Muri iyo mpano atangaho ituro rishimisha Yezu Kristu, umusaserdoti aba umugaragu w'Ingoma y'ijuru mu gikorwa cyo gucungura benemuntu. Aho ni na ho abashiriza kurushaho kwakira impano y'ububyeyi muri Kristu Nyagasani.<sup>16</sup>

### 3.3. Ubutumwa

Yezu Kristu, umusaserdoti akomoraho ubutore n'ubumanzi, ni na We ushyigikira ubwitange bwe akabutagatifusa mu butumwa bwo gusakaza Inkuru nziza y'umukiro ku bantu b'ingeri zose (reba Lk 4, 18-21). Kristu ni Umuhanuzi, Umusaserdoti

n'Umwami. Ni We Shingiro n'Urugero rw'ubutumwa umusaserdoti ahabwa muri Kiliziya y'Imana. Inshingano nyabutatu ibumbye kwigisha Ijambo ry'Imana, gutagatifusa no kuyobora imbaga y'Imana ni yo na we ubwe atagatifurizwamo.<sup>17</sup> Umusaserdoti asabwa kuyitaho ku bwende “atari ukwishakira amaronko, ahubwo ari ukugira ngo yitangire abandi” ababera urugero rwiza kandi ahanze amaso umushumba mukuru (reba 1Pet 5, 2-4).

Iryo kenurabushyo abasaserdoti bashinzwe rishingiye mbere nambere ku gutungisha imbaga y'abemera Ijambo ry'Imana<sup>18</sup> bataretse no kuritangariza abatararimenya (Mt 16, 15). Ijambo ry'Imana ni ryo ribyara rikanatunga umuryango, rigakongeza ukwemera mu mitima y'abataraba abakristu. Igitambo cy'Ukaristiya atura atagatifusa imbaga kiyigabira ubuzima bw'iteka: “ Ni jye mugati muzima wamanutse mu ijuru. Urya uwo mugati azabaho iteka; kandi umugati nzatanga ni umubiri wanje, kugira ngo isi igire ubugingo” (Yh 6, 51). Ubutumwa umusaserdoti ashinzwe ku isi ni ukwitangira kugeza ku bantu ubuzima bushya kandi buhoraho Kristu wazutse asakaza mu nyoko muntu ivuguruye aho iva ikagera.

<sup>15</sup> INAMA NKURU Y'ABEPISKOPI B'U RWANDA, Igitabo cy'imihango yo gutanga uwepiskopi, ubupadiri, n'ubudiya-koni; kimwe n'umurimo w'ubusomyi n'ubuhereza, (Inyandiko rebero ivuguruye), Kigali 1992, p. 65.

<sup>16</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Presbyterorum Ordinis, n. 16.

<sup>17</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Presbyterorum Ordinis, n. 14.

<sup>18</sup> « Ndababwira ukuri koko: uwumva ijambo ryanje kandi akemera n'Uwantumye, agira ubugingo bw'iteka kandi ntazacirwa urubanza, ahubwo aba avuye mu rupfu yinjiye mu bugingo » (Yh 5, 24).

N'ubwo bwose amasakramantu ahabwa abemera bonyine, ntawakwirengagiza ko batisimu yinjiza abatangiye vuba urugendo rw'ukwemera mu muryango w'Abakristu. Andi masakramantu ashimangira ubuhamya bw'abemera Kristu abatamuzi bashobora guheraho bamumenya ndetse bakaba banamwemera.

Nk'umurezi w'ukwemera, umusaserdoti ashinzwe nanone kuyobora<sup>19</sup> imbagaga agaragiye Kristu We utaraje "gukorerwa ahubwo waje gukorera abandi no gutanga ubugingo bwe ngo bube incungu ya benshi" (Mt 20, 28).

Mu mirimo ye yose rero, umusaserdoti yita cyane cyane ku bemera ariko agamije no kugirira neza abataramenya Kristu. Kiliziya imuha inshingano zo kwita ku bantu bose, by'umwihariko ku banyantege nke n'intamenyekana kugira ngo urukundo rwa Kristu na bo rubagereho, rubazahure hato badateshwa agaciro abantu bose banganya imbere y'Imana ku maherere. Umusaserdoti utifitemo umutima wa kibyeyi wakira bose, ukita ku babikeneye kurusha abandi ntiyabasha gusohoza neza ubutumwa yasezeraniye kwitangira. Ni muri ubwo butumwa nyine na bo ubwabo batagatifurizwa nk'ibikoresho byuje

ubuzima bwa Kristu butsiratsiza urupfu mu muryango w'abantu aho uva ukagera!

#### **4. Ububyeyi ndengakamere nk'ubw'Umushumba mwiza**

"Umushumba mwiza yigurana intama ze" (Yh 10, 11). Umusaserdoti muri bwa butumwa ashinzwe, asabwa gutanga ubudahwema ubuzima bwe kugira ngo ubushyo ashinzwe bubugire kandi busagambye (reba Yh 10, 10). Ubuzima bwe n'imigenzereze ye bigomba kurangwa n'"Urukundo rwa gishumba"<sup>20</sup> (charité pastorale) umusaserdoti avoma mu Rukundo ndengakamere rwa Yezu, rwa rundi rwamugejeje ku musaraba akadupfira ngo dukire. Ni yo mpamvu ububyeyi bwe na bwo ari ndengakamere bityo bukazira imbibi zishyirwaho n'abantu.

Umusaserdoti ni umugabuzi w'amabanga y'Imana ikunda bose ikavusha izuba ryayo ku babi no ku beza, ikanavubira imvura abatunganye n'abadatunganye (reba Mt 5, 45). Ibiranga ababyeyi beza bose babyara, bakarera, bakigomwa, bagahanura, bagakosora... ni byo biranga n'umusaserdoti ku rwego ndengakamere rw'ukwemera kuko biba bishinze imizi mu Mana kandi bigakorerwa Yezu ubwe mu bavandimwe be baciye bugufi (reba

<sup>19</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya 2 i Vatikani, Presbyterorum Ordinis, nn. 4-6.

<sup>20</sup> Reba, RUZINDANA D., « Chapitre V : L'Union au Christ Bon Pasteur et la charité pastorale » dans IDEM, L'unité et l'harmonie de la vie spirituelle des prêtres dans la perspective du concile Vatican II: Presbyterorum Ordinis n. 14, Rome 1989-1990, 135-152.

Mt 25, 40) bigamije kugera ku bantu bose. Nk'ukoumubyeyiamenyagutega amatwi umwana uteta, akamenya icyo atekereza akanamufasha kukivuga neza, ni ko umusaserdoti atega amatwi umwiyambaje wese ngo ashobore kumenya ugushaka kw'Imana mu buzima bwihariye arimo. Bityo, akurizaho kumugira inama zishyigikira ubushishozi ari na ko zimushimangiramo ubudacogora bukwiye umwambari wa Kristu.

Urukundo rwa gishumba (charité pastorale) rutegeka umusaserdoti kurengera mu kuri inyungu rusange z'umuryango w'abemera, kwita ku bateshutse inzira yo guhabwa amasakramentu, gutsura umubano mwiza ushingiye ku ivanjili hamwe n'abakristu bo mu yandi matorero kandi ntiyibagirwe na rimwe ko n'abatemera Yezu Kristu witangiye bose abashinzwe. Agomba kubazirikana mu isengesho, ntabarenze amaso cyangwa ubufasha igihe cyose babukeneye. Urukundo rwa gishumba rero ntawe rusiga inyuma n'umwe kuko rukomoka ku rwa Yezu. Rutuma ubusaserdoti nyobozi n'ubusaserdoti bwa cyami -bushingiye kuri batisimu twahawebuyunganirana buri wese mu muhamagaro we wihamariye.

Nk'Umushumba mwiza, Yezu Kristu, ububyeyi bw'umusaserdoti buhinduka ubuhamya bw'Urukundo nyarwo rwa Kristu rugaragarira mu bikorwa birangwa no kwiyorosha, kwigomwa, kugira ubuntu

butavangura n'umurava mu gusenga, kujya inama, gusangiza bagenzi be ibimwubaka n'ibimuvuna mu butumwa ashinzwe agamije guhesha Imana ikuzo muri ibyo byose.

### **5. Umusaserdoti koko ni umubyeyi w'abantu bose**

Cyo kimwe na Abrahamu, sogokuru w'abemera Imana kuko yagizwe intungane no kwemera gutambira Uhoraho umwana we w'ikinege Isaki, n'umusaserdoti ni umubyeyi w'ubushyo aragijwe n'imbaga yose abasha kugeraho kubera gutambira Yezu ugushaka kwe.

Nk'Umuhire Bikira Mariya wumviye bikamuviramo kubyarira isi Jambo w'Imana, Umukiza w'abantu bose, ubutumwa bw'umusaserdoti bushinzwe kumubyara no kumwimika mu mitima y'abantu kugira ngo akomeze kubikiriza. Umusaserdoti ni umuntu ukomoka ku bantu nk'abandi bose ariko ashinzwe ubutumwa bwa Yezu ubwe. Afite ububasha bwe atwara mu rwabya rumeneka ubusa ari na yo mpamvu asabwa gutwara atamena iyo ngabire ya Nyagasani yaragijwe ngo izahure abantu bose. Uko asangije gupfa no gukira n'abasangira-ngendo ni na ko basangije amizero n'abakristu bose bagira uruhare mu kogeza Ingoma ya Kristu Mwami mu bantu.

Umusaserdoti aba yaratorewe umurimo umurusha imbaraga akagomba kwisunga iteka Nyirubwite ngo amumare ubute

amutere n'ibyishimo byo kwigisha, gutagatifuza no kuyobora imbaga ye ntagatifu muri Kristu Yezu. Atozwa hakiri kare kwigomwa, akiyemeza kudashaka abitewe n'inyota afitiye Ingoma y'ijuru n'Urukundo rwa gishumba rumuyobora ku neza ya bose. Ni rwo rumubashisha kwiyibagirwa ubwe ngo ashobore gushyira umutima we wose, n'imbaraga ze zose, n'ubwenge bwe bwose mu guharanira ineza y'abantu bose. Bityo rero, ububyeyi bw'umusaserdoti ni impamo. Umusaserdoti ni umubyeyi w'abantu bose ku buryo bw'indengakamere ariko na none bukagaragarira mu bikorwa bifatika abikesha iyobera ry'ukwigira umuntu kwa Jambo. Kubera ko ububyeyi bwe abukomora kuri Yezu Kristu, We Muhanuzi, Umusaserdoti n'Umwami, umusaserdoti abereyeho kuba n'umuza w'Imana n'abantu.

## Umwanzuro

Kuva mu ntangiriro, Kiliziya ntiyahwemye kuba umuhuza w'abantu n'Imana, no kuba umubyeyi w'abantu bose mu ngeri zabo. Muri iki gihe turimo, aho usanga isi igenda irushaho kugaragaza ibibazo by'inzitane kandi by'ingutu: intambara, amapfa, umutekano muke n'ibindi, ububyeyi bw'umusaserdoti burakenewe cyane. Abakristu, cyane cyane abanyarwanda, dukaneye abasaserdoti baragwa n'urukundo rw'Imana n'urwa kivandimwe, bifitemo amatwara ya Yezu Kristu kandi bashakira ibisubizo by'ibibazo by'abo bashinzwe mu nyigisho za Kiliziya no mu bufatanye na bo bushingiye ku Ivanjili ihindura imibanire y'abantu ikayisanisha n'iy'Ubutatu butagatifu.

## UMUSASERDOTI, UMUHUZA W'IMANA N'ABANTU

Diyakoni Pie NYANDWI

### Intangiriro

Umuntu iyo ava akagera yigiramo inyota yo gushakashaka Imana, akabiharanira, byaba ngombwa akegera abantu yumva yizeye, akabasaba ubufasha ngo bamube hafi mu buryo bubashobokera. Bitewe n'imyemerere ye, hari ubwo yisunga ibindi bintu abonye hafi ye cyangwa se kure: icy'ingenzi kuri we, ni uko abona ko hari icyo byamufasha mu gushakashaka Imana. Muri ibyo

bintu twavugamo nk'ibyo twumva ngo havumbuwe ubuvumo umuntu yasengeramo akabonana n'«Imana». Igitangaje ni uko hari n'abakristu usanga bajyayo, kandi Kiliziya iba yarateganyije ibikwiye kubafasha mu mubano wabo n'Imana. Aha twavuga nk'ishapule, umudali, ingendo nyobokamana ahantu hazwi kandi hemewe... Umukristu rero ahorana inyota yo gushakashaka no kubona Imana, aka ya mpala yahagira ishakashaka amazi afutse (reba

Zab 42, 2), akanezerwa cyane igihe yumva hari uko muri we yahuye na Yo, n'ubwo ibyo bidatinda. Ahora kandi afite uwo muhibibikano, akisunga abatagatifu bageze mu ijuru, by'umwihariko Bikira Mariya, Umubyeyi udusabira kuri Yezu, Umwana we, kandi ntadutererane igihe cyose tumwiyambaje tubikuye ku mutima. Uwo Yezu Kristu ni we ushyitsa ku Mana Data umukristu ku buryo bwuzuye, kuko na we yabaye umuntu. Kugira ngo uwo mushyikirano hagati ya muntu n'Imana ugumeho kandi urusheho gukura, Yezu Kristu yashyizeho uburyo bunyuranye bukorwa n'abasaserdoti, ku bw'ingabire bahawe babikesha kuramburirwaho ibiganza by'umwepiskopi wabo. Ni ku bw'ibyo tugiye kubona umwanya w'umusaserdoti nk'umuahuza w'Imana n'abantu.

### **1. Ese ni gute Bibiliya itubwira umusaserdoti?**

Bibiliya iduha igisobanuro cy'umusaserdoti, aho aturuka n'ubutumwa bwe: "Umuherezabitambo mukuru wese atorwa mu bantu kandi agashyirirwaho gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana; ashinzwe guhereza amaturo n'ibitambo bihongererera ibyaha byabo" (Heb 5, 1). Uyu muherezagitatambo uvugwani uwo



igitabo cy'Abalevi kitubwira, akaba kandi ari na we w'isezerano rishya ku rugero rwa Kristu Musaserdoti Mukuru. Ahabwa isakramentu ry'ubusaserdoti imbere y'imbaga nyamwinshi: "Uhoraho abwira Musa, ati 'Hamagara Aroni n'abahungu be [...] Nyuma y'ibyo ukoranyirize imbaga yose y'Abayisraheli imbere y'umuryango w'ihemma ry'ibonaniro" (Lev 8, 1-2a.3). Umusaserdoti asabwa gusobanukirwa n'icyo Imana ishaka kuri mwene muntu, akamenya icyo muntu akeneye ku Mana, ibyo byombi akabihuriza mu butumwa yahawe. Icyo umuntu kandi akeneye mbere ni ukubaho neza mu byishimo by'ukuri n'amahoro yaba imbere muri we cyangwa mu bo babana; ibyo bikajyana n'Inkuru Nziza y'umukiro uturuka ku Mana, ari na yo igomba gukwira hose. Izajyanwa na ba nde? Aha ni ho tubonera isura nshya y'itorwa ry'Intumwa za Yezu Kristu. Izo ntumwa kimwe n'abasimbura bazo, bahawe ububasha bwo gukora umurimo ukomeye wa gisaserdoti, umurimo ujyanye no guhagarara

hagati y'Imana n'abantu kugira ngo babahuze na Yo.

Nk'uko Imana yagiye ibigenza kuva kera, Yezu Kristu Umwana wayo w'ikinege yihamagariye abo ashaka nta gahato, nta n'uruuhare babigizemo: "Hanyuma Yezu azamuka umusozi, maze ahamagara abo yishakiye ubwe, baramusanga. Abashyiraho ari cumi na babiri, kugira ngo babane na we, kandi ngo abatume kwamamaza Inkuru Nziza, abaha n'ububasha bwo kwirukana roho mbi" (Mk 3, 13-15). Impamvu z'iri tora ryigenga rya Yezu ni ukubana na We no gutumwa kwamamaza Inkuru Nziza.

Mu by'ukuri, ntawe utorerwa icyubahirogusa, doreko n'ubundi "nta wiha ubwe icyo cyubahiro, ahubwo gihabwa uwo Imana ibihamagariye, kimwe na Aroni" (Heb 5,4). Uwo Yezu yitoreye, amushyira mu ishuri rye, akabanza akamuha inyigisho zihagije zerekeye ubutumwa amuhagarira, akamuhugura muri byose. Yezu Kristu asezeranya uwo yatoye ko bari kumwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira (reba Mt 28,20b), hanyuma akabona kumwohereza mu butumwa. Igihe yamaranye n'intumwa ze kigereranywa n'iseminari irererwamo abitoza kuba abasaserdoti: "Mu kuri kose, ntabwo ari Konsili ya Trento cyangwa ba Karoli BORROMEO na bagenzi be bahimbye seminari, seminari ya

mbere ni Yezu wayishyiriyeho, n'ubwo bwose itamaze imyaka myinshi nk'uko biri ubu ! Ariko ntiyamaze na mike: igihe gihagije kuri Yezu cyo kubana na we ngo agutoze ubutumwa bwo kwamamaza Ivanjili. Akakwihamagarira ubwe, akagukura mu bandi, ku bushake bwe gusa, ari nta cyo urusha abandi".<sup>21</sup>

Mu myumvire ya Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, umupadiri afite impano idasanzwe, irenze imyumvire ya muntu ku buryo buhebuje. Kuri we, umupadiri ni "umuntu wambikwa ububasha bw'Imana ubwayo, bityo agahagararira Imana kandi agakora mu mwanya wayo cyane cyane mu bihe bibiri: igihe akiza ibyaha kubera ko atavuga ati 'Imana ikubabarire' ahubwo akavuga ati 'Ngukijije ibyaha byawe' n'igihe cya konsekrasio, kuko atavuga ati 'iki ni umubiri w'Imana' ahubwo akavuga ati 'iki ni umubiri wanje, iki ni amaraso yanje".<sup>22</sup>

Nguwo rero umusaserdoti, intumwa ya Yezu ifitanye igihango gikomeye n'uwayitoye kugira ngo bagirane umubano wihariye, hanyuma na we abone uko arema, akuza kandi akomeza umubano nyawo hagati y'abantu n'Imana. Ibi kandi ntibiba bivanyeho ko agomba kwicisha bugufi cyane, kuko na we ari umunyantege nke, ari umunyabyaha ; bityo akaba akwiye na we ubwe guhora atunganya

<sup>21</sup> Pères rogationnistes, Umupadiri, muri iki gihe mu Rwanda yakirwa ate...?, Centre Social St. Antoine, Nyanza 27/12/2003, urup. 28.

<sup>22</sup> Padiri Jean Claude TWIZEYIMANA na Diyakoni Diogène TUMUHAYIMPUNDU, Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, Padiri mukuru wa Arisi, Kigali 2011, urup. 235.

umubano we n'Imana. Kubera ko ubutumwa bwa padiri atari we ubwe wabwihangiye, ni ngombwa kureba neza aho buturuka.

## **2. Ubutumwa bwo guhuza abantu n'Imana buturuka kuri Yezu Kristu**

Abigishwa bahawe ububasha bwihariye bagomba gukoresha kugira ngo Inkuru Nziza y'umukiro bamamaza imenywe, ikundwe kandi iganwe na bose, bityo abantu bose bamenye Imana. Ubwo bari barangije "iseminari" yabo, Yezu yongeye kubereka ko afite ububasha bwose mu ijuru no ku isi. Bityo abubahaho ubwo yabatumaga mu mahanga yose, ngo bigishe, babatize, batoze abantu gukurikiza ibyo yabategetse byose (reba Mt 28, 18-20). Yabohereje mu mahanga yose y'isi nk'uko na We yoherejwe n'Imana Se (reba Yh 17, 18). Abo bigishwa be ni bo babaye intumwa ze mu mahanga yose, umurimo wabo bawushinga abasimbura babo ari bo bepiskopi, ndetse n'abapadiri babafasha kuwusohoza.

Isengesho Yezu yavuze asabira kuba umwe abamuyobotse n'abazamuyoboka bo mu bihe bizaza (reba Yh 17, 1-26), ryerekana ku buryo bukomeye isura ubutumwa bw'umusaserdoti bukwiye kugira. Icyo bugamije mbere na mbere ni uko umuntu agira ubuzima. Kuri Yezu, ubuzima bw'iteka ni uko abantu bamenya Imana n'uwo yatumye ku isi, Yezu Kristu (reba Yh 17, 3). Ibyo biri mu nshingano z'umusaserdoti.

Isakramentu ry'ubusaserdoti ryaremwe ku wa Kane mutagatifu, iyihe Yezu Kristu arema Isakramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya. Abasaserdoti rero bagasabwa guhora batura igitambo -kidasesa amaraso- cyunga abantu n'Imana kandi kikabagira umwe.

## **3. Umurimo w'umusaserdoti mu guhuza abantu n'Imana**

Ubutumwa bw'ingenzi umusaserdoti ashingwa bukubiye mu mirimo itatu: kwigisha Ijambo ry'Imana, gutagatifurisha imbaga y'Imana amasakamentu, no kuyobora umuryango w'Imana. Ibi bikaba bigamije gufasha roho y'umukristu kwegerana n'Imana akabana na Yo, ku buryo yumva nta yandi mahirwe akeneye uretse Imana yonyine.

### **3.1. Kwigisha Ijambo ry'Imana**

Uyu murimo ni ingenzi cyane mu butumwa bw'umusaserdoti. Ijambo ry'Imana rifite ibiriranga bituma rigira agaciro gakomeye mu buzima bw'abantu. Ijambo ry'Imana rirarema, kandi na n'ubu riracyarema bundi bushya. Ryifitemo ububasha n'imbaraga, uryakiriye muri we rimuhindura undi wundi, akaba umuntu mushya utakigengwa n'amatwara ye yo hambere, akareka muntu w'igisazira. Ijambo ry'Imana ni urumuri: rijijura ubwenge bw'umuntu, akabasha kubona ibintu uko biri. Ni yo mpamvu hagomba kuboneka abantu baryigisha. Mutagatifu Pawulo abisaba muri

aya magambo: "Amamaza ijambo, uryigishe igihe n'imburagihe, wumvishe ingingo, utote, ushishikaze, mu bwihangane butarambirwa, uharanira kujijura" (2 Tim 4, 2).

Iryo jambo ry'Imana umusaserdoti yigisha ni rimwe ryigize umuntu muri Yezu Kristu. Yezu ni we Jambo nyakuri wabanaga n'Imana, akaba Imana. Igihe kigeze, yigize umuntu kugira ngo abane natwe kandi adusesekazeho urumuri rw'ikuzo ry'Imana Se (reba Yh 1, 1-2.14). Ni we umusaserdoti yigisha abantu. Ni ukuvuga ko iyo yigisha abantu Ijambo ry'Imana, padiri ntiyivugira ibyo atekereza n'ubwenge bwe buhanitse gusa -dore ko aba yaranize amashuri menshi- kuko icyo gihe yaba ari we witangaho ubuhamya. Yigisha Yezu Kristu wabambwe ku musaraba, agapfa, agahambwa, akazukira gukiza abantu no kubunga n'Imana. Si umusaserdoti uhindura abantu, ahubwo ni Roho wa Kristu umukoresha. Ni cyo gitera Mutagatifu Pawulo Intumwa kuvuga ati: "Ubu rero duhagarariye Kristu, nk'aho Imana ubwayo yabashishikaje muri twe. Ngaho rero turabinginze mu izina rya Kristu: nimureke Imana ibigarurire!" (2 Kor 5, 20). Ni we Imana inyuzaho amagambo yay, na bo bakayashyikiriza abantu. "Bakwiyambaza bate se Uwo batarembera? Bakwemera bate se Uwo batarumva? Bamwumva bate ntawamwamamajje? Bamwamamaza

bate batatumwe?" (Rom 10, 14). Isengesho rikuru ry'Ukaristiya ryo ku munsi w'itangwa ry'Ubusaserdoti rigira riti:

"*Ni bo bagomba kujya babimburira imbaga yawe ntagatifu mu nzira z'urukundo; ni bo bashinzwe kuyirerresha Ijambo ryawe no kuyihembuza Amasakramantu yawe; ni bo basabwe mbere y'abandi guhara amagara yabo kubera wowe no kugira ngo abavandimwe babo babone umukiro utanga; ni bo mbere na mbere bakwiye kwihatira kwishushanya na Kristu ubwe, kandi ntibacogore kuba abahamya nyabo b'ukwemera n'urukundo bagufitiye*".<sup>23</sup> Abasaserdoti rero bafite umurimo ukomeye cyane wo kwigisha Ivanjili ya Kristu ikagera mu mitimay'abantu, ku buryo buzira umupaka: "ni Ijambo ry'umukiro rivubura ukwemera mu mutima w'abatari baba abakristu, kandi rikagaburira imitima y'abakristu; ni ryo rivutsa kandi rigakuza umuryango w'abakristu... Bityo rero, abapadiri bagomba kuberaho abantu bose: bagomba kubasangiza ukuri kw'Ivanjili Nyagasani yabahaye kuronkeraho inyungu".<sup>24</sup> Icyo abakristu bategereje ku musaserdoti ni amagambo y'Imana atuma barushaho kuyemera, kuyikunda no kuyizera. Bazi ko ari "umuntu w'Imana". Ni cyo gituma akwiye kwigengesera mu myitwarire no mu mvugo, kugira ngo atagira uwo akomeretsa. Nka Pawulo, umusaserdoti akwiye guhora yibwira

<sup>23</sup> Igitabo cya Misa ya Kiliziya Gatolika ya Roma -Miseli-, urup. 516.

<sup>24</sup> Inyandiko y'Inama Nkuru ya kabiri ya Kiliziya yabereye i Vatikani: Presbyterium ordinis, n.4.

ati: "Kuba naramamaje Inkuru Nziza, si byo byatuma nirata, kuko ari umurimo ngombwa nshinzwe; ndiyimbire rero niba ntamamaje Inkuru Nziza!" (1 Kor 9, 16).

### 3.2. Gutagatifurisha abantu amasakramantu

Amasakramantu afite umwanya ukomeye cyane mu buzima bw'umukristu n'ubwa Kiliziya muri rusange. Amasakramantu ya Kiliziya ni arindwi, akaba atuma Kiliziya ibaho. Yezu ubwe ni We uyaduha anyuze ku musaserdoti. Azirikana ubwo butumwa, Mutagatifu Yohani Mariya Viyani yaragize ati

*"Umupadiri ni umugabuzi w'ibyiza by'ijuru. Ibyo bikorwa byose by'Imana bitugeraho binyuze mu butumwa bw'umupadiri akora. Padiri aha ubuzima roho yacu igihe yinjiye muri iyi si. Na nyuma iyo umuntu agiye gupfa, ni ryari azabona ubuzima n'umutuzo kandi yugarijwe n'ibibazo byamushenguye umutima? Ni igihe azasukura roho ye mu marasoy'igiciro gikomeye cya Yezu Kristu, maze akamubwira nk'uko Nyagasani Imana yabwiye umugore wari wafashwe asambana kimwe na Madalena ati : 'Genda amahoro, ibyaha byawe urabikijijwe!' [...] Ni nde uzagaburira roho yawe kugira ngo igire imbaraga zo gukora urugendo rutagatifu ? Ni umupadiri. Ni nde uzayitegurira kugeraimberey'Imana? Nipadiri, igihe azayisukura bwa nyuma akoresheje amaraso y'igiciro cya Yezu Kristu. Ni*

*nde se uzakiza umubiri wawe ubwawo ubwandum bwose wagize? N'ubundi ni padiri, akoresheje amavuta matagatifu [...] Bityo rero, igihe mubonye umusaserdoti, mugomba kwibwira muti: 'Dore uwampinduye umwana w'Imana, uwamfunguriye ijuru kubera Batisimu, uwanyuhagiye ubwandum bw'icyaha nyuma yo gucumura, uwagaburiye roho yanjye, uwampaye umugisha...'"<sup>25</sup>*

Mu by'ukuri, nyuma yo kumva aya magambo, ntidukwiye kwibwira ko biriya bikorwa ari ibyo padiri yigengaho cyangwa bimuturukaho. Padiriabikoramuiinary'Uwamutoye akamutuma, ubundi akanezezwano kwifatanya n'umuririmbyi wa zaburi ati: "Ntabwo ari twebwe, Uhoraho, ntabwo ari twebwe, ahubwo ni izina ryawe ukwiye guhesha ishema, kubera urukundo n'ubudahemuka ugira" (Zab 115, 1).

Isakramantu rya Batisimu ni urufunguzo rw'andi masakramantu yose, kuko ntawe ushobora kugira isakramantu ahabwa muri Kiliziya atarabatijwe. Ni ryo rituma uwari umupagani ahinduka umukristu, agatangirana na Yezu ubuzima bushya akesha ukuvuka bundi bushya, bityo akaba yinjiye mu Muryango w'Imana. Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye i Vatikani ku nshuro ya kabiri igaruka ku ruhare rw'umusaserdoti mu itangwa ry'amasakramantu:

*"Ku bwa batisimu, [abasaserdoti]*

<sup>25</sup> Reba Padiri Jean Claude TWIZEYIMANA na Diyakoni Diogène TUMUHAYIMPUNDU, *Mutagatifu Yohani Mariya Viyani*, Padiri mukuru wa Arisi, Impap. 236-237.

*binjiza abantu mu muryango w'Imana ; ku bw'isakramentu rya penetensiya, bunga abanyabyaha n'Imana ndetse na Kiliziya ; ku bw'ugusigwa kw'abarwayi, bahoza abababaye ; kandi cyane cyane, ku bw'ihimbazwa rya misa [igitambo cy'Ukaristiya], batura ku buryo bw'ikimenyetso igitambo cya Kristu”<sup>26</sup> Tutabafite rero, nta gitambo cy'Ukaristiya cyabaho, kimwe n'uko iyo icyo gitambo kiba kitariho na bo batari kubaho. Bivuze ko natwe tutaba tukigiranye umushyikirano ukomeye na Yezu Kristu, kubera ko abo ni bo bakomeza igitambo cya Kristu. Yezu arabubaha cyane kuko bamuhamagara ku bubasha bwa Roho Mutagatifu akamanuka maze icyari umugati kikaba Umubiri wa kristu, icyari divayi n'amazi kikaba amaraso ya Kristu [...].<sup>27</sup>*

Twavuga ko ku bijyanye n'amasakramentu, ku bw'ububasha yahawe na Yezu Kristu, umusaserdoti afasha Kiliziya kubyara umukristu. Kiliziya iramurera ikamunywanisha na Yezu Kristu ubuzima bwe bwose, kugeza ku isaha y'urupfu rwe hano ku isi, kandi ikamuherokesha gikristu isengesho, kugira ngo uwo bagiranye igihango amwakire mu Ngoma ye y'amahoro ibyishimo, umunezero n'iruhuko ridashira.

### 3.3. Kuyobora

Kwigisha Ijambo ry'Imana no gutanga amasakramentu gusa ntibihagije kugira ngo umukristu abe ari mu mubano uhamye n'Imana. Itegeko rya Nyagasani Yezu ridusaba gukunda Imana na mugenzi wacu. Ibyo tukabigaragariza mu ngabire zinyuranye buri wese aba yarahawe ngo zifashe mbere na mbere kubaka Kiliziya, Umuryango w'abemera. Kiliziya ikaba ifite ububasha busesuye ihabwa na Yezu Kristu, aho iba igomba guherekeza neza abana bayo muri ubwo buryo, ikabagira inama ngo badatana, ikagorora ibyo ibona bishobora gutuma abana bayo batandukira bakaba bata inzira ibageza ku Mana.

Uwo murimo ukorwa n'umusaserdoti mu rugero rwa Kristu, Umutwe n'Umushumba wa Kiliziya. Na we kandi asabwa kutagira n'umwe azimiza mu bo ashinzwe, kandi agakora ibishoboka byose ngo agaburire roho zabo zikure mu kwemera, zice ukubiri n'inkubiri ndetse n'amatwara by'ibihe turimo bigenda birushaho gutuma muntu ajya kure y'Imana. Ni muri ubwo buryo “nk'abarezi b'ukwemera, baba bo ubwabo cyangwa se abandi, abapadiri bagomba gukora ku buryo buri mukristu, muri Roho Mutagatifu, yumva yisanzyue mu muhamagaro we bwite akurikije

<sup>26</sup> Reba inyandiko y'Inama Nkuru ya kabiri ya Kiliziya yabereye i Vatikani : Presbyterium ordinis, n. 5.

<sup>27</sup> Reba Padiri Alexis MANIRAGABA, Ukwazi kose dutaramiye Yezu uri mu Ukaristiya, Ruhengeli 2013, impap. 49-50.

ivanjili, akagera ku rukundo nyarwo kandi rugagarira mu bikorwa".<sup>28</sup> Ibi bituma umukristu muri we yikuzamo ishyaka ryo gukorera Imana no kumva ko irushaho kumwegera, kuko aba azi neza ko ari kumwe n'umusaserdoti ubimufashamo. Aha rero, umusaserdoti akwiye guhora yumva ko n'ubwo ari umunyantege nke, atagomba kugira ubunebwe mu gukora umurimo Kilizya yamushinze. Hari n'undi murimo umusaserdoti akora wo kuyobora roho y'umukristu. Awutunganya iyo amufasha gutega amatwi y'umutima akumva ijwi ry'Imana rivugira mu byishimo afite, mu bibazo by'ubuzima, mu bibazo bya roho, mu marangamutima, mu bitekerezo birwanira mu mutima we, n'ibindi byinshi. Umukristu afashwa gushishoza, kandi agafashwa kugarura icyizere cy'ubuzima, umusaserdoti akamuyobora atyo mu nzira iboneye kandi imugeza ku Mana.

N'ubwo ari umuntu mu bandi, umusaserdoti tumunyuraho kugira ngo tugere ku Mana. Nk'uba mu bantu, amenya ibyo babamo: imvune, imiruhu, imihangayiko, ibibazo by'insobe, ibyishimo n'ibyifuzo byabo byose abisohoza ku Mana; kandi na bo akabagezaho ibisubizo by'Imana ndetse n'ibyo ibashakaho byose. Ya ntore y'icyitegererezko mu bapadiri, Yohani Mariya Viyani,

igira iti "Muravuga muti 'Ni umuntu nk'abandi...' Ni byo koko! Agizwe na roho n'umubiri nk'undi muntu wese. Nyamara icyo tugomba kureba ni ubutumwa afite: yifitemo ububasha bw'Imana ubwayo [...] Imanayashyize mu biganza byabo ibyiza twaronkewe n'urupfu n'ibabara byayo kugira ngo babitugabanye, nk'umwami uhhereza ubukungu umuhagarariye kugira ngo abugabanye bose uko abishaka".<sup>29</sup>

#### **4. Kubona umusaserdoti ubwabyo byagombye kudufasha kubona Imana**

Mubihuguby'ahandi, bitewen'umuco, usanga umusaserdoti agaragarizwa icyubahiro gikomeye cyane kurusha abandi bose, bikagaragazwa n'uko abantu bitwara igihe bahuye n'igihe bari kumwe na we. Hari ubwo usanga hamwe batera ivi, ahandi bagasoma ibiganza by'umwepiskopi. Si uko ari we nyirizina baba babikoreye, ahubwo ni uko baba bubashye isakramentu yahawe rishushanya Kristu Umusaserdoti Mukuru. Si n'uko kandi baba bamugize Kristu nyirizina, ahubwo baba bazi kandi bumva neza uwo ari we imbere yabo nk'umuntu wasizwe amavuta y'ubutore ngo ahagararire Kristu nk'aho ari Imana ubwayo. Abanyarwanda na bo bagira uburyo bwabo babigaragazamo, kandi ni ibyo kwishimira. Uburyo tubona umusaserdoti

<sup>28</sup> Reba Inyandiko y'Inama Nkuru ya kabiri ya Kilizya yabereye i Vatikani : Presbyterium ordinis, n. 6

<sup>29</sup> Reba Padiri Jean Claude TWIZEYIMANA na Diyakoni Diogène TUMUHAYIMPUNDU, Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, Padiri mukuru wa Arisi, urup. 238.

ntibukwiye kuba ubundi butari ukumubona nk'indorerwamo igaragaza isura y'umupadiri mu maso y'abantu. Padiri "agomba kuba indorerwamo itanduye igaragaza Imana. Kandi tuzi ko ntawundi abantu baherewemo kubona Imana utari Yezu Kristu. Padiri rero ni undi Yezu abantu b'iki gihe babona, akababwira Imana [...] Abantu bamutegerejeho kubereka Imana mu buzima bwabo no mu byishimo n'ibibazo bijyana na bwo [...] Abakristu n'abatari bo baramubwira bati 'Nyakubahwa, si wowe dushaka; turashaka kubona Yezu; twereke Yezu".<sup>30</sup>

## Umwanzuro

Ntidukwiye gutinya gusangana icyubahiro gikomeye umusaserdoti, niba dushaka kugera ku Mana. Yezu ubwe wari Imana rwose n'umuntu rwose yisanishije n'abantu, yemera kuba umuntu; ku buryo bukomeye yemera ko muntu mu isakramentu ry'ubusaserdoti, agira icyubahiro nk'icye kimwemerera gukora ibyo yikoreye ubwe, ari nako amwumvira akaza mu mugati na divayi. Hagati y'Imana na padiri hari ukubahaha n'ukumvira bikomeye. Dore ko anahagarariye koko umuryango wayo hano ku isi. None se ubwo, uwo Imana yubaha ikumva isengesho ryacu ayigezaho, twabuzwa n'iki kumwubaha birushijeho nk'ababana na we imbonankubone? Ni iki cyatuma dushidikanya ku guhura

n'Imana kandi we imunyuraho bya hafi? Yego na we hari ubwo agera aho akagwa mu bishuko nk'ibyo abantu bagwamo, kandi ugasanga tubigiramo uruhare nk'abakristu. Tujye twibuka gushyiraho akacu tumusabire, kuko yambaye umubiri nk'uwacu. Tumusabire kugira ngo adusohozemo umurimo yatorewe wo kutubanisha n'Imana no kudutagatifuza.

Nk'abanyarwanda b'iki gihe, dukeneye Imana kurusha uko twayikeneye mu bihe byahise, na Yo kandi iradukeneye, ndetse kuturusha. Byongeye, Yo ihora idushakashaka nk'Umushumba mwiza udashaka kugira intama n'imwe azimiza. Buri wese nabone mu basaserdoti b'abanyarwanda, muri iki gihe turimo, abagaragu ba Kristu n'abafasha bungirije uwo Mushumba mwiza rukumbi, kandi buri wese ababonemo abagabuzi b'amabanga y'Imana (reba 1 Kor 4, 1) ari yo: inyigisho n'ubuzima bushya Imana agaragarije abantu muri Yezu Kristu. Dufashe umusaserdoti kudufasha kwegera Imana, dutungwe n'ibyo Imana imuha ngo atugezeho, tutitaye ku ntege nke z'umubiri we kuko na we ari umuntu, ahubwo tugirira icyo isakramentu ry'ubusaserdoti ryamugize.

<sup>30</sup> Reba Pères rogationnistes, Umupadiri, muri iki gihe mu Rwanda yakirwa ate...? impap. 18-19.

# NSHIBUTSE IMPANGA

Fratri Evode IYONASENZE

## Intangiriro

Ubusaserdoti Padiri mukuru wa Arisi<sup>31</sup> avuga ko ari isakramentu ryerereza umuntu kugera hafi y'Imana. Ukaristiya yo ikaba urukundo rwimazeyo rwa Kristu.<sup>32</sup> Ayo yombi ni amasakramentu abiri yavukiye umutaga umwe, abyawe n'Umuntu umwe (Imana-Muntu), ari We Yezu Kristu ubwe. Ayo masakramentu rero umuntu yavuga ko ari "impanga", ni ingabire n'ibanga by'Imana,<sup>33</sup> akaba aremye ku buryo bw'agatangaza umuntu atahita yumvisha neza ubwenge bwe gusa, ahubwo ukwemera ntayega. Nubwo ari abiri, ari muri Kristu ubwe yombi uko yakabaye kandi ku buryo bwuzuye; ni ikirêzi gitangaje kandi imiterere yayo irajimije nk'ihabû (reba Zab 139, 6).

## 1. Imiterere y'ayo masakramentu

Izo mpanga ni ibanga riturenze kandi riri no hafi yacu, ni ubukungu buhanitse bukaba isaro

ritagereranywa: Yezu ubwe, Pasika yacu n'igitambo cy'Umusaraba; icyo gitambo umusaserdoti atura si icye ahubwo icya Kristu.<sup>34</sup> Uwabigennye atyo ni ko yabishatse, abikora ku mugoroba wo ku wa Kane mutagatifu, araye ari bumpfire imbaga y'abantu batabarika bo mu mpande z'isi yose, mu bimenyetso by'umugati na divayi ndetse anaha ba Cumi na babiri bari kumwe ubutumwa n'uburenganzira bwo guhora bakora ibyo yari amaze gukora mu izina, mu bumuntu no mu bumana bye,<sup>35</sup> maze bakazajya bahora bamwibuka kugeza igehe isi izashirira. Ibyo byose bikaba bigamije kudutagatifuza no kudukiza, dusangirira kuri Alitari imwe ya Yezu.

## 2. Icyo ayo masakramentu agamije muri Kiliziya

Yezu n'Intumwa bâri mu Cyumba cyo hejuru, mu isangira rye rya nyuma (reba Lk 22, 14) yabahaye uburenganzira nyine ku bintu birenze kamere-muntu kugira ngo bakomeze umurimo yari yateruye

<sup>31</sup> Reba Jean Claude TWIZEYUMUKIZA (Padiri) na Diogene TUMUHAYIMPUNDU (Diyakoni), Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, Kigali 2011, urup. 235.

<sup>32</sup> Reba BÉNOÎT XVI (Pape), Exhortation apostolique Sacramentum Caritatis (Ibaruwa ya Gishumba Isakramen-tu ry'Urukundo, yo ku wa 22 Gashyantare 2007), n. 1.

<sup>33</sup> Reba JEAN-PAUL II (Pape), Lettre Encyclique Ecclesia de Eucharistia (Ibaruwa ya Gishumba Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya yo ku wa 17 Mata 2003), n. 7.

<sup>34</sup> Reba JEAN-PAUL II (Pape), Ecclesia de Eucharistia (Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya), n. 5.

<sup>35</sup> JEAN-PAUL II (Pape), Ecclesia de Eucharistia (Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya) nn. 27, 28, 32 : «...la présence d'un prêtre est nécessaire, lui seul ayant le pouvoir d'offrir l'Eucharistie in persona Christi ...et l'offre à Dieu au nom de tout le peuple qui s'associe dans la foi et en silence» (...kubaho kwa Padiri ni ngombwa, we wenyine ufite ububasha bwo gutura igitambo cy'Ukaristiya mu izina rya Kristu... ni we utura Imana igitambo mu izina ry'abakristu bose baba bifatanyije na we mu kwemera no mu mutozo ».

wo gutura Ukaristiya, yo ibeshaho Kiliziya, yo pfundo n'agasongero byayo; Kiliziya na yo ikaba ibitse ubwo bukugu ntagereranywa Yezu Kristu aduhaho umuganura n'umusogongero tukiri hano ku isi,<sup>36</sup> ari na wo wo gukiza ikiremwa-muntu cyose aho kiva kikagera, maze ngo icyo kiremwa kizabane ibuziragihe n'Imana mu Butatu Butagatifu, mu Rumuri rutagira uko rusa, mu Byishimo bikennye ikinegu n'icyasha... Ukora uwo murimo mutagatifu, si intungane ahubwo na we ni umunyantege nke utorwa mu bantu ngo abafashe gusobanukirwa n'iryo banga; ntiyiha icyo cyubahiro ubwe bwite, ahubwo uwo Imana ibihamagariye kimwe na Aroni (reba Heb 5, 2-4).

### 3. Yezu Kristu-Umusaserdoti-Ukaristiya

Muri aya magambo akurikirana y'incamake, mu buryo by'igisingizo cyangwa se indirimbo "Nshibutse Impâângâ",<sup>37</sup> Umusaserdoti avugwa nka Mukenuzi na ho Ukaristiya Rwererane; bityo abo bavandimwem-pâângâ kandi bibumbiye muri



Umwe, Yezu Kristu, uwo Kristu akaba bo wese muri bo, maze bigatuma badashobora gutana na rimwe, aka wa mugani ngo "nta mupfumu utana n'impinga". Nguko uko Umusaserdoti yimereye hamwen'Umuvandimwe we Ukaristiya! Mutagatifu Yohani Pawulo wa II, mu Ibaruwa ye ya gishumba, ni we uvuga ko niba Ukaristiya ari izingiro n'ubushorishori by'ubuzima bwa Kiliziya, ni n'ishingiro n'ubuzima by'umusaserdoti, kuko ari indatana kandi akaba yaravukiye umunsi umwe ku wa Kane mutagatifu, aho Umusaserdoti ayitura ashimira uwamutoye akamuhunda ingabire y'ako kageni yo guhamagara Yezu,<sup>38</sup> mu gihe cya Konsekraziyo, mu bimenyetso bigaragara maze utagaragara akaza muri byo, bityo agahindura ibyari bisanzwe kuba iby'iteka ryose kuri Alitari, kandi

<sup>36</sup> JEAN-PAUL II (Pape), Ecclesia de Eucharistia (Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya), n. 26: « L'Eucharistie édifie l'Eglise et l'Eglise fait l'Eucharistie » (Ukaristiya yubaka Kiliziya, kandi Kiliziya ikora Ukaristiya).

<sup>37</sup> Reba BÉNOÎT XVI (Pape), Sacramentum Caritatis (Isakramentu ry'Urakundo), n.23.

<sup>38</sup> Reba Jean Claude TWIZEYUMUKIZA (Padiri) na Diogene TUMUHAYIMPUNDU (Diyakoni), Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, urup. 236: «Padiri amenye uwo ari we yapfa! Imana iramwumvira, avuga amagambo abiri gusa, Yezu akamanuka mu ijuru maze agatura muri ka hostiya gato! Umupadiri azumva uwo ari we mu ijuru gusa. Iyaba mwari mufite ukwemera, mwabonye Imana yihiše mu mupadiri, nka divayi ivanze n'amazi».

agatagatifusa ingingo za Kiliziya.<sup>39</sup> Yezu Kristu, Umusaserdoti Mukuru akaba n'Ukaristiya icyarimwe (Sacerdos-Hostia), umugati utanga ubugingo, ni We uha Umusaserdoti, mu isengesho no mu Ijambo rye no mu Ukaristiya nyine, uburyo bwiza kandi buboneye bwo kuvuga no kwamamazamabantu Impangaye; iyo agenje atyo aba yemeye akamamaza urupfu n'izuka by'Umukiza, kandi Ukaristiya ikamwibutsa ko na we ari igitambo igihe ariye umubiri akanywa n'amaraso bye (reba Yh 6, 53-55; 1 Kor 11, 26). Ubwo butumwa cyangwa uwo Murage usumba indi yose, Umusaserdoti abikomora ku munsi wa Kane Mutagatifu maze agahabwa imbaraga kuri Pentekosti zo kwamamaza ko n'ubwo yapfuye, Kristu yanazutse kuri Pasika ye ntagatifu, ari na ho Ijuru n'isi byiyunze, umubano w'abantu n'Imana ukanâgurwa; nuko bati: "Alleluya, ngurwo urukundo rwuzuye rw'Imana mu bantu bayo!"

#### **4. Ubutumwa ndasimburwa bw'umusaserdoti**

Mutagatifu Yohani Mariya Viyani aragira ati "Umupadiri ni umuntu wambikwa ububasha bw'Imana ubwayo, bityo agahagararira Imana

ubwayo ahantu habiri, igihe akiza ibyaha kubera ko atavuga ngo 'Imana ikubabarire' ahubwo 'ngukijije ibyaha byawe': n'igihe cya Konsekraziyo kuko atavuga ati 'iki ni umubiri wa Yezu' ahubwo 'iki ni umubiri wanjye, iki ni amaraso ya Yezu'.<sup>40</sup> Umusaserdoti kandi agirwa umwihariko maze agashyirwa ukwe kubera Ivanjili, bityoakanihatira kwisanisha na bose muri byose kubera umukiro w'abantu n'uwe. Uwo ni na we kandi uba yariyeguriye Imana burundu ngo abe igikoresho kizima cya Kristu, Umusaserdoti iteka ngo akomeze umurimo w'agatangaza wo gukiza abantu, anabereho Imana yonyine abinyujije muri Kiliziya ya Kristu,<sup>41</sup> kuko si we uba uri ho ahubwo Yezu Kristu muri we (reba Gal 2, 20).

#### **5. Umusaserdoti mu bantu**

Umusaserdoti kandi ni umuntu wigisha kandi agakora mu bwiyoroshye, mu kwizera, mu kwemera no mu rukundo ibyo yasigiwe na Kristu; yita ku bushyo yaragijwe, atireba we ubwe, mu bumanzi (butari ubugumba) nk'ikimenyetso cy'urukundo ndengakamere, gishingiye mu guhereza abantu Ukaristiya abereye umugaragu, no kubakorera atiziganya kandi

<sup>39</sup> Reba JEAN-PAUL II, Ecclesia de Eucharistia (Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya), n. 31; Lettre apostolique Dominicae Cenae (Ibaruwa ya Gishumba Isangira ritagatifu ry'Icyumweru), n.2; Christophe MALLIA, The Sacrament of the Eucharist (Isakramentu ry'Ukaristiya), Paulines, Nairobi 2000, urup. 9, 11, 18; Fulton. J. SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (Padiri ntibereyeho ubwe), Salvator, Casterman-Paris-Tournai 1965, pp. 20, 22, 242.

<sup>40</sup> Jean Claude TWIZEYUMUKIZA (Padiri) na Diogene TUMUHAYIMPUNDU (Diyakoni), Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, urup. 235.

<sup>41</sup> Reba JEAN-PAUL II (Pape), Ecclesia de Eucharistia (Kiliziya ibeshwaho n'Ukaristiya), n.12.

adakebakeba, akabukenura koko nta mbebya nta mususu nta ntoôte kuko<sup>42</sup> “ntawe utona ku Mana atoneka abayo”. Uwo musaserdoti kandi iyo amaze kwigisha imbaga, imbaga na yo igakindikiza iryo Jambo rya Nyagasan, arabafungurira akabaha Impanga ye<sup>43</sup> nuko bakayimenya (reba Lk 24, 13-35). Uwo musaserdoti ni umuntu unogeye Imana mbere na mbere, nonehoabantu.<sup>44</sup> Ibyo bikaba biguniye mu migenzo mbonezamana na mbonezabupfura, akaba atyo iteme n'ikimenyetso ndengakamere mu bantu Imana yiremeye kuko abatoza gukunda<sup>45</sup> no kunogera uwô na wê ubwe akunda, mu kwigisha, kuyobora no gutagatifusa mu masakramentu, maze kuko ari umuntu w'Imana mu bantu, kandi akaba abereyeho gushyikiriza abo bantu ubuzima busagambye, busendereye ikuzo ry'Imana rwose kandi bakamubonamo Uwamutumye.<sup>46</sup> Ngubwo ubutumwa

bwihariye bw'Umusaserdoti, nguwo Umusaserdoti w'Imana mu bantu kuko ahuza abantu n'Imana, ndetse akanahuza abantu hagati yabo muri Kiliziya ya Yezu Kristu.

## 6. Uwo musaserdoti nimumwumve!

Ntihazagomba ibitangaza<sup>47</sup> bindi ngo twemere ko umusaserdoti ari umwihariko n'ingarigari ya Kristu, kuko atwaye isaro muri we tutabonesha amaso gusa, ahubwo ukwemera. Padiri w'i Arisi we iyo atekereje kuri padiri agira ati “iyaba twiyumvishaga abo turi bo, twabayeho nk'abamalayika... Umupadiri ni umugabuzi w'ibyiza by'ijuru, nyuma y'Imana, umupadiri ni byose, igitambo cya misa ni igikorwa cy'Imana ubwayo... Mpuye n'umupadiri hamwe n'umumalayika, nasuhuza cyane umupadiri kuruta umumalayika”.<sup>48</sup>

<sup>42</sup> Reba BÉNOÎT XVI (Pape), *Sacramentum Caritatis* (Isakramentu ry'Urukundo), n. 23-24; Fulton J. SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (Padiri ntibereyeho we ubwe), pp. 279, 286.

<sup>43</sup> Umusaserdoti ibyo abikora nk'uko Yezu yabigenzaga, iyo yamaraga kwigisha ibijyanye n'Ingoma y'urukundo rw'Imana, maze akabaha ifunguro ry'umugati mu maso y'Intumwa ze n'imbaga yabaga imushagaye ryashushanyaga Yezu uzitanga, we Mugati muzima w'ubugingo wamanutse mu ijuru (reba Mt 14, 13-21; Yh 6, 26-69).

<sup>44</sup> Reba Jacques LECLERCQ, *Le prêtre devant Dieu et devant les hommes* (Padiri imbere y'Imana n'imbere y'abantu), Casterman 19652, p. 19.

<sup>45</sup> Ibidem, pp. 17-18: Ku Musaserdoti, ijambo “urukundo” ryakabaye nk'impakanizi y'umusibo mu nyigisho ndetse no mu ngiro bye.

<sup>46</sup> Reba Inama Nkuru ya Kiliziya yabereye ku nshuro ya kabiri i Vatikani, mu nyandiko yitwa Presbyterorum Ordinis (Isakramentu ry'Ubusaserdoti yo ku wa 7 Ukuoboza 1965), nn. 4-6; Jacques LECLERCQ, *Le prêtre devant Dieu et devant les hommes* (Padiri imbere y'Imana n'imbere y'abantu), pp. 27, 28; Fulton J. SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (Padiri ntibereyeho we ubwe), pp. 31.

<sup>47</sup> Reba Christophe MALLIA, *The Sacrament of the Eucharist* (Isakramentu ry'Ukaristiya), pp. 33-34 (Ikimenyetso cyahawe umusaserdoti wa mutagatifu Bazili washidikanya ko Yezu arimo wese mu bimenyetso by'umugati na divayi i Lanciano, akimara kuvuga amagambo ya Konsekraziyo...bihinduka inyama yifitemo ubuzima).

<sup>48</sup> Reba Jean Claude TWIZEYUMUKIZA (Padiri) na Diogene TUMUHAYIMPUNDU (Diyakoni), Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, urup. 232, 236, 237.

Muri make rero, ibivugwa muri aya magambo akurikirana mu buryo bwayo tugiye kubona mu ntondeke zivugwa muri "Nshibutse Impanga", byari ibyo ngibyo. Ngayo nguko rero, ahasigaye nimureke turebe neza icyo ayo magambo afubitse.

1. Nibarutse Impâanga  
Kuri uyu munsi uyisumba  
Nshibutse babiri,  
Ariko bombi ni Jye musa.

2. Nta Gakuru nta Gato  
Umwe mwise Rwererane,  
Undi ni Mukenuzi,  
Bose nkaba Bo.

3. Ngaho rero bana banjye  
Ejo muzashavura, mubabare  
N'ubwo mukiri bato  
Ariko mu mitaga itatu muzasusuruka;

4. Muzabyina, muzaririmba  
Mwisimbagize, muvuze impundu  
Z'urusobe kuko Uwabashibutse,  
Mu gihe nyacyo yigeneye

5. Azaba asheshe ubwishongore  
Bwa Mushegeshi udâhugâ;  
Mbasize kandi mucutse,  
Dore nsubiye ku Ivuko.

6. Isano musangiye ishobeye benshi  
Ariko muri mwe, ni ho ngaragariza  
Umutima wanjye ubabarira  
Kandi utatse ikirêzi.

7. Ngaho wowe Mukenuzi  
Nujya ukoresha Umunsi Mukuru,  
Ujye untumira wishimye

Haba mu gihe n'imburagihe.

8. Uzifashishe Ijambo nakubwiye  
Ndetsé na Rwererane  
Maze mpite nza bwangu  
Bityo abaje mu Munsi Mukuru,  
Bemere ko Ndihó kandi nkiza.

9. Mu bo tuva inda imwe,  
Umbýara ni Data,  
Nanjye nkaba muri We,  
Nuko tugakundana twembí:

10. Bikabera muri Roho Umwe.  
Uwo Munsi w'umutsindo rero,  
Ni Jye wawuteguye mbere,  
N'igihe ndetse mbâbyara.

11. Burya rero iyo umpamagaye  
Nza muri Kayaga keza,  
Roho Mutagatifu, ntushidikanye  
Ni Jyewe uba uje rwose.

12. Mukenuzi, ujye uvuga,  
Ukora nk'ibyanjye rwose,  
Ntarasubira Ibuziragihe,  
Kandi mu bwiyoroshye.

13. Bityo usigurire abensi  
Uko Ndi maze bemere;  
Basobanukirwe banshagare,  
Maze basingize Sebyose.

14. Ubwo kandi imitima ya bensi  
Ndetsé n'inshavuza,  
Nimara kwakira Impanga yawe,  
Rwererane izababarirwe,

15. Yisubireho nta mbereka,  
Imenye abo dusangiye imisusire.  
Ibyo byose urabikore neza,  
Mu rukundo no mu bwiyumanganye.

16. Mama wanyibarutse  
 Ari we Nyegamo ya Data,  
 Ari kumwe namwe,  
 Kandi nanje turi kumwe;  
 Mujye mumutuma ambwire ibyanyu.
17. Icyo abenshi bibaza,  
 Batumva kandi ntibakibone,  
 Ni Jyewe kandi ni Mwebwe;  
 Bityo rero ni Jyewe ubwanje gusa  
 Ariko ku Meza byo ni agahebuzo.
18. Dore Rwererane muhoramô  
 Ni ikimenyetso kizima kivuga,  
 Arakora, arakiza, akabeshaho;  
 Nawe Mukenuzi, ni kimwe.
19. Mukenuzi, uraboneze Imana  
 Uraboneze ubupfura nta pfunwe,  
 Abanje bose bagusoromeho  
 Isaro ryuje ineza kandi rihumura:  
 Bityo uzaba unogeye rwose.
20. Ujye urangamira  
 Umuvandimwe-mpaângâ,  
 Kuko utamwitegereje cyane  
 Ntiwamumenya, ntiwakwimenya.
21. Ubwo rero nanje ntiwamenya,  
 Ngo umenye n'icyo nkubwira,  
 Ngo umenye kandi ukunde  
 N'icyo uvuga, n'icyo ubwira abanje.
22. Nujya wumva uri wenyine,  
 Jya usanga kandi urangamire  
 Umuvandimwe wawe Rwererane,  
 Maze ushire irungu, ususuruke.
23. Ku Mutaga ugira kane  
 Ujye wizihizaho ivuka ryanyu,  
 Hamwe na Bazina bawe,  
 Musangiye isaro: murabizirikane!
24. Nibucya, muzirikane rero
- Ububabare bw'Umubyeyi wanyu,  
 Igihe mwari mukiri bato,  
 Kandi muzifatanye n'inkoramutima.
25. Umunsi Data yaremye  
 Uwô nari nduhukiyemo,  
 Nari meze nk'imbuto  
 Ihuguse iri bucye imera,
26. Maze ikera nyinshi.  
 Mukenuzi namwe abanyemera,  
 Muvuge murangurure: Alleluya,  
 Kuko mwongeye kumbona.
27. Nawe mugore ishime,  
 Kuko ari wowe umbonye mbere;  
 Ngaho rero genda hose, mu  
 bavandimwe,  
 Ubwire bose iby'Umuzima.
28. Kuri uyu Munsi Wererana:  
 Data na Rukundo,  
 Wowe na Rwererane,  
 Umubyeyi wanyu,  
 N'abanyoboka bose, ni Alleluya!

# UMUSASERDOTI, UMUHAMYA W'UKWEMERA N'UMUCO MU RWANDA

Diyakoni Ernest NZAMWITAKUZE  
Diyakoni Alain Robert UMUHIRE

## Intangiro

Mu gihe Kiliziya y'u Rwanda iri mu rugendo rwo guhimbaza yubile y'imyaka ijana yibarutse abasaseridoti kavukire ari bo: Padiri Baltazari Gafuku na Padiri Donati Reberaho, ishami "Ukwemera n'Umoco", mu rugaga rwa Mutagatifu Pawulo (Cercle Saint Paul) rwo mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, twifuje kugira icyo tuvuga ku ruhare rw'umusaserdoti ku kwemera n'umuco nyarwanda. Umusaserdoti ni umuhanya wa Kristu, utirengangiza umuco w'abo atumwaho. Ku rundi ruhande kandi, ahamagariwe kugira umuco wa gikristu uwe, no gutanga umusaruro akeneweho. Musenyeri Simaragidi Mbonyintegé, mu nyandiko yitwa "Ubusaseridoti nyobozi" yaragize ati "Ubusaserdoti ni isakramantu yego, ariko hari igithe iryo sakramantu irango ryaryo. Mbere na mbere ni umuco umuranga, umusaseridoti akomora kuri Kristu. Uwo muco kandi ukaba ku buryo bw'umwihariko muningo munani z'interahirwe (esprit de beatitudes) Yezu Kristu ubwe yagize inkingishingiro z'ingoma y'Imana .Izo ngingo nterahirwe, nubwo zigenewe uwitwa umukristu wese, umusaserdoti mu myifatre ye

agomba kuzibandaho".<sup>49</sup>

Muri iyi nyandiko turibanda ku butumwa bw'umusaseridoti w'umunyarwanda aho turi bugaragaze uruhare rwe mu guhuza umuco we bwite nk'umunyarwanda n'Ivanjili. Turi bubirebe mu bice bibiri: Mu gice cya mbere turareba irango ry'umusaseridoti w'umunyarwanda nk'umuhanya w'ukwemera mu gihugu cyanyuze mu bihe bitandukanye. Turafata urugero rw'umuryango wa Israheli. Mu gice cya kabiri turavuga umusaserdoti n'umuco nyarwanda, tureba bamwe mu basaserdoti bagize uruhare mu guhuza Ivanjili n'umuco.

## 1. Umusaserdoti, umuhanya w'ukwemera mu Rwanda.

Muri iki gihe, dukomeje kuzirikana ku butumwa bw'umusaserdoti mu Rwanda ku buryo bw'umwihariko. Ubwo butumwa ni uguhamya ukwemera, akabikora yigisha, atagatifuza kandi ayobora umuryango w'Imana. Mu kuzirikana ubu butumwa, turibanda k'umurimo we wo kuyobora. Mu Ibaruwa yandikiwe Abaheburayi, batubwira ko Yezu Kristu ari umuherezagitatambo mukuru, kuko ari we ukwemera kwacu gushingiyeho. Yezu Kristu

<sup>49</sup> S. MBONYINTEGE, "Ubusaseridoti nyobozi", mu « Urumuri » n. 11, (Umwaka wa IV Asomusiyo 1992), urup.13.

kandi asumba Musa (reba Heb 3, 1). Tutirengagije ubukuru bw'umusaserdoti (Alter Christus), turaza kugereranya ubuyobozi bwe n'ubwa Musa, ubwo yayoboraga umuryango w'Imana awukura mu gihugu cya Misiri, bakagera mu gihugu cy'isezerano. Umusaserdoti na we ayobora umuryango w'Imana, akawuhuza na Kristu wapfuye akazuka maze tukaba umwe muri Kiliziya.

### **1.1. Umuyobozi w'umuryango w'Imana nka Musa**

Imana yatoye Musa ngo imutume kubohora abayisraheri bari mu bucakara. Imana yumvise amaganya y'umuryango wayo yibuka isezerano yagiranye n'abakurambere, Abrahamu, Izaki na Yakobo, maze imenya amagorwa barimo (reb Iyim 2, 23). Imana yiyemeje kuvana abayisraheli mu Misiri, ibajyana mu gihugu gitemba amata n'ubuki y'ifashishije umugaragu wayo Musa. Uwo muryango waje guhura n'ingorane nyinshi muri urwo rugendo ariko Imana ibereka ko ibari hafi ("Ndi Uhoro" (Iyim 3, 14)). Abayisraheli bashoboraga kwita Imana irindi zina, ariko yo ubwayo yashatse kubumvisha ko ari Imana ibahora iruhande ige cyose. Ubutumwa Musa yagombaga gushingiraho ubuyobozi bwe ni uguhumuriza umuryango w'Imana uri mu rugendo. Umusaserdoti na we ayobora umuryango w'Imana

uri mu rugendo, Kiliziya yo ku isi. Ariko ubuyobozi bwe butandukanye n'ubuyobozi bw'abatware b'iyi si (reba Lk 22, 24-27). Ubuyobozi bw'umusaserdoti bujyana no kuba umugaragu w'abantu bose, cyane abari mu kaga. Ku buryo bw'umwihariko, mu gihugu cyacu twanyuze mu bihe bikomeye byageze kuri jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bisigira benshi gutakaza icyizere cy'ubuzima. Umusaserdoti ahumuriza umuryango w'Imana uri mu makuba awuha amabwiriza yahawe na Yezu bahura kenshi muri Ukarisitiya.<sup>50</sup>

*Ukuva mu Misiri kw'abayisraheli, imbarutso y'amizero*

Ukuva mu Misiri kw'abayisraheli kwabaye ige gikomeye mu mateka y'umuryango w'Imana. Mu gihe cy'Abrahamu uwo umuryango wariho, ariko babagaho mu isezerano gusa (reba Intg 15, 14). Ibyo byatumye barushaho kwiyumva nk'umuryango umwe, bamenya izina ry'Imana. Kuri bo, Imana ntabwo yari ikiri umuremyi w'ibirihogusa, ahubwo yabaye Imana ikiza kandi ibohora abari mu bucakara. Ni na byo Musa yibutsaga umuryango w'Imana agira ati "Muzajye mwibuka wa munsi mwaviriye mu Misiri mu nzu y'ubucakara, kuko Uhoro yabakuyeyo abigirishije imbaraga z'ukuboko kwe" (Iyim 13, 3). Icyo gikorwa Imana yabakoreye cyatumye

<sup>50</sup> Reba FULTON J SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (Umupadiri ntibereye we ubwe), Tournai, Paris 1965, p. 261.

bagirana ubumwe kurushaho kandi bagirana isezerano (Iyim 24, 1-11). Uko kwiyumva nk'umuryango Imana yakijije ubucakara bw'abanyamisiri, byabateye gukorera Imana batiziganya, bakabigaragariza mu makoraniro yabo (Iyim 34, 18). Mu by'ukuri ukuva mu Misiri ntabwo ari igikorwa cyahise, cyabayeho rimwe gusa, ahubwo ni igikorwa cyakomeje guherekeza Israheli mu mateka yayo. Amateka y'uwo muryango aduha gusobanukirwa n'ubu buzima turimo. Ubuzima bwose bwo ku isi ni urugendo rwo kuva mu Misiri tujya mu gihugu cy'isezerano. Umuryango w'Imana ari wo Kiliziya, uri mu rugendo rugana ingoma y'Imana. Urwo rugendo duhuriramo n'ingorane zinyuranye, ariko ukwemera kukaduha gukomera.

## **1.2. Umurimo w'umusaserdoti wo kuyobora**

Mu nshingano umusaserdoti ahabwa, harimo kuyobora umuryango w'Imana. Yita cyane kuri roho z'abakristu ashinzwe, akazihuza na Kristu. Ubwo bumwe bugaragazwa na Kiliziya, kuko ari umubiri, Kristu akaba umutwe wayo. Umusaserdoti ni ingenzi muri ubwo bumwe buhuza

Kristuna Kiliziya. Umusaserdoti kandi ntuyigira wenyine, agirwa n'imbaga y'abakristu abereye umuyobozi. Muri ubwo buyobozi asabwa "kuba umuntu w'Imana koko; kandi akaba ajijutse, afite ubushobozi buhagije, akabera abo ashinzwe umuyobozi w'indakemwa"<sup>51</sup>. Muri uko kuyobora imbagya y'Imana, umusaseridoti yita cyane ku bakene n'abaciye bugufi, nk'uko na Kristu ubwe yabiduhayemo urugero (reba Mt 25, 34-45). Ariko si bo gusa yitaho ahubwo umusaserdoti, mu buyobozi bwe, yita ku kintu cyose giteza imbere ikiremwamuntu<sup>52</sup>

### **1.2.1. Umuyobozi wa roho**

Umusaserdoti ni umuhanya wa Kristu mu Rwanda rw'iki gihe. Abanyarwanda banyuze mu bihe bikomeye by'intambara na jenoside yakorewe abatutsi, bitera benshi ibikomere by'umubiri na roho. Bamwe bagiye bibaza niba koko Imana iriho, abandi batangira gushidikanya ku rukundo rwayo. Ngaho aho umusaserdoti mu Rwanda akenewe ku buryo bw'umwihariko kugira ngo ahumurize imbagya nk'uko Musa yabigenje igehe bari bageze ahakomeye mu butayu (reba Iyim 16, 6). Papa Yohani Pawulo II ni

<sup>51</sup> Urwandiko rw'Abepiskopi bo mu Rwanda, Umusaserdoti umuhanya wa Kristu mu Rwanda rw'iki gihe, n. 14, ku wa 16 Nzeri 1992.

<sup>52</sup> Reba, Inama nkuru ya Vatikani ya kabiri, Inyandiko kuri Kiliziya mu isi ya none Gaudium et Spes (7 Ukuvoza 1965) n. 42.

<sup>53</sup> Urwandiko rw'Abepiskopi bo mu Rwanda, Umusaserdoti umuhanya wa Kristu mu Rwanda rw'iki gihe, n. 13.

<sup>54</sup> Ibaruwa y'Abepiskopi gatolika bo mu Rwanda yerekeye yubile y'imyaka ijana y'ibusaserdoti mu Rwanda [1917-2017], 8 Nzeri 2015, urup. 25

<sup>55</sup> Reba FULTON J SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (umupadiri ntuyibereyeho we ubwe), p. 150.

<sup>56</sup> Edouard SINAYOBYE, « L'art de prendre soin des âmes dans l'accompagnement spirituel », in URUNANA, n. 144, Juin 2016, p. 44.

we utubwira ngo: "Umusaseridoti ni umuntu ushinzwe gutagatifusa abandi, akaba umuhamya w'ibitaboneka n'umuvugizi w'Imana yigaragarije muri Yezu Kristu".<sup>54</sup> Kuba umusaserdoti yita kuri roho z'abo ashinzwe, kandi roho ikaba itaboneka, bituma uwo murimo ukomera bikamusaba imbaraga zindi akomora ku isengesho. Uwo murimo w'ubuyobozi bwa roho usaba umusaserdoti kuba intungane. Ibyo bigaragazwa n'"urukundo abakristu bafitiye ingoma y'Imana, rutuma bakunda abasaserdoti babo, bakabifuriza iteka kuba intungane".<sup>55</sup>

Umusaserdoti ashobora kuramira roho nyinshi, atari uko azi kuvuga neza. Ariko nta sengesho na Roho Mutagatifu, ntacyo azifasha ahubwo ashobora no gutuma ziremererwa kurushaho.<sup>56</sup> Roho z'abakristu bari mu bigeragezo, zikenera ku buryo bukomeye umusaserdoti ugerageza na we kwitagatifusa . Ibyo bimusaba kuba umuntu wa bose: "Umusaserdoti rero abanyarwanda bakeneye, ni ubakunda bose, akabafasha gushyikirana n'Imana, akabitangira mu mirimo ashinzwe, mu nyigisho ze akabajijura, ndetse akabafasha kubona ibisubizo by'ibibazo bibugarije".<sup>57</sup> Umusaserdoti na we ntiyibagirwa ko roho z'abakristu ayobora ziri mu muryango mugari

w'Imana, kandi ko uwo muryango ari Israheli nshya.

Roho Mutagatifu ni we muyobozi mukuru wa roho z'abantu. Kutamuha umwanya w'ibanze kwaba ari ukwigerezaho. Roho z'abanyarwanda zikeneye Roho Mutagatifu, uza kubahumuriza, akabana na bo, akabaha icyizere cy'eo hazaza. Umusaserdoti ni we ufasha abanyarwanda kurushaho guhura n'Imana, iyo na we yemeye korohera Roho Mutagatifu, umuyobozi mukuru.

## 1.2. 2. Umusaserdoti n'abakene

Akensi ijambo 'Ubukene' (abakene n'abaciye bugufi) rikunda gusitaza abatari bake. Bagira bati: Kuki mugihesi iririmba ubukungu n'iterambere, Kilizya yo igaruka kenshi ku bakene n'abaciye bugufi? Ese ni uko itabona agaciro k'iterambere n'ubukungu bigomba guharanirwa? Mu isezerano rya kera abakene (anawimu), mu gihebureyi "ânâw" cyangwa "ani" bivuga "uwunamye". Bari abantu bakandamijwe, bagomba guhora bunamye imbere y'abategetsi n'abakire. Muri zaburi, umukene ni umuntu uhora yunamye imbere y'Imana, asuka amarira y'ubutindi bwe, kugira ngo Imana ize imutabare. Mutagatifu Matayo we, abyita guca

<sup>54</sup> Ibaruwa y'Abepiskopi gatolika bo mu Rwanda yerekeye yubile y'imyaka ijana y'ubusaserdoti mu Rwanda [1917-2017], 8 Nzeri 2015, urup. 25

<sup>55</sup> Reba FULTON J SHEEN, Le prêtre ne s'appartient pas (umupadiri ntiyibereyeho we ubwe), p. 150.

<sup>56</sup> Edouard SINAYOBYE, « L'art de prendre soin des âmes dans l'accompagnement spirituel », in URUNANA, n. 144, Juin 2016, p. 44.

<sup>57</sup> Urwandiko rw'Abepiskopi bo mu Rwanda, Umusaserdoti umuhamya wa Kristu mu Rwanda rw'iki gihe, n. 14.

<sup>58</sup> Reba Alexandre KABERA, Amahirwe ya muntu ayakesha Imana ye, Palloti-Presse, 2005, impap. 18-19.

bugufi no kugengwa n'Imana (reba Mt 18, 1-4).<sup>58</sup>

Kiliziya ya hano ku isi ni umuryango w'Imana uri mu rugendo rugana ijuru (reba Intu 3, 21). Mu rugendo kandi habamo kunanirwa, gusonza no kugira inyota. Kwirengagiza "abakene" ni ukwirengagiza Yezu Kristu ubwe washinze Kiliziya (reba Mt 25, 31-46). Mutagatifu Lawurenti, ni we basabye kwerekana umutungo wa Kiliziya, nuko akusanya abakene n'indushyi b'i Roma. Arababwira ati "*Doreibyomwantumyendabibazaniye. Ngiyi imari Kiliziya itunze*".<sup>59</sup> Uyu mutagatifu yumvaga neza Kiliziya iri mu rugendo, akigiramo n'icyerekezo nyacyo cy'ubusaseridoti bwa Kristu.

Kuba umusaserdoti atakwisanga mu bakene, kubegera no kubatega amatwi byamugora. Umukene muri Kiliziya ni we wunga ubumwe na Kristu, akamubera urugingo ruzima. Papa Fransisko atubwira ko imyitwarire nyayo y'umusaserdoti ari uguca bugufi no kwita ku banyantege nke mu murimo we gitumwa. Ibyo bimuha kugirirwa icyizere mu bo atumwaho. Umusaserdoti atanga ubuzima, akagendana n'abakene kandi agakungahazwa na bo. Umusaserdoti ni umuntu w'amahoro, ni umuhuza w'abantu, akaba n'ikimenyetso cy'impuhwe z'Imana. Ibyo byose abikorana ishyaka kandi atinuba.<sup>60</sup>

## 2. Umusaseridoti umuhamya w'umuco mu Rwanda

Igihe abamisiyoneri bageze mu Rwanda mu ntangiriro za 1990, basanze abanyarwanda ari abantu bafite umuco wihamiye, ubafasha gusabana hagati yabo ndetse ubahuza na Gihanga. Ubutumwa bwa gisaserdoti bwabanje gukorwa n'abapadiri bera. Nyuma y'imyaka cumi n'irindwi gusa, haboneste abasaserdoti kavukire, bahabwa ubutumwa bwo kwamamaza ingoma y'Imana mu bo bahuje umuco. Uko imyaka yasimburanye ni nako abasaserdoti kavukire babonetse ari benshi, n'ubutumwa bugera ku mbibi zose z'igihugu. Bakoze ibishoboka byose basesengura umuco nyarwanda. Umusaserdoti yagaragaye nk'uwita ku muco nyarwanda ndetse no kuwuhuza n'Ivanjili.

### 2.1. Umuco n'umusaserdoti

Iyo tuvuze "Umuco", twumva ibyo abantu bahuriyeho: imyumvire, imyitwarire, imibereho, imyemerere, imivugire. Ibi byose bikaba bifite amategeko abigenga kandi yumvikanyweho na buri muntu, ndetse bigakurikizwa mu buryo bumwe. Umuco ugaragara nk'aho ubuzima bwisanzurira, by'umwihariko ubuzima bwa

<sup>59</sup> Ibidem, urup. 108.

<sup>60</sup> PAPE FRANÇOIS, Pieds nus, légers et sans agenda (Ibirenge bisa), in L'osservatore Romano (26 mai 2016), p. 21.

<sup>61</sup> Reba A. MOLITOR, Culture et Christianisme, Tournai, Paris 1960, p. 8

muntu. Ntibwisanzura gusa ku byerekeranye n'amajyambere y'ibyo umuntu atunze, ahubwo bwisanzura ku buzima bwe bwose nk'umuntu: imyitwarire iboneye<sup>61</sup> (morale), ibikorwa mvabitekereo n'ibikorwa bifatika (ubugeni n'imyitwarire iboneye). Umuco wubaka umuntu, ukamufasha kwisanzura no kuba uwo ari we. Umuco twavuga ko ufasha umuntu mu kubaho kwe, ukamutandukanya n'abandi bantu n'ibindi biremwa.

Kuva kera, umunyarwanda yari afite umuco umuranga, kandi na we yahoranaga ishema ry'umuco we. N'igihe abanyarwanda bakiriye Inkuru Nziza, bamwe muri bo bagatorerwa no kuyamamaza, ntibyababujije kuba abanyarwanda. Umusaserdoti w'umunyarwanda yaharaniye kuba umukristu wuzuye, udafite ipfunwe ry'abo atumweho. Ibi byatumye abasaserdoti bagira umuhate wo kumenya, kumenyekanisha no gusobanura umuco nyarwanda. Muri urwo rwego hari ingingo nyinshi zakunze kwibandwaho n'abasaserdoti b'abanyarwanda. Muri zo twavuga: ururimi n'ubuvanganzo, indirimo, imbyino gakondo binyuze mu matorero yo kubyina no kuririmba, amateka, ubuvuzi gakondo, ikinamico, ubugeni n'ibindi.

## 2.2. Umusaserdoti mu minozereze y'umuco nyarwanda

Amateka y'umuryango nyarwanda

mbere y'umwaduko w'abazungu, agaragaza ko nta muco wo kwandika abanyarwanda bagiraga. Uruhererekane rw'umuco rwanyuraga mu biganiro hagati y'abakuru n'abato, mu bitaramo, n'ahandi. Igihe abasaserdoti b'abanyarwanda batorewe umurimo wo kwamamaza Inkuru Nziza, bakoze mu ngata abamisyonera bera, babinyujije mu nyandiko, basesengura umuco wabo, berekana ingingo zakwitabwaho mu guhuza Ivanjili n'umuco. Ingero ni nyinshi z'abasaserdoti b'abanyarwanda bakoze uwo murimo. Muri bo twavuga nka Padiri Balthazar Gafuku, Musenyeri Aloys Bigirumwami; Musenyeri Alexis Kagame; Musenyeri Augustin Misago, Padiri Bernardin Muzungu n'abandi. Muri iyi nyandiko turibanda kuri babiri muri bo tugaragaza uruhare rw'abasaserdoti mu guteza imbere umuco nyarwanda.

### 2.2.1. Myr Aloys BIGIRUMWAMI: urugero mu kwiga no kunononsora umuco nyarwanda

Myr Aloys BIGIRUMWAMI wabaye umwepiskopi wa mbere w' umunyarwanda, yahawe inkoni y'ubushumba i Kabgayi ku munsi mukuru wa Penekosti mu 1952. Tumukesha inyandiko nyinshi zivuga ku muco nyarwanda. Muri zo twavuga:

Imihango, n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda, 1984. Iki gitabo kigizwe n'ibice bibiri byibanda ku migenzo n'imizirizo y'abantu bazima bagirana

<sup>61</sup> Reba A. MOLITOR, Culture et Christianisme, Tournai, Paris 1960, p. 8

n'abantu bazima ndetse n'iyerekeye ku bantu bazima n'abandi bantu bazimu. Myr Aloys BIGIRUMWAMI yifashishije abantu bo mu mpande nyinshi zo mu Rwanda, kuko buri karere gafite imigenzo n'imiziririzo itandukanye, nukoyerekana mu buryo burambuye imigenzo n'imiziririzo yarangaga umunyarwanda wo hambere. Muri yo hari imaze kuzimira kubera impamvu nyinshi zitandukanye zirimo amajyambere, kwakira Inkuru Nziza n'ibindi. Myr Bigirumwami na we abikomozaho agira ati "Hari Imigenzo n'Imiziririzo yabayeho abazungu bataragera mu Rwanda, igikomeye kandi igikorwa n'ab'ubu; hari Imigenzo n'imiririzo igabanuka, isigaye ahantu hamwe kandi isigaye ku bantu bamwe, ariko nayo ni myinshi, hari Imigenzo n'Imiziririzo igiye gucika mu Rwanda (...). Hari Imigenzo n'Imiziririzo mishya ab'ubu batangiye kwadukana, bakora bavangavanga ibya kera n'iby'ubu. Abafite amaso n'amatwi mujya mubibona, ibindi mukabyumva babikora".<sup>62</sup> Aya magambo ya Myr. Bigirumwami agaragaza umutima yari ashize ku muco wo hambere. Iki gitabo yacyanditse kugira ngo agarure umunyarwanda ku gicumbi cy'umuco we. Kuko, nk'uko abivuga mu nyandiko yanditse ku munsi wo guhimbaza imyaka 50 hatanzwe ubupadiri ku banyarwanda ba mbere,

na we ubwe ntiyigeze agira amahirwe yo gucengera umuco nyarwanda iyihe yakiri mu mashuri. Bityo bikaba byari uburyo bwiza bwo kwerekana umutima w'umunyarwanda kugira ngo n'abashaka kwigisha Ivanjili babashe kuvuga, gutekereza nk'umunyarwanda, mbese babashe kugendera hamwe.<sup>63</sup> Ibindi bitabo yanditse bivuga k'umuco nyarwanda mu buryo bwihariye hari: Imihango yo kuraguza, Guterekera, Kubandwa, Nyabingi, Nyundo 1968; Imigani migufi, Inshamarenga, ibisakuzo, Nyundo, 1967; Imigani miremire, Nyundo 1971; Ibitekerezo, indirimbo n'imbyino, ibihozo n'inanga, ibiyivugo, amazina y'inka n'amahamba, ibiganiro, Nyundo 1972; La religion traditionnelle Rwandaise, Butare 1972; Imana y'abantu, Abantu b'Imana, Nyundo 1976; Umuntu baribwira, Barababwira, Batereriyo, Nyundo 1982-1983.

Inyandiko "Umuntu baribwira, Barababwira, Batereriyo" ni iyo mu myaka ye y'izabukuru. Yifashishije ikigeranyo cy'abantu batatu, yerekana ko abanyarwanda bafite inshingano zo kumenya imihango n'imigenzo by'idini gakondo y'abanyarwanda. Yandika ibyo ntibyari ukugira ngo babikurikize, ahubwo byari ukugira ngo bamenye ibyiza n'ibibi birimo. Noneho

<sup>61</sup> Reba A. MOLITOR, Culture et Christianisme, Tournai, Paris 1960, p. 8

<sup>62</sup> Aloys BIGIRUMWAMI (Myr), Imihango n'Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda, Diyosezi Nyundo, 4ème édition, 2004, urup. 1.

<sup>63</sup> Ibaruwa ya Aloys Bigirumwami (Myr) yo ku wa 7 Ukuboza 1967.

bizabafashe kubera urugero abandi. Iki gitabo by'umwihariko, yagituye abasaserdoti b'abanyarwanda bafite inshingano zo kwamamaza Ivanjili mu Rwanda.<sup>64</sup>

### **2.2.2. Myr Alexis Kagame: umusesenguzi w'umuco nyarwanda**

Myr Augustin Misago yagize ati «Mbere y'uko Mgr Bigirumwami aba umuvugizi w'umuco Nyarwanda ndetse by'umwihariko n k'u m w a m a m a z a b u t u m w a w'uwikwigira umuntu kwa Jambo by'umuco wa gikristu, hari nundi munyagihugu, watangiye kugaragaza umuhate yibanda ku bumenyi bwa gihanga bw'ibanze kuva mu 1940, uwo ni Padiri Alexis Kagame witabye Imana ku ya 2-12-1981 afite imyaka 69»<sup>65</sup> Kagame Alexis, ni umwe mu basaseridoti b'abanyarwanda bakoze umurimo ukomeye ku byerekeye umuco nyarwand, aho yahuje ingingo zimwe n'ubumenyi bw'ikarishya-bwenge (Philosophie) ndetse n'ubumenya-mana (Théologie). Uruhare runini rwe rwakunze kugaragara cyane mu byerekeranye n'amateka y'u Rwanda (Histoire du Rwanda), ikarishyabwenge (philosophie), indimi n'ubuvanganzo

(Littérature, linguistique). Ibyo byose yabinyujije mu bitabo bisaga 74 ndetse n'inyandiko 117. Ku rundi ruhande ntibyamubujije kugaragaza uruhare rwe mu muco nyarwanda.

Myr Kagame Alexis yagaragaje uruhare rwe mu kumenyekanisha umuco akoresheje ibitekerezo n'imyemerere ye, ntacyo atinya. Myr Feredric Rubwejanga, mu ihuriro k'uburezi, ubuhanga n'umuco, yagize ati "Kagame yigaragaje nk'umuntu, utabangamirwa nuko ari umunyarwanda ahubwo wiyaka ibyamuzitira byose kugira ngo yitange we wese muri kamere ye nk'umunyarwanda".<sup>66</sup>

Yanditse inyandiko nyinshi zerekanye n'umuco nyarwanda muri zo twavuga: Isoko y'amajyambere, 1944; La langue du Rwanda et du Burundi expliquée aux autochtones, Kabgayi, 1960; Imigani y'imigenurano, Kabgayi, 1953; Poésie dynastique au Rwanda, Kabgayi, 1950; Amazina y'inka, Butare, 1988; Introduction aux grands genres lyriques de l'ancien Rwanda, 1949-1951; Indyoheshabirayi; Icara nkumare irungu; Iyo wiriwe nta rungu; Umulirimbyi wa Nyiri-ibiremwa, Kabgayi 1950; Les organisations socio-familial de

<sup>64</sup> Ubunyamabanga bw'Inama y'Abepiskopi mu Rwanda, Kwibuka Myr Aloys BIGIRUMWAMI. Umwepisikopi wa mbere w'umunyarwanda. Ubuhamya bwakusanyijwe mu guhimbaza yubile y'imyaka 50 yishyiraho ry'ubuyobozi bwite muri Kilizya y'u Rwanda. (Hommage à Mgr Aloys Bigirumwami. Premier évêque rwandais. Témoignage recueillis à l'occasion du Jubilé de 50 ans de l'institution de la Hiérarchie ecclésiale au Rwanda (1959-2009)), Imprimerie de Kabgayi, 2009, pp. 97-100.

<sup>65</sup> Augustin Misago, Kilizya y'Urwanda mu ihurizo ryo guhuza umuco n'ivanjili. Gutekereza ku bikorwa bya vuba, (L'église du Rwanda face au problème de l'inculturation. Réflexion sur des expériences récentes), muri « Portare Cristo all'Uomo », urup. 951.

<sup>66</sup> Frédéric RUBWEJANGA (Myr ???), Alexis Kagame : umuntu (Alexis Kagame: L'homme), in Actes du colloque international, Kigali, 26 Ugushyino kugeza 2 Ukuboza 1987, urup. 50.

l'ancien Rwanda, Bruxelles, 1954.

Nkuko bigaragara, Myr Kagame Alexis, kuba umunyarwanda wuzuye uzi umuco we byamufashije kurangiza inshingano ze nk'umusaseridoti ndetse no guteza imbere umuco nyarwanda. Yagaragaje ubuhanga mu nyandiko ze ndetse n'uburyo yakundaga Urwanda byatumye yita cyane ku kubungabunga indangagaciro z'umuco nyarwanda.<sup>67</sup>

Abasaserdoti b'abanyarwanda ntibahwemye kwerekana ko umuco wabo nawo ufite ingingo zihariye zituma bamanya Imana cyangwa zakwifashishwa mu kwamamaza Ingoma y'Imana. Papa Pawulo wa VI na we yabihamagariye isi agira ati "Ingoma y'Imana Ivanjili yamamaza yitabirwa n'abantu basanzwe bifitiye umuco wabo, kandi kugira ngo iyo ngoma y'Imana ishobore gusugira no gusagamba, ifatira ku bisanzweho mu muco kamere wa muntu mu mahanga atandukanye Inkuru Nziza yamamajwemo." Umusaserdoti w'umunyarwanda na we yifashisha umuco we mu kwamamaza Ingoma y'Imana mu muryango mugari w'abanyarwanda.

### Umwanzuro

Mu gihe duhimbaza yubile y'imyaka ijana y'ubusaserdoti mu Rwanda, ni igihe cyiza cyo kwongera kuzirikana

ku musaserdoti. Ni n'umwanya ukwiye ku banyarwanda wo gushimira byimazeyo Abapadiri bera batuzaniye Inkuru Nziza. Ni igihe kandi cyo kwivugurura muri Roho Mutagatifu, turushaho guhuza Ivanjili n'umuco. Urumuri rw'Ivanjili rumurikire umuco wacu, ruhe abasaserdoti kwizihira umutima w'Imana. Maze babe koko abahamya b'ukwemera, berekana ishusho ya Kristu, umusaserdoti mukuru. Papa Pawulo wa VI ni ibyo avuga agira ati «Isi ya none ikeneye abahamya kuruta uko ikeneye abigisha, kandi n'iyo ikeneye abigisha n'uko aba ari abahamya».<sup>69</sup>

Umusaserdoti ni umuhamya w'ukwemera, abikora yigisha atagatifuza kandi ayobora umuryango w'Imana awuha amabwiriza yahawe na Kristu. Nk'uko na Musa yayoboye Israheli mu gihugu cy'isezerano, ni nako umusaserdoti ahora hafi y'umuryango w'Imana, yita ku bakene anayobora roho z'abantu ku Mana. Umusaserdoti, by'umwihariko w'umunyarwanda, yamamaza Ingoma y'Imana afatiye ku bisanzweho mu muco nyarwanda. Aharanira no guteza imbere uyu muco, ndetse awuhuza n'Ivanjili. Kuko imico yose imurikirwa n'Ivanjili yo soko y'ubuzima nyakuri. Ni ngombwa gusabira abasaserdoti igihe cyose, kuko batibereyeho bo uwabwo ahubwo babereyeho imbagi

<sup>67</sup> Reba xxx, Alexis Kagame. Umuntu n'inyandiko ze (Alexis KAGAME. L'homme et son œuvre, Revue trimestrielle ???? Avril-Juin 1988), n. 20, urup. 6.

<sup>68</sup> PAUL VI, Exhortation Apostolique Evangelii nuntiandi, n. 20.

<sup>69</sup> Reba PAWULO VI, Exhortation Apostolique Evangelii nuntiandi, n. 41.

## Myr Aloys BIGIRUMWAMI, URUGERO RW'UMUSASERDOTI W'I RWANDA

Fratri Augustin NIZEYIMANA

Musenyeri Aloyizi BIGIRUMWAMI, yabaye ingirakamaro mu banyarwanda bo mu gihe cye, ndetse na n'ubu biracyari uko. Yabaye umuntu w'ingirakamaro, aba umunyarwanda uboneye, aba umupadiri. By'akarusho yaje no kuba umwepiskopi ndetse abenshi twemera ko ubu ari iruhande rw'Imana udusabira imbere yayo. Kubera ibyamuranze mu buzima bwe, yaba imigirire ye, imivugire ye, imyandikire ye, imibereho ye, imyitwarire ye, byatumye aba umuntu w'ikirangirire mu Rwanda ndetse no mu mahanga. Inkuru nyinshi zaranditswe kuri uyu Mubyeyi wa Kilizya n'igihugu, ibitabo na byo byabaye byinshi bimuvugaho, ariko na we ubwe hari ibyo yivuzeho mu bitabo yanditse cyane cyane igitabo cyitwa "Umuntu. Balibwira, Barabwirwa, na Batereriyo ni Jyejyewe-jyejyenine", yanditse kuva kera mu 1931 ariko kigasohoka ku mugaragaro mu 1983, igihe cye cyo kuva ku isi cyegereje (+1986). Iyo agenda atacyanditse twari kuba twihombeye cyane.

Muri iyi nkuru mbandikiye, singamije gusubira mu byo abandi banditse kuri BIGIRUMWAMI Aloys n'ubwo biryoha bisubiwemo kandi gusubiramo akaba ari isoko y'ubuhanga. Singamije kandi gukabya nk'aho mburanira uwenda kurenganywa, ahubwo ndashaka

kwerekana urugero rw'umusaserdoti w'intwari. Yabaye intangarugero mu bihe bikomeye dore ko yavutse ku wa 22 Ukuboza 1904 akitaba Imana ku wa 3 Kamena 1986. Mu mateka y'isi n'ay' u Rwanda tuzi icyo ibyo bihe bisobanuye. Ndashaka kwerekana ko no mu bihe bikomeye umuntu na we uko yaba ameze kose, yaba akomeye cyangwa se asanzwe, yakora ibantu bikomeye. Kuko iyo umuntu yiringiye Imana kandi agashyiraho ake, nta kabuza Uhoraho aramwumva (reba Zab 40, 18). Umuntu uwo ari we wese mu byo akora byiza ntabura abamuca intege, ni ngombwa rero kugira intego mu buzima (reba Lk 4, 23). Kugira ngo hakorwe ibantu byiza kandi birambye ni ngombwa ubufatanye, buri wese agakora icyo ashoboye gukora ku rwego rwe (reba 1 Kor 12, 12).

Nakomeje kuvuga byinshi ariko se ubundi nk'uko na we abyivugira muri cya gitabo cye Umuntu, we ni nde? Yavukiye he? Ryari? Yize ate? Ababyeyi be se n'abavandimwe be bo bite? Yageze ate se mu iseminari? Yabaye padiri ryari se? Naho umwepiskopi? Yanditse ibitabo se bingaye kandi bivuga iki? Mu mibereho ye yaranzwen'iki? Ni uwuhe murage yasigiye abanyarwanda? Ni uruhe rugero yasigiye abasaserdoti? Mu by'ukuri uyu Musaserdoti ni nde? Ibi bibazo byose ndetse n'ibindi

ntarondoye ni byo bisubizwa muri iyi nyandiko, hagamijwe kumumenya no kurangamira urugero yadusigiye nk'umusaseridoti wa 10 mu bapadiri kavukire b'u Rwanda kuva ku wa 07 Ukwakira 1917, dore ko we yabuhawe ku wa 26 Gicurasi 1929. Muri iki gihe duhimaza yubile y'imyaka ijana (100) y'ubusaserdoti mu Rwanda, birakwiye ko hagaragazwa ko kwiyegurira Imana nyabyo bibaho kandi ko hari n'abahamya koko ba Yezu Kristu, ubwo yabwiraga Intumwa ze ati: «Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose, dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ubwo iyi si izashirira » (Mt 28, 19-20).

### **1. Ubuto bwa Bigirumwami Aloyizi.**

Aloyizi Bigirumwami yavukiye i Zaza, ku wa 22 Ukoboza 1904. Se umubyara yitwaga Yozefu Rukamba mwene Karakawe ka Rucababisha, naho nyina akaba Nyirabusyindoro. Rukamba amaze imyaka itatu yiga yabatijwe kuri Noheri yitwa Yozefu, umugore we yabatijwe nyuma y'imyaka 14, maze abatizwa Madalina mu wa 1917. Bigirumwami ni umwana w'imfura mu muryango w'abana 11, abakobwa batandatu n'abahungu batanu. Barumuna be babiri, na mushiki we atavuga izina

bagerageje kumukurikira mu nzira yo kwiyegurira Imana nyuma ariko baje kuvamo.<sup>70</sup>

Se wa Bigirumwami yabaye umwe mu bakristu ba mbere b'i Zaza ubwo abazungu bahageraga muri Ugushyingo 1900, yari umusore ndetse na we yifuzaga kujya kwiyegurira Imana, yagombaga kujyana na Gafuku Balthazar n'abandi bana bari boherejwe kwiga i Rubya muri Tanzaniya. Abimenyesheje se, Karakawe ahita amushakira umugore. Bigirumwami yabatijwe kuri Noheli, ku wa 25 Ukuboza 1904. Ku myaka 10 mu wa 1914 Bigirumwami aherekewje na se mu rugendo rurerure n'amaguru ni bwo yinjiye mu iseminari nto y'i Kabgayi (1914-1920). Ayirangije akomerezaho n'inkuru (1921-1929), iyi myaka cumi n'itanu yose yayimaze i Kabgayi adasubiye iwabo kuko amategeko y'icyo gihe ntiyemereraga abaseminaru kujya iwabo. Itegeko ryahagaze mu wa 1948.<sup>71</sup> Aha rero ni na ho ahera avuga ko yari umunyarwanda utuye mu Rwanda ariko utazi u Rwanda.

Aloyizi Bigirumwami ntabwo atubwira byinshi mu bwana bwe cyangwa se mu bugimbi bwe ariko aka wa mugani w'abanyarwanda ugira uti : « Kora ndebe iruta vuga numve », hari byinshi twavuga bigaragaza uko yari ameze mu gihe yamaze iwabo

<sup>70</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu Balibwira, Barabwirwa, na Batereriyo ni Jye jyewe- jye jyenine, Kabgayi, 1983, urup. 101.

<sup>71</sup> Antoni BUSHAYIJA BUGABO, Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, Izuba Editions, France 2014, urup. 19.

n'ubwo ntaho abivuga yaba mu nyandiko ze bwite cyangwa se ku bandi bagize icyo bamwandikaho, gusa mu gitabo cyamwanditsweho, Bushayija aragira ati "Aloyizi Bigirumwami yavutse ari imfura y'iwabo, akurikirwa n'abavandimwe be abakobwa batandatu n'abahungu batanu".<sup>72</sup> Muri abo bana abagize icyo bavugwaho ni bake: Yohani Baptista ni umwe muri ba barumuna be babiri bageze muri ya Seminari mukuru we yari yarizemo, yahageze mu kwezi kwa Kanama 1925, ynjira ari nimero ya 420, icyo gihe kandi mukuru we yari agihari ariko yiga muri Seminari nkuru. Gusa Yohani Baptista Rukamba yaje kuva muri Seminari araye ari buhabwe ubusudiyakoni (sous-diaconat), urwego rwegereye ubusaserdoti. Ntibyaciriye aho kuko yashatse umugore witwa Mukakayumba Spéciose akaba nyina wa Filipo Rukamba (ubu ni umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare), hamwe n'abavandimwe be babiri ari bo Immaculata Rukamba na Rukamba Constance Robert. Undi muvandimwe we twamenye ni murumuna wa Yohani Baptista Rukamba Ribakare Athanase.<sup>73</sup>

Mu gitabo Myr Bigirumwami yandikiye, Imana y'abantu, Abantu b'Imana, Imana mu bantu, abantu mu Mana, cyasohotse kuri Pentekositi

yo mu wa 1976, avuga byinshi mu mateka ya Kiliziya y'isi yose ariko by'umwihariko mu Rwanda. Dore rero ibyo yanditse ku mashuri y'icyo gihe. Aragira ati "Mu mwaka wa 1976, Diyosezi zo mu Rwanda ni 6: Butare, Kibungo, Nyundo, Ruhengeri, na Kabgayi. Kiliziya Gatolika yakoze yubile y'imyaka 75 ifite paruwasi 100, muri buri diyosezi zose, hali amashuri mato muri buri paruwasi zose ijana".<sup>74</sup> Uku ni na ko Bigirumwami yize amashuri mato mbere y'uko ajya muri seminari nto ya Kabgayi. Nta makuru menshi aboneka kuri Bigirumwami mu buto bwe i Zaza kugeza ubwo se Yozefu Rukamba amujyanye kumutangiza i Kabgayi, mu Ukwakira k'umwaka wa 1914, afite imyaka cumi gusa. Aragenda aba iyoooooooo!! Imyaka icyenda. We ubwe yivugira ko yamaze iyo myaka yose ataragera mu karere k'iwabo, nta mahuriro n'ababyeyi be n'abavandimwe, nta n'ibiganiro n'abo basangiye umuryango cyangwa abaturanyi babo. Kwihunza ababyeyi n'abavandimwe, byitwaga gutandukana n'ab'isi n'iby'isi.<sup>75</sup> Muri icyo gihe ntibyari byemewe ku basemari abato n'abakuru kujya iwabo ndetse no kuharara. Muri 1948, ni ho abaseminari bato baje kwemererwa kujya kuruhukira iwabo mu biruhuko bisoza umwaka w'amashuri, naho abari muri

<sup>72</sup> Ibid., urup. 16.

<sup>73</sup> Ibid., urup. 17

<sup>74</sup> A. BIGIRUMWAMI, Immana y'abantu abantu b'Immana, Immana mu bantu, abantu mu Mana, Nyundo 1979, urup. 74.

<sup>75</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, urup. 10.

seminari nkuru bo basuraga iwabo ku manywa bwakwira bagataha mu misiyoni.<sup>76</sup>

Aho i Kabgayi, yahabaye imyaka 15 yose muri seminari nto ndetse n'inkuru nta byinshi avugwaho. Ariko ubumenyi, ubuhanga, ubushishozi tumusangana bugaragaza n'uko yari ameze muri seminari. Kubera iyo myaka yose yamaze i Kabyayi, byatumyeahakundabyabuzeurugero. Mu ijambo ryo kumuherekeza, Myr Andreya Perraudin yagize ati "Kabgayi, Myr Hirth, abamisiyoneri ba mbere bari baramutwaye umutima. Bityo yakundaga kunsubirira muri ya magambo ya Zaburi ngo: 'Ninkwibagirwa Kabgayi, ikiganza cyanje k'iburyo kizumirane, ururimi rwanje rufatane n'igisenge cy'akanwa'. I kabgayi ni ho yarerewe, habaye iwabo ha Kabiri, yahashingiye imizi mu Iyobokamana, yahaherewe ubusaseridoti ndetse n'ubwepiskopi".<sup>77</sup>

## 2. Bigirumwami Aloyizi amaze guhabwa ubusaseridoti

Ku myaka 25 gusa, umusore Aloyizi Bigirumwami Yahawe ubupadiri ku ya 26 Gicurasi 1929, hari ku munsi w'Ubutatu Butagatifu. "Abasaseridoti bawe, nibagusingize, nibahimbarwe maze bishime, kuko wabihiyemo

ngo bakore mu mu muzabibu wawe ngo ubagire abarobyi b'abantu", aya magambo meza, ni inyikirizo y'indirimbo Padiri Théodore Mwitegere yahimbye azirikana imyaka ijana ishize abapadiri ba mbere b'abanyarwanda babuhawe, ku ya 07 Ukwakira 1917. Bigirumwami na we yari ahari yatangaye, icyo gihe yari afite imyaka 13<sup>78</sup>. Nyuma y'imyaka 12 Bigirumwami na we yahawе ubupadiri. Akimara guhabwa ubusaseridoti ku wa 29 gicurasi 1929, yahise ahabwa ubutumwa bwo kwigisha muri ya seminari rukumbi yabaga mu Rwanda y'i Kabgayi. Nyuma y'umwaka umwe yagizwe Padiri wungirije wa Paruwasi Kabgayi (1930). Muri uwo mwaka yoherejwe i Murunda, iyi ni yo Paruwasi ya mbere yoherejwemo abapadiri kavukire bo mu Rwanda; Padiri Balthazar Gafuku, Donat Reberaho hamwe na Furere Oswald bayitumwemo bwa mbere na Myr Yohani Yozefu Hirth ku wa 11 Kanama 1919<sup>79</sup>.

Mu mwaka wa 1931 yahawе ubutumwa muri Paruwasi y'Umuryango Mutagatifu (Sainte Famille à Kigali), aha ni na ho yatangiriye wa mushinga we w'igihe kirekire wo kwandika cya gitabo cye cyamenyekanye cyane<sup>80</sup>. Mu mwaka wa 1932 yatumwe i Rulindo yahavuye ku wa 30 Mutarama 1933

<sup>76</sup> Antoni BUSHAYIJA BUGABO, Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, urup. 19.

<sup>77</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, n° 1228, urup. 9.

<sup>78</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, urup. 10.

<sup>79</sup> V. NSHIMIYIMANA, Quelques autres données de la préhistoire du Grand Séminaire Saint Charles Borromée, in URUNANA (1987), n. 59, urup.40.


<sup>80</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, Barabwirwa, Balibwira, Batereriyo, jyejyejewe-jyejyenine, Nyundo, 1983, 173 p.

yerekeza mu Kingogo muri Paruwasi ya Muramba yashinzwe mu wa 1925, aha akaba ari naho yamaze imyaka 18 yose kuko kuwa 17 Mutarama 1951 yagizwe Padiri mukuru wa Paruwasi ya Nyundo. Mu mwaka ukurikiyeho kuwa 14 Gashyantare 1952 inkuru yasakaye mu Rwanda hose ko Bigirumwami yagizwe intumwa ya Papa mu Rwanda. Ntibyatinze kuko ku ya 01 Kamena 1952, yaherewe Ubwepiskopi i Kabgayi, hari kuri Penekosti. Ibyishimo byari byose kuko abantu benshi bumvaga ari nk'inzozi. Byatumye hazza abantu benshi cyane harimo abayobozi benshi ba Leta ndetse n'aba Kiliziyi. By'agahebuzo Umwami Charles Léon Pierre Mutara RUDAHIGWA<sup>81</sup> n'umwamikazi bari batashye ibyo birori ndetse umwami anamuha impano y'imodoka. Nyuma y'ibyo birori byo kumwimika Diyosezi ya Nyundo yakiriye abakristu bashya ibihumbi makumyabiri (20000). Twabibutsa ko icyo gihe abaturarwanda bose banganaga n'ibihumbi Magana atatu na mirongo irindwi na bitanu (375000), naho abakristu Gatolika bari ibihumbi mirongo itanu na bine (54000)<sup>82</sup>.

### **3. Aloyizi BIGIRUMWAMI, Umwepiskopi**

N'ubwo Bigirumwami Aloyizi yari yarakoze byinshi, byaje kuba agahebuzo ubwo inkuru yabaga yasakaraga ko yagizwe umwepiskopi.

Ibyishimo byari byose mu gihugu ndetse n'abanyamahanga bumvaga ari ishema ryabo kubona habayeho Umwepiskopi w'umwirabura. Ku ya 01 Kamena 1952 nibwo yimitswe maze intego ye iba "INDUAMUR ARMA LUCIS" (Nitwambare Intwaro z'urumuri). Mu bashyitsi bari



*Myr Aloys BIGIRUMWAMI, Umwepiskopi  
wa mbere w'umunyarwanda*

bahari, uw'ikubitiro yari Bwana de Thibault, umufasha wa Mburamatare w'i Léopold Ville; Umwami nyir'u Rwanda Mutara Rudahigwa, Umwami Mwambutsa w'u Burundi, yazanye na Bwana Schmitt, Rezida w'u Burundi; Bwana Dessaint Rezida w'u Rwanda<sup>83</sup>; abazungu benshi; abakristu benshi n'abaturage benshi bari baje

<sup>81</sup> A. NTAMABYARIRO, Rwanda pour une réconciliation, la miséricorde chrétienne : une analyse historico-théologique du Magistère épiscopal au Rwanda (1952-1962).

<sup>82</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1980, no 1228, urup 9.

<sup>83</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, no 1228 urup.4, no muri KINYAMATEKA 1952, no 237.

kwirebera ibirori by'akataraboneka byabereye i Kabgayi muri Katedrali. Ubwepiskopi yabuhawe na Mgr Laurent Deprimoz wari waramubereye Umwarimu w'ikilatini ndetse akanamubera umuyobozi wa roho (Directeur spirituel) ubwo yigaga mu iseminari nto<sup>84</sup>. Atorerwa kuba Umwepiskopi ibyifuzo byari byinshi : Nyir'ubutungane Papa Piyo wa XII, mu rwandiko yohereje, yagize ati "Kuko kandi inteve ya Kilizya Ntagatifu ihora yifuza ko igithe cyose bishobotse, ko abasaserdoti kavukire bahabwa ubutegetsi bwa Kilizya z'iwabo, kuko bazi umwimerere wa bene wabo, kuko kandi bihuje ko muri iyo Vikariyati bahari ari benshi, banafite amatwara yo kwiringirwa bigeze aho kuba bakwegurirwa ububasha [...] Ku bubasha bwacu bw'intavuguruzwa, Vikariyati ya Nyundo tuyeguriye Abasaserdoti kavukire, twiringiye ko ku bwa Nyagasani bazageza ubukristu muri icyo gihugu babishishikariye"<sup>85</sup>. Mu ijambo ry'Umwami, humvikanamo byinshi: Umwami yubahaga Bigirumwami nk'umubyeyi w'abanyarwanda kandi agatinyuka no kubivugira mu ruhame. Yagize icyo amwisabira n'ubwo ari we Nyir'u Rwanda: "Mwepisikopi wacu dukunze sinarangiza aya magambo ntakubwiye ibyo twese twifuza, bitubereye ngombwa: ubwo ubaye Mukuru wacu uratubere umubyeyi,

uradutegekane imbabazi nk'uko Kilizya ibigushinga, uradusabire ubutitsa. Nutubonamo ibigoryi uratugororane umwete ntuzakuke umutima, nta muryango utabigira, ahubwo urababere akabando gasindagiza abarwayi. Uratubere urugero muri byose, maze tuzakubere urugerekko mu maso ya RUGIRA. Ubwo ndangije aya magambo, ngiye kukwereka indabukirano, ni iyi modoka izajye igufasha gusura abo wahawe".<sup>86</sup>

Ibyo bamusabye yarabikoze, maze abongeza n'ibyo batamusabye n'ubwo Vikariyati ya Nyundo yari igihugu nk'uko babitebyagamo icyo gihe, ariko kandi ngo ukuri gushirira mu biganiro. Urwandiko rw'urucateka rwa Papa Piyo wa XII rwasobanuraga neza imbibi zayo: "Tubaguye kuri Vikariyati ya Rwanda, igihugu cyose kiri mu burengerazuba bw'ingezi ya Burera n'iya Ruhondo no mu majyaruguru y'imigezi ya Mukungwa na Nyabarongo na Mbirurume na Kirimbi, cyubatsemo Misyon za Nyundo (1901), Murunda (1909), Muramba (1925), Rambura (1933), Mubuga (1933), Nyange (1943), Birambo (1947), na Muhororo (1948)"<sup>87</sup>, by'akarusho Musenyeri Bigirumwami na we yahaye ubwepiskopi uwari Padiri Andreya Perraudin kuwa 25 Werurwe 1956. Musenyeri yahawe ibisingizo

<sup>84</sup> Antoni BUSHAYIJA BUGABO, Musenyeri Aloyizi Bigirumwami , urup. 78.

<sup>85</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, n. 1228, urup.5.

<sup>86</sup> Antoni BUSHAYIJA BUGABO, Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, urup.103.

<sup>87</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, n. 1228 , urup. 6.

n'abasizi, kubera ibigwi bye: Impamyakubanza ya Rudasumbwa, Inyamibwa Imana yagize inyange, Umuzirankende w'ingeso nziza, Nyamuhirwa n'imihigo, umugabo udakangarana inkuba zirakariye kunihura, n'ibindi.

Mu gihe gito yihutiye gushinga za Paruwasi nshya aho yashinze 12, aziha abapadiri, ababikira, n'imiryango y'Agisiyo Gatolika y'ingeri zose; twavuga nk'abasaveri, abalejiyo, urubyiruko gatolika rw'abahinzi, Agisiyo Gatolika y'Ingo, n'iyindi. Mu myaka 20 umubare w'abakristu gatolika wavuye ku bihumbi 80 ugera ku bihumbi 280. Ibi byanatumye Diyosezi ya Nyundo yibaruka Diyosezi ebyiri; Ruhengeri (1961) na Cyangugu (1981). Agabana Vikariyati ya Nyundo higaga abana 3900, nyuma y'imyaka 20 bari 63.000. Twibuke ko muri 1953 yashinze Seminari ntoya ya Nyundo n'ishuri ry'abirimukazi i Muramba. Abafurere bitwa "Frères des Institutions Chrétiennes" bashinze muri 1954 ishuri ry'abrimu i Byumba n'ishuri ry'Imyuga ku Nyundo. Muri 1955 yashinze ishuri ry'abrimu mu Ruhengeri.<sup>88</sup>

Nyuma andi mashuri yiyongeye bitangaje: "Ecole technique féminine" ku Mubuga, Koleji yo ku Gisenyi, Amashuri y'ubumenyi ku Nyundo

n'i Nyamasheke, Seminari Nkuru ya Nyundo ibaho kuva mu wa 1963, n'ubwo yamaze imyaka 10 gusa yari imaze kubyara abasaseridoti 25. Nyuma yaje kwimurirwa i Rutongo. Hubatswe za Fuwaye mu Bugoyi, ikigo kirera imfubyi i Muramba cyakinguwe kuwa 28 Nzeri 1955. Cyaje kwimurirwa ku Nyundo muri 1967. Yubatse ibigonderabuzima bigera kuri 7, ikigo kivura ibibembe n'ibindi bikorwa byinshi umuntu atashobora kurondora.

#### 4. Inyandiko za Musenyeri Bigirumwami

Umubwiriza ni we wagize ati "Ikindi kandi, mwana wanje, [...] kwiga cyane ugakabya binaniza umubiri [...] ujye utinya Imana kandi ukurikize amategeko yayo" (Mubw 12, 12-13a), Musenyeri Bigirumwami Aloyizi, ibi byombi yari abizi ndetse cyane kandi yaranabyigishije. N'ubwo kwiga cyane binaniza umubiri biruhura Roho: "Mwana wanje uzakunde ubumenyi kuva mu buto bwawe bityo uzarinda usazana ubuhanga" (Sir 6,18). Ni na yo mpamvu y'ibitabo n'izindi nyandiko ze.

Yandikaga agenda ahuza ibantu binyuranye ibya kizungu n'ibya kinyarwanda. Yababazwaga no kumenya ibya ruzungu cyane kurusha ibya kinyarwanda, ibi byatumye

<sup>88</sup> Ibidem.

<sup>89</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, urup. 10.

<sup>90</sup> Ibidem.

<sup>91</sup> Ibid urup.7

yibaza uko azabigenza, none dore uko byagenze ! Yabaye umwe mu bahanga bakomeye u Rwanda rwagize kuva rwabaho. Yerekanye ko n'ubushashakatsi bushoboka mu Rwanda ku muntu wese ufite inyota yo kumenya atitwaje inshingano izo ari zo zose yaba afite. By'agahebuzo yahaye urugero rwiza abasaserdoti bamukurikiye: kwita ku muco, ku rurimi rwacu rwiza rw'ikinyarwanda n'ibindi. Bigirumwami yabaye urugero rwiza rw'umusaserdoti unogeye Imana, abasaserdoti, abakristu n'abanyarwanda benshi. Yari umuntu uzi gukorera hamwe n'abandi buri wese ku rwego rwe, mbese nk'uko imuhira bigenda, umurimo w'umwana muto mu rugo na wo uhabwa agaciro nk'uko uwa se na wo ariko bigenda.

Aragira ati: "Mu wa 1931-1932, ndi i Kigali, muri Paruwasi y'Umuryango Mutagatifu, nararebaga nkabona abantu bashya mu maso, nategaga amatwi ngasanga ntumva; navuga (ngira Imana bakantinyuka), bat: 'Wavukiye he? Ugize ngo iki?' Ni bwo nibwiye nti 'nzamenya abantu nte? Ibyabo nzabyumva nte? Imihango n'imigenzo n'Imiziririzo bajya bavuga ni bite? Abazimu batera bate? Baragura bate? Baterekera bate? Babandwa bate?'"

Ndongera nti "Hari abazi kwandika, mbasabe ndetse mbahendahende, bemere mbahe impapuro n'amakaye

banyandikire". Koko rero impapuro na kaye ndazitanga barazakira barandika. Abagize ngo ntibabizi nti "Nimugende muzabaririze mwitonze, na mwe mubonereho mubimenye". Abo mpaye impapuro, bamwe nti "Nimugende munyandikire imigani, abandi imihango, abandi ibitekerezo, abandi ibiyvugo, abandi imbyino n'indirimbo". Abamaraga kwandika bangaruriraga amakaye n'impapuro, bankundira nkabaha izindi. Nagize n'abasaserdoti natumagaho muri paruwasi ngo banyandikishirize. Bityo ubushakashatsi bwabereye mu Rwanda rugari".<sup>89</sup>

"Guhera mu wa 1932, nagize akazi katoroshye, ko kwegeranya impapuro n'amakaye bangaruriraga, bikaza ari ikivange cy'imigani n'imihango n'imbyino. Kubivangura byari akandi kazi. Ako kazi kamaze imyaka 35, guhera mu wa 1932 kugera mu wa 1967. Mu wa 1964, no mu wa 1968, handitswe ibitabo bibiri by'Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo. Mu wa 1974, byasubiwemo biba igitabo kimwe, cyanditse n'abantu bakuru. Mu wa 1967, handitswe igitabo cy'Imigani migufi (4332), yanditswe n'abanyeshuri cyane cyane. Mu wa 1971, handitswe Ibitekerezo n'ibiyvugo n'amahamba n'Imbyino n'Indirimbo, byanditswe n'abantu bakuru. Mu wa 1971, handitswe Imigani miremire (270), yanditswe n'abanyeshuri bakuru. Aya mahaho yose nyakesha abanyarwanda, yo

<sup>88</sup> Ibidem.

<sup>89</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, urup. 10.

kwimenya no kumenya imvugo n'ingiro yacu".<sup>90</sup>

Kuri izi nyandiko zose tumukesha hiyongeraho ko yashinze akanyamakuru kitwa Hobe mu Ukuboza 1954, Ibitekerezo, amahamba n'amazina y'inka (1972), Immana y'abantu abantu b'Immana, Immana mu bantu abantu mu Mana (1979), Umuntu (1983). Iki gitabo cya nyuma kigaragaza umwihariko wa Musenyeri Bigirumwami koko! Wagira ngo yari azi ko yenda kwitahira kuko yavuzemo byinshi ndetse byose nk'uko na we akita ubwe BAVUGABYOSE (Encylopédie).<sup>91</sup> Iki gitabo kigaragaramo ku buryo bwihariye umwimerere we: avugamo Tewologiya, Filozofiya, Biyoloji, amateka, umuco munyarwanda, Imihango n'Imiziririzo mu Rwanda, Imigani myinshi imigufi n'imiremire, Ubuvanganzo nyarwanda (Imivugo n'ibiyivugo). Hagaragaramo amateka ye bwite n'aya se Yozefu RUKAMBA<sup>92</sup>. Bigirumwami Aloys agaragara nk'umuntu, nk'umusaserdoti, umunyarwanda, nk'inararibonye, nk'umubyeyi ugira urugwiro, w'umuhanga n'umunyarwenya. Bigirumwami Aloys yanditse n'izindi nyandiko/inkuru (articles) nyinshi muri Hobe, muri Kinyamateka, no mutundi tunyamakuru twa Diyosezi ya Nyundo.

N'ubwo kugereranya Musenyeri Aloyizi Bigirumwami na Mutagatifu Augustini byaba ari ugukabya, ariko reka mvuge ko Igitabo cye cya nyuma Umuntu, jyejyejyewe-jyejyenine, Barabwirwa, Balibwira, Batereriyo, kimeze nka Retractiones, aho Mutagatifu Augustini yashyize hamwe ibyo yari yaranditse byose (ibitabo birenga 113), arabisuzuma aranabikosora. Hari n'ibindi bitabo yanditse byerekeranye n'Imihango ya Kiliziya<sup>93</sup>, aha twavuga Umusogongero wa Bibiliya, Bagensi aha ni he? Kiliziya mu Rwanda, Amabaruwa menshi ya Gishumba n'ibindi.

## 5. Umurage yadusigye

"Kuva ubu amasekuruza yose azanyita umuhire" (Lk 1, 48b.), aya magambo yavuzwe na Bikira Mariya ajya gusura Elizabeti Mutagatifu muri ya ndirimbo ye yamamaye kuva kera kugeza na n'ubu. Ibyavuzwe kuri Aloyizi Bigirumwami abatizwa nyuma y'iminsi itatu avutse, ajya muri seminari nto n'inkuru, aba Padiri, aba Umwepiskopi, noneho by'akarusho yitaba Imana bigaragaza uwahiriwe n'imihigo.

Kwiyumvisha ibi mvuga ntibyoroshye keretse kuba wari uhibereye igithe ahabwa Ubwepiskopi kuwa 6 Kamena 1952, cyangwa se ukaba

<sup>90</sup> Ibidem.

<sup>91</sup> Ibid urup.7

<sup>92</sup> Ibid. urup. 100.

<sup>93</sup> Immaculée RUKAMBA, "Ukuri no 127 vol. 1 Ukwakira 2000 ngo: "Myr BIGIRUMWAMI ntiyari akiri umuntu" in KINYAMATEKA, n. 1567 Urup. 6.

waragiye gutabara ku munsi w'ibirori byo kumuherekeza ku Nyundo kuwa 05 Kamena 1986. Mbere y'uko mbabwira ibyahavugyiwe aho hombi reka mbanze ngire icyo mbibutsa: Ku munsi iyo ntvari yatabarukiyehe kuwa 5 Kamena 1986 wabaye umunsi w'icyunamo mu gihugu cyose, amabendera ntiyazamuwe mu gihugu cyose, radiyo y'ighugu yamaze iminsi ivuga mu Rwanda rwose uwo mubyeyi. Mu muhango wo gushyingura, u Rwanda rwose rwari ku Nyundo: Perezida wa Repubulika Juvénal Habyarimana akikijwe na Guverinoma ye, abepiskopi bo mu Rwanda, abaturutse muri Zayire (Congo), abari bahagarariye abangirikani, abapresbyteriyene, Metodisite-libre, abasaserdoti bagera kuri 300. Tubibutse ko kugera muri uwo mwaka (1986), Abapadiri bose hamwe mu Rwanda abariho n'abari barapfuye n'ababaga mu mahanga bari 398, kuva kuri Padiri Gafuku Balthazar kugera kuri Padiri Hitimana Josaphat. Hari kandi n'abihayimana b'ingeri zose batabarika; imbaga y'abakunzi ba Myr Bigirumwami, ariko kandi n'imbaga yose y'abanyarwanda yakurikiranye ibyabereye ku Nyundo ibifashijwemo na Radiyo y'ighugu.<sup>94</sup>

Nk'umuntu, Myr Bigirumwami yabayeho ku buryo busanzwe ariko aba umuntu udasanzwe, yabayeho

yumvira ababyeyi be, agakunda barumuna be, bashiki be. Ibaruwa yandikiwe na se Yozefu RUKAMBA mu wa 1921, igaraza ubumwe yari afitanye n'umuryango we n'ubwo bwose yamaze igehe kirekire batabana: "Mwana wanje namenye ko ugiye kujya mu ishuri rikuru ryo mu bafaratiri. Imana igufashe. Urakore umurimo igutegetse. Uritonde neza. Ntuzagirire Imana ubuntu buke [...] ng'utwo utubindi tubiri tw'inzoga nkoherereje. Uyu mwaka ubunyobwa bwararumbye, ariko nyoko akerereje bukeya yasabye mu baturanyi. Imuhira bose ngo mutahe cyane. Nanje untahirize abaseminari tuziranye"<sup>95</sup>. Aya magambo aratwereka uko Bigirumwami yari abanye n'ababyeyi be, abavandimwe be, abaturanyi be ndetse n'abaseminari.

Nk'umunyarwanda, tumubona cyane nk'umuntu washatse gucengera cyane umuco, imigenzo, imiziririzo, imihango, ubuhanga, ubusizi, Iyobokamanabyosebyakinyarwanda. Byose yabikoraga ashaka gusubiza ikibazo yibazaga agira ati "nzamenya abanyarwanda nte? Ibyabo nzabyumva nte? Imihango n'imigenzo n'Imiziririzo bajya bavuga ni bite? Abazimu batera bate? Baragura bate? Baterekera bate? Babandwa bate?"<sup>96</sup> Kugira ngo azabashe kwigisha no gucengeza ubukristu

<sup>94</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, No 1228, urup. 1.

<sup>95</sup> Urwandiko Yozefu RUKAMBA yandikiye umuhungu we agiye kwinjira mu seminari nkuru ahagana mu mwaka wa 1921.

<sup>96</sup> A. BIGIRUMWAMI, *Umuntu*, urup. 10.

mu bo azi neza<sup>97</sup>. Ubushakashatsi bwa Myr Bigirumwami bwahindutse ubukungu bukomeye abamukurikiye batahwemye kuvoma ngo bimenyere imibereho y'abakurambere bacu. Bigirumwami yanditse ibintu abandi bantu batashoboye gutinyuka kwandika. Mu nkundura itoroshye y'abamurwanyaga yahatambukanye ishema.

Nk'umwe mu bakristu ba mbere, yatanze urugero rwiza ku bamukurikiye uhoreye ndetse n'iwabo mu rugo dore ko yari n'imfura, yabatijwe nyuma y'iminsi itatu avutse, yagiye muri seminari ku bushake maze aba umusaserdoti wizihije Nyagasani, yitangiye ubutumwa yahawe muri Paruwasi 6 yabayemo ariko abifatanya n'ubushakashatsi, nyamara umubare w'abacunguwe ukiyongera uko bwije n'uko bukeye (reba Intu 2, 47). Mu bitabo yanditse, bitanu yabituye abasaserdoti b'abanyarwanda, avuga ko yabyandikanye uwo mutima, agira ati "mbiraze abavandimwe banje mu busaserdoti, ibitabo mbaraze, bilimo ibitekerezo n'ibyifuzo n'imvugo n'uburyo, n'ingiro byabafasha kubanira neza abanyarwanda mu munezero no mu ngorane, bababere ababyeyi. Mbibatuye ngira ngo babigire intangiriro ya Filozofiya y'Abanyarwanda (culture), babigire n'intangiriro ya Tewologiya y'Abanyarwanda (Religion)".<sup>98</sup>

<sup>97</sup> *Ibidem*, urup. 98.

<sup>98</sup> A. BIGIRUMWAMI, Umuntu, urup. 10.

<sup>99</sup> KINYAMATEKA, Kamena 1986, No 1228, urup. 2.

Umurage yabasigiye si uwo mu bitabo gusa ahubwo yaranabakundaga byabuze urugero nk'uko Myr Wenseslas KALIBUSHI yabitanzemo ubuhamya ku ya 3 Kamena 1986. Dore uko abivuga: "...Reka rero ngere ku rukundo yakundaga abasaserdoti n'abihayimana, si abo muri Diyosezi ya Nyundo gusa ahubwo ni abo mu gihugu cyose [...] yubatse i Kigufi abigiriye abasaserdoti, abihayimana, ndetse n'abakristu basanzwe ngo bajye bagira ahantu ho kuruhukira no kwiherera basenga nta rusaku".<sup>99</sup> Kuvuga ibya Bigirumwami bwakwira bugacya. Ni byo Mathias GAHINDA yavuze ati "Uwavuga ibigwi bya Muvunyi ntiyazapfa avunuye".

## Umwanzuro

Bigirumwami yabaye Padiri wa 10, aba Umwepiskopi wa mbere mu Rwanda no muri Afurika yo hagati, yabaye Musenyeri mu wa 1952, abapadiri bageze ku 107, kuri Padiri Mathias KAMBARI. Yeguye muri 1972, bari bageze kuri nimero 225 ya Padiri Emmanuel UWIMANA; none ubu bageze kuri nimero ya 1286. Twabibutsa kandi ko ubwo Kiliziya y'u Rwanda yizihizaga yubile y'Imyaka 25, abasaserdoti bari bageze kuri nimero 7 ya Padiri Albert NDAGIJIMANA. Kuri yubile y'emyaka 50, hari mu wa 1950, bari bageze kuri 99, Padiri Théodore NKIZAMACUMU. Mu wa 1975 hizihizwaga yubile

y'emyaka 75 ya Kilizya y'u Rwanda, umubare w'abapadiri wari 265, ari na wo wa Padiri Jean Baptiste BUGINGO, na ho mu wa 2000, bari bageze kuri 659, Padiri Innocent TUYISENGE. Na ho yubile y'emyaka 25 y'ubusaserdoti yizihijwe muri 1942, bari bageze kuri nimero ya 60, ni iya Padiri Raphaël SEKAMONYO (ni we washinze Umuryango w'Abizeramariya), na ho muri 1967, hari hashize imyaka 50 y'ubusaseriditi kavukire mu Rwanda, bari bageze kuri 186, kuri Padiri Guido SCHREY<sup>100</sup>.

Bigirumwami yitahiye amaze imyaka

14 yeguye ku mirimo y'ubwepiskopi, yari amaze imyaka 81 y'amavuko na Batisimu kuko yabatijwe nyuma y'iminsi itatu avutse, 57 mu busaserdoti, 22 nk'umushumba, 19 se Yozefu yitahiye, 4 amabonekerwa y'i Kibeho atangiye, 21 nyuma y'Inama nkuru ya Vatikani ya kabiri na we ubwe yitabiye, Yitahiye amaze gusarura imbuto z'ibyo yari yarataye, aherekezwa mu mahoro n'abana be kandi ahabwa icyubahiro kigomba umubyeyi.

---


<sup>100</sup> Urutonde ruri mu Nyakibanda rugaragaraho Amazina y'abasaseridotibose baharerewe n'emyaka babayemo abasaseridoti.

## **UBUFATANYE HAGATI Y'UMULAYIKI N'UMUSASERDOTI MU GUKIZA NO GUTAGATIFUZA ROHO Z'ABANTU: GUSABIRA ABAPFUYE.**

*Fratri Theophile HAKUZIMANA*

Umuntu wese ahamagariwe kubaho no guhihibikanira ubutagatifu. Ubuzima n'ingabire y'ubutagatifu ni Imana ibitanga. Nubwo bimeze gutyo, umuntu afite ubwenge, ubwigenge n'umutimanama bimuyobora bikamubwiriza kugana ubwiza bw'Imana. Niyo mpamvu atagomba guterera agati mu ryinyo ngo yiturize, ahubwo asabwa kubungabunga ubwo buzima haba ku mubiri no kuri roho. Burya roho nzima igomba gutura mu mubiri muzima. Ni ngombwa kwita ku buzima tukiriho kandi tukanategura neza ubwo tuzabamo nyuma yo gupfa kuko bukomereza ahandi.

Duhereye aho, twavuga ko turi mu rugendo rugana mu ijuru. Dufite urugendo rw'ubutagatifu, urugendo rwo kubona Imana. Urugendo rwose rurategurwa, rukagenerwa n'impamba yafasha umugenzi kurusohoza neza. Nk'uko umumalayika yabwiye Eliya ati "Byuka urye kuko ufite urugendo rurerure"(1 Bam 19, 7), natwe tugomba gushaka icyaduhembura kugira ngo dukomeze urugendo rw'ubutagatifu. Nk'abakristu rero impamba y'urugendo rwacu ni isengesho, intwaro y'umukristu. Niyo mpamvu tugomba kwisabira,



ndetse tugasabira n'abapfuye kuko bo batabyishoborera. Tubeshwaho n'amasesgesho y'abandi. Hari abiyemeje kubaho ubuzima bwabo bwose basabira isi. Ni umugenzo mwiza ku bakristu bose kuko dufite inshingano yo gusabira abazima n'abapfuye cyane cyane roho ziri mu purugatori.

Muri ibi bihe turimo by'impinduka mu iterambere n'ikoranabuhanga rikataje, usanga hari abakerensa umuco mwiza wo gusabira abapfuye. Bamwe baragira bat "Ese bimaze iki gusabira uwapfuye kandi ibye biba byarangiye? Amasengesho y'ababyeyi, incuti n'abavandimwe se yamarira iki kandi Imana izaca urubanza ikurikije ibikorwa byacu?"<sup>101</sup> Hari n'abageze ku rwego rwo kudashyingura abapfuye ngo bimara amasambu, bahitamo gutwika imirambo. Umukristu yabivugaho iki?

<sup>101</sup> G. BABEL, Muri "PIROGUE" № 80 na 81. Byahinduwe mu Kinyarwanda na padiri J-M DEVULDER, Z. BAZIMYA na J. KARASIRA, Ibisubizo ku bibazo bikomeye abakristu bibaza, urup. 57.

Yakwitwara ate mu guhangana n'ibyo bibazo by'iki gihe? Umusaserdoti se we nk'ushinzwe roho z'abantu yatanga uwuhe musanzu? Ngiyo impamvu itumye nandika kugira ngo ngire icyo mvuga kuri ibi bibazo bikomeye bijyanye n'iherezo rya muntu. Ndabivuga mbiguniye mu bice bibiri ari byo gusabira abapfuye no kubashyingura neza. Yaba umulayiki cyangwa umusaserdoti, twese biratureba, dufatanye gusenga dufasha Imana gukiza izo roho.

## 1. GUSABIRA ABAPFUYE

Gupfa ni ugutandukana k'umubiri na roho. Ni igihe roho y'umuntu isanga umuremyi wayihanze, noneho umubiri ukajya mu bushanguke bw'imva. Umubiri wagenewe gushanguka kubera icyaha cy'inkomoko n'ingaruka zacyo. Naho roho ntipfa, ahubwo isubira ku Mana. Burya ngo umuntu wese afite aho ahurira n'Imana cyane cyane iyo apfuye. Yakira roho ye ikagira uko iyigenera. Gusabira abapfuye rero bifite ishingiro kugira ngo twegerere Imana, tuyitakambire ntiyite kubicumuro by'izo roho ahubwo izigirire impuhwe izakire. Hari abibaza bati "Ese twamenya dute niba koko amasengesho yacu agirira abapfuye akamaro?"<sup>102</sup>

Tugomba kubasabira tutitaye kuri ibyo. Kutamenya ko amasengesho

yacu agirira akamaro abo dusabira, si impamvu yatubuza gusabira abapfuye. Iyo abo dusabira bari mu ijuru cyangwa mu bubabare bw'iteka, ayo masengesho ahabwa abandi, na byo Imana ikabidushimira. Ibyo ari byo byose, gusabira abapfuye bifite akamaro. Hari impamvu 3 nyamukuru zituma dusabira abari mu purgatori<sup>103</sup>.

Impamvu ya mbere ni iyerekeye ku Mana ubwayo: Abo bari mu bubabare bwinshi bwa purgatori, ni abana b'Imana, irabakunda kuko bapfanye inema ntagatifusa. Niyo mpamvu ishaka ko tubafasha tubasabira kugira ngo barangize imyenda yabo .Gusabira izo roho ziri mu isukuriro ni ukwereka Imana urukundo rw'ukuri kuko ugukunda agukundira n'uwawe. Impamvu ya kabiri ni iyerekeye izo mbohe: ububabare bwa purgatori burakomeye cyane. Bavuga ko ngo uteranyije ububabare bwose bwo munsi, wasangapurgatori hebuje. Ngo ububabare bwa purgatori bw'umunsi umwe, buruta ubw'imyaka myinshi hano munsi. Birumvikana rero ko abantu bababara batyo kandi ntacyo bashobora kwimarira ubwabo, bakeneye amasengesho yacu. Bityo kugirira neza abatagize icyo bimarira, bishimisha cyane Imana kuruta uko wayigirira abishoboye.

Twibuke ko roho ziri mu purgatori zimwe ari iz'abatubyaye, abo tuva inda imwe n'izabatugiriye neza hano

<sup>102</sup> Ibid.

<sup>103</sup> R.SEKAMONYO, *Impuhwe n'imigirire myiza yazo*, via dell'Olmata 16, Roma 1956, impap. 97-98.

munsi. Kubirengagiza rero bikaba ari ukubura ubumuntu, kwaba ari ukutagira umutima kuko ngo utamiye ntatamure burya ngo aba yaratamitswe.

Impamvu ya gatatu ni itwerekeye ubwacu: Natwe ubwacu gusabira abapfuye bari mu isukuriro bitugirira akamaro ko kuzagira iherezo ryiza, atari hano ku isi gusa ahubwo tumaze no gupfa. Byongeye bidufasha kwiyishyurira imyenda tukiriho no guhongerera ibyaha byacu. Ikindi kandi ni ukwishakira inshuti zikomeye; mbese ni ukwiteganyiriza kuko iyo bageze mu biganza by'Imana natwe baradusabira. Hahirwa ufile incuti mu ijuru kuko na we azarigeramo.

Dusenge cyane rero dusabira roho zo mu purgatori kuko ari Kilizya iri mu bubabare. Tujye tuvuga keshi iri sengesho ryo gusabira abitabye Imana: "Yezu ugwa neza, girira ibuya by'amaraso watutubikaniye i Getsemani, maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bagukubita, maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bagutamiriza ikizingo cy'amahwa, maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza, girira ko wababaye uhetse umusaraba ujya ku musozi wa Kaluvariyo, maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bakubamba ku musaraba,

maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza, girira inyota n'ububabare byakurembeje ku musaraba, maze ubabarire abacu bapfuye. Yezu ugwa neza girira ko wababaye upfira ku musaraba, maze ubabarire abacu bapfuye. Nyagasani ubahe iruhuko ridashira; maze ubiyereke iteka, baruhukire mu mahoro"<sup>104</sup>. Amina.

### Ingero z'abatagatifu:

#### 1. Yuda Makabe

Mu Isezerano rya kera, tubona mu Gitabo cya kabiri cy'Abamakabe, ubuhamya bw'umutware w'abayahudi witwa Yuda Makabe, watuye Imana igitambo mu ngoro y'i Yeruzaremu, kugira ngo asabire abasirikarebebaribaguyekurugamba imbabazi z'ibyaha (2 Mak 12, 39-44). Ngo Yuda Makabe n'ingabo ze baza kuvanaho imirambo y'abayahudi bari baguye mu ntambara, kugira ngo babahambe hamwe na bene wabo mu mva z'abasokuruza. Barebye mu myambaro yabo, babasangana iby'imiterekero y'ibigirwamana kandi itegeko ryarabibujije. Nuko barapfukama, basaba Imana ngo ibagirire imbabazi z'icyo cyaha. Yuda agira rubanda inama yo kwirinda icyaha kuko inkurikizi zacyo ari mbi. Nuko Yuda Makabe ategeka ko bateranya amaturo yo kohereza i Yeruzalemu kugira ngo avemo igitambo cy'impongano kandi gitambiriwe abapfuye. Nuko

<sup>104</sup> Inama y'Abepiskopi bo mu Rwanda, Igitabo cy'umukristu, Pallotti-Presse, Kigali 1992, urup.137

<sup>105</sup> R. SEKAMONYO, Impuhwe n'imigirire myiza yazo, impap. 100-101.

bohereza amadrakima ibihumbi bibiri (ni nk'ibihumbi bibiri byacu) i Yeruzalemu. Gusabira abapfuye rwose ngo babone gucika ku ngoyi y'ibaha byabo, ni igitekerezo gitunganye koko, ni inyamibwa. Turusheho rero gusaba misa dusabira abapfuye, kugira ngo dutagatifuze roho zabo n'izacu.

Yezu we yapfiriye abantu bose ku musaraba, kandi iyo dutura Ukristiya, Yezu aba ari ku rutambiro, yongera kutwibutsa icyo gitambo cye cya kera. Nuko rero amasengesho ntategeka Imana, ahubwo turayisanga gusa ngo igirire ubuntu n'impuhwe byayo maze ibabarire abacu bapfuye bose. Ni cyo gituma no mu Misa, umusaserdoti avuga isengesho ryo kuzirikana no gusabira abapfuye bose; agasabira umukristu runaka uherutse gupfa, n'umuryango w'abakristu ukaba warabimusabye ku buryo bw'umwihariko.

Imana yishimira kubona abana bayo hano ku isi bakundana nk'abavandimwe; ikanezezwu kandi no kubona abana bayo batibagirwa isano bafitanye n'ababo bapfuye, bagahora batekereza kubasabira. Gusabira abapfuye ni ukwemera ko roho idashobora gupfa kandi ko habaho isukurwa nyuma y'urupfu, ari ryo twita purugatori.

## 2. Mutagatifu Gerituruda

Uyu mutagatifu yagiraga umwete wo gusabira roho zo mu purugatori. Buri munsi yambazaga Imana, akihana, agakora n'ibindi byiza kugira ngo Nyagasani ababarire abari mu purugatori. Yezu Kristu amubonekera kenshi kugira ngo amukomereze uwo mwete, kandi amwereke uko Nyagasani mu butabera bwe ahana abari mu isukuriro, ku mpamvu z'ibaha n'umwete muke bagize bakiri munsi, no kugira ngo amwigishe uburyo bwiza bwo kubatabara. Umunsi umwe Yezu yaramubwiye ati "Ibyo musabira abari mu purugatori bibagirira akamaro rwose; ariko amagambo make arimo urukundo, abagirira akamaro kurusha byinshi bitarimo urukundo"<sup>105</sup>.

Hari ubwo Gerituruda yagize ubwoba bw'uko yitaga kuri roho zo mu purugatori cyane, akibagirwa guhongererera ibaha bye, maze Yezu aramubonekera, aramubwira ati "Gerituruda mwana wanje igituma ubabaye utyo ni iki? Kugira ngo nkwereke ko urukundo rwinshi ukunda roho zo mu purugatori runshimisha cyane, ngukuriyeho icyiru cyose wari kuzarangiza mu purugatori, ni ibihembo nguhaye. Byongeye kandi nguhaye uburenganzira bwo kwiyongererera ingororano yawe igutegereje mu ijuru, kandi igihe cy'ugupfa kwawe, abo uzaba waracunguye bose

<sup>105</sup> R. SEKAMONYO, *Impuhwe n'imigirire myiza yazo*, impap. 100-101.

bazaza kugusanganira, bagushimire, baguherekeze bakugeze mu ijuru, mubane mwishima iteka<sup>106</sup>. Uru ni urugero rwiza, rutwereka ibyishimo n'umukiro twagira tugeze mu ijuru, igihe cyose twaba twaragaragaje ubushake, umwete n'ubufatanye mu gusabira abapfuye byerekana urukundo tubafitiye.

Nyuma yo kubona izi ngero zombi zikubiyemo ubuhamya bw'abagizweho ingaruka nziza cyangwa mbi, turemeza ko gusabira roho ziri mu purugatori ku mukristu, bitagombye kuba gusa ishingano ze, ahubwo ni itegeko Imana idusaba ndetse na Kiliziya ikabishimangira kuko ibona natwe bidufitiye akamaro. Twitabire gusaba misa rero dusabira ziriya roho ziri mu bubabare, kuko igitambo cy'ukaristiya ntigiturirwa gusa kwibuka uwitabye Imana, ahubwo giturirwa abazima n'abapfuye bose. Bityo mu isengesho ryacu rya buri munsi tujye twibuka kuvuga iri sengesho: "Yezu wacu tubabarire ibyaha byacu kandi uturinde umuriro w'iteka, igarurire roho z'abantu bose, kandi uziyobore inzira y'ijuru, cyane cyane wite ku bakeneye impuhwe zawe, maze ubabarire roho ziri mu purgatori n'iz'abanyabyaha b'isi yose. Amina»<sup>107</sup>.

## 2. GUSHYINGURA NEZA ABACU BAPFUYE

Imibiri yacu yaremwe n'Imana kandi ni na yo iyitagatifuza mu masakramantu duhabwa tukiriho nka batisimu. Niyo mpamvu Kiliziya yubaha imibiri y'abapfuye kuko yagenewe kuzazuka. Kiliziya iyiha umugisha ikayihambana icyubahiro ikwiye ndetse igaherekezwa n'amasesgesho, hanyuma ikaruhukira mu irimbi ryabugenewe. Ni ho itegererera igehe cy'izuka ry'abantu bose. Birumvikana ko guhamba neza ari umugenzo mwiza w'impuhwe<sup>108</sup>, ushimisha Imana kandi ukazahesha nyirawo igihembo mu ijuru. Kiliziya ntiyemera umuco wo gutwika imirambo; keretse igehe ibona ko nta gushidikanya mu kwemera izuka ry'imibiri y'abapfuye<sup>109</sup>.

Bibiliya itwereka umugiraneza witwaga Tobi (reba Tb 2, 4), akagira urukundo n'impuhwe agakunda gushyingura neza ubudahwema. Rimwe na rimwe akabikora wenyine kandi nijoro yihishe. Byaterwaga n'ibihe by'amakuba barimo. Natwe Kiliziya idusaba gukora nk'uyu mugabo tugahamba neza abapfuye; niyo twaba mu midugararo ku buryo bigoranye, niburatukageragezakugira uwo mutima mwiza. Amateka yacu yarabigaragaje ko hari igehe umuntu yicwaga akabura n'uwamushyingura.

<sup>106</sup> Ibid., urup. 101.

<sup>107</sup> XXX, Nyina wa Jambo, Tumuhe imitima yacu ayiture Yezu, urup. 94

<sup>108</sup> Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika, Centurion, Cerf, Paris 1998, n. 2300.

<sup>109</sup> Ibid., n. 2301

Ariko hari n'ubwo habonekaga ab'umutima mwiza bakagerageza kubikora n'ubwo byabaga bigoranye kubikora neza. Ni na yo mpamvu haje gutekerezwa uburyo iyo mibiri y'inzirakarengane yashyingurwa mu cyubahiro, iyo mibiri yagenewe kuzazuka igasubizwa icyubahiro yateshejwe n'abagizi ba nabi.

Tugomba kubaha umubiri w'uwapfuye kuko na Yezu ubwe aba yarawugiriye icyizere cy'ubuzima mu masakramentu ye matagatifu. Nko muri batisimu binyuze mu isigwa ry'amavuta matagatifu, umubiri ukizwa icyaha cy'inkomoko n'ibindi umuntu akora atarabatizwa, noneho agategurirwa kuzabona ubuzima n'ubugingo budashira. Umubiri wahawe ukaristiya, uba warabaye ingoro y'Imana nzima nk'uko Pawulo mutagatifu abivuga (reba 2 Kor 6, 16). Ahantu Imana yatuye rero kuhafata nabi no kuhandarika byaba ari ukwanga no gusuzugura Imana ubwayo.

Iyo uwapfuye yagize amahirwe yo kwicuza ibyaha bye, agahabwa n'isakramentu ry'abarwayi, akizwa ibyaha, bityo roho ye igategurirwa kureba uruhanga rw'Imana; n'umubiri we nk'ingingo y'umubiri wa Yezu Kristu (reba Ef 5, 30), ukitegura kugororerwa hamwe n'uwa Yezu. Kubaha no gushyingura umubiri, ni ukugaragariza abapfuye ko batagiye buheriheri ahubwo ko tuzongera kubabona tubasanze yo cyangwa ku munsi w'imperuka.

Twibuke ko Kiliziya ishyingura kandi igaherekezanya amasengesho uwapfuye yarasanzwe ahabwa neza amasakramentu cyangwa se ayahawe mu gihe cyo gupfa, cyangwa se yabyiteguraga mu bwigishwa.

Tugomba rero kugira umwete wo gutunganya imigenzereze yacu, kugira ngo tubone kuzahambwa neza kandi heza tumaze gupfa kuko ngo abanyabyaha banga kureka ibyaha byabo bakabipfana, Imana izabakoza isoni iteka ryose (reba Yer 23, 39-40).

### **Akandi kamaro ko guhamba neza**

1. Guhamba neza bigirira uwapfuye akamaro kuko amasengesho yose bahavugira yerekeye roho ye, haba mbere yo gupfa, bamuherekeje cyangwa se bamuhamba.
2. Bigirira n'abasigaye akamaro kuko umuntu wese ubikurikiranye arisuzuma, akisubiraho, akerekeza umutima we ku Mana, azirikana ko na we byamubaho. Noneho bikamufasha kuzirikana igitumye ariho no gутегура neza iherezo rye.
3. Guhamba neza ni uburyo bwo gukuza no gushimira Imana iba yisaruriye uwo ikunda yuzuza ibyo yavuze iti "Wavuye mu gitaka kandi uzagisubiramo" (Int 3, 19). Bituma umuntu amenya agaciro gake k'umubiri, ahubwo akemera ububasha bw'Imana yawuremye.
4. Bihesha kandi Kiliziya n'abakristu icyubahiro. Imihango yose ikorwa

igaragaza ubumwe n'urukundo Kiliziya ifitanye n'abana bayo. Ibyo ni byo bituma umuntu wese ubibonye agira inyota n'umwete byo gutunganya ibyo Kiliziya isaba kugira ngo azahambwe neza na we napfa. Ni byiza gufatira urugero rwiza kuri Yozefu w'i Arumatiya ahamba neza Yezu. Ngo yaguze imyenda myiza, maze azingiramo umurambo wa Yezu, ashayiramo n'imibavu; hanyuma ngo awushyingura mu mva nziza yacukuwe mu rutare, ayikingisha ibuye rinini arataha (Mk15, 46).

## UMWANZURO

Ivanjili ya Matayo itwibutsa ko ku munsi w'imperuka tuzacirwa urubanza, duhemberwe ibyiza twagiriye bagenzi bacu kubw'umubiri no kubwa roho (reba Mt 25, 31-46). Nyuma y'ibyo, twibuke ko tutazabazwa gusa ibyo twakoze, tuzabazwa n'ibyiza twirengagije gukora nkana. Dukundane tugiriye ko umuntu wese ari ikiremwa cy'Imana. Twubahe abazima n'abapfuye, tubasabire kugeza n'aho dushyingura neza imibiri yabo igihe bapfuye. Ni bwo buryo bwiza bwo kubaha no gukunda Imana n'abantu. Burya ngo uguhereye umwana aragushimisha kuruta uguhaye. Gushyira iyi migenzo ya gikristu mu bikorwa rero, ni bwo buryo bubangutse bwo kwitagatifusa tukiriho, kuko hari ubwo ugira neza Imana ikabikwitura ukiri muzima. Twibuke ko urugo ari ijuru rito, kandi ko imigirire yacu ari yo izaduherekeza tumaze gupfa (reba Hish 14, 13).

Kiliziya iradusaba guherekeza neza uwapfuye, tukamushyingura kandi tugakomeza kumusabira. Tugomba gushyigikira no guhoza abasigaye, tukabafata mu mugongo kubera umuntu bakundaga ubavuyemo. Tugomba kwirinda amagambo yabakomeretsa. Ni umwanya wo kugaragaza agaciro k'ubuzima. Ni igihe cyo gushima ibyiza bya nyakwigendera ndetse tukamufatiraho urugero rwiza, niba hari ibyiza yakoze tukabimushimira natwe tukabikurikiza. Amagambo ahavugirwa agomba gutegurwa no kwitonderwa, agomba kuba atanga ituze n'ihumure ku basigaye.

Kiliziya iradusaba no gusukura amarimbi nk'ahacumbitse imibiri y'abantu. Gusukura irimbi ni ukwemera gukomeye n'ubupfura tuba tugaragaza. Tugomba kandi kuzirikana nk'abemera, ku izuka ry'abapfuye (reba 1 Tes 4, 13-18). Tukamenya ko tuzazukana na Yezu wapfuye akazukira kudukiza ngo tuzabane na we ubuziraherezo.

# UBUSASERDOTI, IREBERO RY'UBUPFURA

Fratri Parfait Florien UYIZERA

## Intangiro

Ku itariki ya 7 Ukwakira 2017, hazaba hashize imyaka ijana abanyarwanda ba mbere kavukire bahawe ubusaserdoti, kuko babuhawe mu w'1917. Iyi yubile, nk'uko ari umwanya wo kwishimira ingabire itagereranywa y'ubusaserdoti yahawe abanyarwanda, ni n'umwanya wo kureba aho inyigisho ya gikristu yahurira n'ibyiza biri mu muco w'abanyarwanda, kuko erega n'ubundi, "ibyiza biba mu mitima y'abantu bose, iyo bava bakagera, ibyiza bituruka kuri Mwiza wenyine 'Imana'"<sup>110</sup>.

Muri ibyo byiza biri mu muco wacu, harimo "ubupfura". Muri iyi nyandiko, turifuza kugergeza kureba, duhereye ku bisobanuro by'iyo ndangagaciro, niba koko rishobora kugira aho rihurira n'ubusaserdoti. Ubusaserdoti, nk'impano Imana igenera bamwe mu bakirisitu ngo bafashe abantu mu mubano wabo n'Imana. Iyo mpano yahawe abanyarwanda, bari basanzwe bemera Imana imwe kandi bayikunda, ari yo bashingiyeho amizero yabo.

Mu guhuza ubusaserdoti n'ubupfura, turizera kuza kubona agaciro umuco ushobora gufata mu buzima

bw'umusaserdoti w'umunyarwanda. Uwo mwanya aha umuco, ni wo werekana uko uwo musaserdoti awuhuza n'Ivanjili, uko awusigasira nk'imwe mu nkingi zikomeye z'ubuzima bw'umunyarwanda. Mbere yo guhuza ubusaserdoti n'ubupfura, ni ngombwa ko tubanza kwibukiranya igisobanuro cy'inyito "imfura" mu muco nyarwanda, kiri buze kuduha no kumva neza "ubupfura" icyo ari cyo.

## I. Inyito "Imfura"

Mu kinyarwanda, ni kenshi twumva umuntu yitwa imfura, mu buryo bunyuranye. Mu nkoranya y'ikinyarwanda, "imfura" ni ijambo rifite ibisobanuro bitatu. Mu gisobanuro cya mbere, imfura ni umwana cyangwa inyamaswa byavutse bwa mbere, ukwezi kubanziriza ayandi na ko kwitwa "imfura y'amezi". Mu bantu, imfura ihabwa ubutware bw'umuryango. Inyito ya kabiri y'imfura ni umuntu ukomoka mu muryango ukomeye. Mu gihe cy'abami, abensi mu batware bavaga mu miryango y'imfura. Igisobanuro cya gatatu cy'imfura, ni umuntu w'indakemwa mu migirire cyangwa mu myifatire, ukunda gushobokera abandi akabagwira neza<sup>111</sup>. Iyo umuntu avuga ubupfura

<sup>110</sup> A. BIGIRUMWAMI, *Imana y'abantu, abantu b'Imana. Imana mu bantu, abantu mu Mana*, urup. 71.

<sup>111</sup> Reba A. COUPEZ, T. KAMANZI et Alii, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda no mu Gifaransa, Musée Royal de l'Afrique Centrale, Tervuren 2005*, vol. II, urup. 1795-1796.

nk'indanga-gaciro, aba aherye kuri iki gisobanuro cya gatatu. Aba avuga "umwambaro w'umutima ugaragarira mu myifatire n'imigirire by'intangarugero"<sup>112</sup>.

Nk'uko ari umwambaro w'umutima, ubupfura ntibushingira ku buranga, ahubwo burangwa n'"ubwangamugayo, ubudahemuka, kubaha igihango, [kubaha] indahiro n'ijambo, kororherana, ubugabo, ubutwari, ubwitange, ubumanzi, kwihangana, ubuntu n'ubumuntu, urugwiro, ubwuzu, ishyaka, ishema, kwicisha bugufi, kwiyoroshy, kubaha, kwiyubaha, kwiramira, kwigomwa, kwihangana, kuzirkana, gushishoza"<sup>113</sup>, n'ibindi byiza bituma umuntu akundwa, akagirirwa ikizere kandi akubahwa n'abandi.

## II. Ubusaserdoti bwuzuza ubupfura

Ubusaserdoti ni ingabire igirwaho uruhare n'umuntu wese wemeye Kristu, we wenyine "Musaserdoti mukuru w'Isezerano rishya kandi rizahoraho iteka"<sup>114</sup>, akabatizwa, bityo akinjizwa mu ihanga rya cyami n'abaherezabitabon bakorera Imana Se (reba Hish 1, 6). Uwo nyine yakira ingabire za Roho mutagatifu (reba Mk 16, 15-16; Intu 2, 38), kuko aba yaremeye Yezu Kristu, ubuzima bwe ndetse n'ibyo yigishije, nk'uko

byagiye byigishwa n'ababanye na we (reba 1 Yh 1, 1) ndetse n'abo babihereje bashobora kubyigisha abandi (reba 2 Tm 2, 2).

Ubusaserdoti rukumbi bwa Kristu bugirwaho uruhare n'umuryango wose w'abakristu, ubikesha amasakramantu ya Batisimu n'Ugukomezwa. Buri mukristu akurikije umuhamagaro we, agira uruhare ku butumwa bwa Kristu Umusaserdoti, Umuhanuzi, n'Umwami<sup>115</sup>. Ubu busaserdoti ariko, n'ubwo bufitwe n'abakristu bose, butandukanye n'ubusaserdoti nyobozi: ubu busaserdoti nyobozi, buhabwa bamwe mu bakristu Imana yihitiyemo, bubereyeho gufasha abakristu bose, bukaba bumwe mu buryo Kristu akoresha yubaka kandi ayobora Kiliziya ye<sup>116</sup>.

### 2.1. Ubusaserdoti bwa cyami n'ubupfura

Mu kugereranya ubupfura nk'uko twabusobanuye haruguru n'ubusaserdoti rusange bw'abakristu bose, ari bwo busaserdoti bwa cyami, dusanga bifite ihuriro rikomeye, riva mu nyigisho ndetse n'ubuzima bya Yezu Kristu, ari byo shingiro ry'ubukristu. None se, si kenshi Yezu ahamagarira abantu kwiyoroshy

<sup>112</sup> INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO, *Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda. Imfashanyigisho ibanza, Kigali, Gicurasi 2013, urup. 28.*

<sup>113</sup> INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO, *Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda, urup. 29.*

<sup>114</sup> Ibaruwa y'Abepiskopi gatolika bo mu Rwanda yerekeye Yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridot mu Rwanda (1917-2017), Twitegure guhimbaza imyaka 100 y'ubusaseridot mu Rwanda (08 Nzeri 2015), urup. 5.

<sup>115</sup> Reba Catéchisme de l'Eglise Catholique (Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika), n. 1546.

<sup>116</sup> Reba Catéchisme de l'Eglise Catholique, n. 1547.

(reba Mt 5, 4) nyuma yo kubyerekana mu buzima bwe (reba Lk 2, 6-7; Yh 18, 37), kugira ubumwe (reba Yh 17, 22), gukunda Imana no gukundana (reba Mt 22, 36-40; Yh 15, 12), no kugira impuhwe (reba Mt 5, 7; Lk 6, 36)?

Byongeye kandi, Kiliziya yo mu ntangiriro na yo yakomeje iyo mico myiza, yagaragazwaga n'ubumwe bwabaga buranga abayigize mu gusangira byose (reba Intu 4, 32). Byongeye kandi, "bahoraga bashishikariye kumva inyigisho z'intumwa, gushyira hamwe kivandimwe, kumanyurira hamwe umugati [bishaka kuvuga 'Igitambo cy'Ukaristiya' (reba 1 Kor 11, 17-34)], no gusenga" (Intu 2, 42).

Muri iki gihe, isi ifite ikibazo gikomeye cy'igabana ry'ubukungu aho bamwe ari abakire cyane, abandi bakaba abakene ku buryo bukabije<sup>117</sup>. Icyo kibazo ni cyo ntandaro y'uko isi yugarijwe n'inzara, ibiyobyabwenge, intambara<sup>118</sup>, ndetse n'uko abantu babaye imbata zo kwishimisha no kwikunda, baktiranya umunezero n'iraha<sup>119</sup>. Imbere y'ibi bibazo, mutagatifu Pawulo intumwa agira abantu bose iyi nama: "Ntimukigane ibibi turimo, ahubwo nimuhinduke, mwivugururemo ibitekerezo, kugira ngo muzajye mumenya neza ugushaka

kw'Imana, ikiri ikiza, icyashimisha n'ikiboneye" (Rom 12, 2). Ijambo rya Yezu, ari ryo rishingiyeho urugero rwiza rw'abakristu ba mbere, ritanga igisubizo kirambye, cyuje ubupfura: "Nimugume muri jye, nanje mbe muri mwe (...), koko tutari kumwe nta cyo mwashobora" (Yh 15, 4-5).

Nk'uko twabibonye haruguru, ubupfura ni uburyo buboneye bwo kubanira neza abandi, burangwa no gufatanya, kwihangana, kwiyoroshy ndetse n'indi migenzo myiza itanyuranye n'ibyo Inkuru Nziza yigisha. Duhereye kuri iki gisobanuro cy'ubupfura kandi ntitwirengagize ko ubusaserdoti bwa cyami ari imbuto yo kwemera Ivanjili, twakwemeza ko ubusaserdoti buha ishingiro ndengakamere ubupfura. Koko rero, mu gihe ubupfura bugaragaza umuntu ubana neza n'abantu, ubusaserdoti bwo ni ingabire iduha kubana neza n'abantu ndetse n'Imana mu rukundo, ikadufasha guhangana mu buryo bwa gikristu n'ibibazo isi ifite.

## 2.2. Ubupfura bw'umusaserdoti nyobozi

Nk'uko tubisanga mu Ibaruwa yandikiwe Abahebureyi, "Umusaserdoti mukuru wese atorwa mu bantu kandi agashyirirwaho

<sup>117</sup> Reba, JEAN-PAUL II, *N'ayons pas peur de la vérité. Les fautes des hommes et celles de l'Eglise (Twigirira ukuri ubwoba. Amakosa y'abantu n'aya Kiliziya)*, Bayard Editions, Paris 1996, urup. 160.

<sup>118</sup> Reba JEAN-PAUL II, *N'ayons pas peur de la vérité*, urup. 23.

<sup>119</sup> Reba JEAN-PAUL II, *N'ayons pas peur de la vérité*, urup. 25<sup>120</sup> Reba Catéchisme de l'Eglise Catholique (*Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika*), n. 1546.

<sup>120</sup> Reba, CONCILE CECUMÉNIQUE VATICAN II, Constitution dogmatique sur l'Eglise Lumen Gentium (Inyandiko ivuga kuri Kiliziya, Lumen Gentium -Ururumi rw'amahanga-) (21 Novembre 1964), n. 21.

gufasha abantu mu mubano wabo n’Imana” (Heb 5, 1). Nk’uko twabonye ko abakristu bose, kubera ko bagira uruhare ku busaserdoti bwa Kristu, uruhare bakesha kumwumva no kumukurikira, bagize amahirwe yo kumenya no kwakira inyigisho ze, zikaba zibafasha mu buzima bwabo bwa buri munsi. Abahawe ubusaserdoti nyobozi bashushanya Kristu ubwe Umuyobozi, rwagati mu muryango w’abemera<sup>120</sup>. Abo rero, ni bo biyegurira Imana burundi, bakaba intumwa z’ukwizera ndetse bakaba n’abatabazi.

### **2.2.1. Umusaserdoti ni intore y’Imana**

Si uburenganzira bw’umuntu butuma ahabwa ubusaserdoti, si n’uko aba abikwiye ahubwo Imana ni yo imuhamagara (Heb 5, 4). Imana ihamagara umusaserdoti nk’incuti, atari nk’umugaragu (Yh 15, 15). Uhamagawe na we aritaba, ku bushake bwe asubiza Imana ati “Ndi hano, ntuma” (Iz 6, 8). Ubwo bucuti ni bwo bukomeza imbaraga n’ibyishimo by’umusaserdoti. Niyo mpamu mu buzima bwe bwose agomba guhora agerageza kubana neza n’Imana yamutoye mu bandi, akomeza amasezerano yagiranye n’Uhoraho igihe ahabwa ubusaserdoti.

Koko rero, nk’uko papa Yohani wa XXIII abivuga, urukundo ruhoraho Imana ikunda uwo yitoreye rugomba kumufasha guhora aharanira kwitagatifusa. Ntabwo aba akibereyeho, ntaba abereyeho umuryango we cyangwa se igihugu iki n’iki: impumeko ye igomba kuba urukundo rukunda bose, ibitekerezo bye, umutima we n’ugushaka kwe bikisanisha na Yezu, ari we buzima bwe<sup>121</sup>.

Muri iki gihe, ubupfura bw’umusaserdoti bugaragarira mu gukomeza ayo masezerano, kwirinda ikinyoma, afashijwe n’Ingabire ya Roho Mutagatifu. Agerageza kutagira uwo ahungabanya, kugira ngo ubutumwa bwe butagira amakemwa. Ahubwo akihatira kugaragaza muri byose ko ari umugaragu w’Imana, mu kwhangana igihe yagirijwe, agatsindisha ubuhanga, ubugwaneza, ubwiyumanganye n’urukundo rutaryarya (reba 2 Kor 6, 3-7).

### **2.2.2. Umusaserdoti ni intumwa y’ukwizera**

Muri uyu mwaka wa Yubile, ni ngombwa guha umwanya w’ibanze umugenzo mbonezamana w’ukwizera. Mu by’ukuri, nk’uko byagarutsweho na papa Yohani

---

<sup>121</sup> Reba, JEAN XXIII, *Lettre encyclique Sacerdotii Nostri Primordia (Ibaruwa ya gisumba Sacerdotii Nostri Primordia-Umuganura w’Ubusaseridoti bwacu-)* à l’occasion du centenaire de la mort de saint Jean-Marie Baptiste Vianney (31 juillet 1959), n. 5.

Pawulo wa II, muri iki gihe, aho isi iteye abantu benshi ubwoba, aho muntu yumva ko umutekanu we ugenda ugabanuka, aho ubwo umubare munini w'abantu ku isi wicwa n'inzara, kandi ubaho mu bukene, ahandi ho ikoranabuhanga rikomeza gutera imbere, mu gukora intwaro zikomeye<sup>122</sup>, ukwemera kwa gikristu gufasha abantu ku buryo bw'umwihariko, kukabaha imbaraga zogukomeza urugendorwabobemera Imana, yo Mugenga w'amateka y'abantu, buzuye ukwizera kandi bamurikiwe n'urumuri rwayo.

Ariko kandi, ukwemera k'umukristu ntigukuraho imibabaro n'ibibazo byose: "Urumuri rutangaje rwa Pasika rugomba kubanzirizwa n'umwijima wo kuwa Gatanu mutagatifu, n'umusaraba wa Kristu"<sup>123</sup>. Ubwo rero, ukwizera k'umukristu ntigukuraho ububabare, ntigusinziriza abakene kugira ngo bakandamizwe n'abakire, ahubwo ku Musaraba ni ho hava amizero y'intsinzi n'izuka. Uko kwizera ni ko gufasha umuntu gukomeza gukora mu bwitonzi, bikamurinda guhutiraho no kwangiza byinshi agambiriye gukuraho burundi ibibazo, ububabare n'agahinda.

Umusaserdoti, nk'umuyobozi w'umuryango w'Imana mu cyimbo cya Kristu, ahamagariwe gutanga

urugero rw'ukwemera gukomeye, nk'uko kimwe mu biranga imfura ari ukwihangana, gukomera mu mutima mu bizazane ihura na byo. Umusaserdoti, mu murimo we w'ikenurabushyo, ahura n'ibimugora byinshi atakwirengagiza. Ariko kandi ibyo bibazo ntibigomba gutuma yibagirwa ukuri shingiro kw'ukwemera kwe, ko Kristu yazutse mu bapfuye koko. Kuba Yezu yarazutse, ni ishingiro ry'ukwizera kudatamaza (Rom 5, 5). N'ubwo kenshi ashobora kubura ibisubizo byihuse ku bibazo ahura na byo, ni ngombwa ko igehe cyose n'ahantu hose, akomeza guha abavandimwe be urugero rw'ukwizera, ndetse n'impamu zumvikana zakwo. Ashobora kubikora kuko ukwizera kwe kudashingiye ku bitekerezo by'abantu, ahubwo ku rutare rukomeye rw'Ijambo ry'Imana<sup>124</sup>.

### **2.2.3. Umusaserdoti ni umutabazi**

Mu kinyarwanda, ijambo "umutabazi" rifite ibisobanuro bine. Umutabazi ni umuntu wese utabara undi. Umutabazi kandi ni umuntu wese ugenewe kujya ku rugamba, gutabarira igihugu. Uruhinja kandi rwavutse ari umuhungu, rwitwa umutabazi. Igitobanuro cya kane cy'umutabazi, ni umuntu wabaga yerejwe n'indagu y'i bwami akitanga ku rugamba rwaremeye ishyanga,

<sup>122</sup> Reba JEAN-PAUL II, *N'ayons pas peur de la vérité*, urup. 204

<sup>123</sup> Reba JEAN-PAUL II, *N'ayons pas peur de la vérité*, urup. 205

<sup>124</sup> Reba JEAN-PAUL II, *Discours en Afrique (Amagambo yavugiwe muri Afurika)*, Editrice Missionaria Italiana, Bologna 1981, urup. 79-80.

amaraso ye agatsindira u Rwanda igihuguaguyemo. Yabagaariumugabo wo mu nda y'ingoma cyangwa akomoka mu Batsobe<sup>125</sup>. Dukurikije ibi bisobanuro byose, turabona ko mu muco w'abanyarwanda, umutabazi ari umuntu ufasha abandi, wiyibagirwa, nk'uko Yezu abisaba ushaka kumukurikira wese (reba Lk 9, 23). Kimwe mu biranga imfura kandi, ni ubwitange.

Umusaserdoti rero mu gukurikira Kristu, ari we "Imana yatagatifuje maze imutuma mu isi kugira ngo atange ubuzima bwe maze isi ironke umukiro (Yh 10, 15-17)"<sup>126</sup>, aba yemeye gushyira mu bikorwa rya jambo Yezu ubwe yabwiye intumwa ze: "Jye rero ndi hagati yanyu nk'umuhereza!" (Lk 22, 27).

Ubu bwitange bugaragarira cyane cyane mu gusangira byose na bose, nta mwaga kuko "aho umwanga utari uruhu rw'urukwavu rwisasira batanu"; bugaragarira kandi mu guharanira ukuri nyako, kwa kundi guca mu ziko ntigushye, kutagombera ko abantu bakwemera cyangwa baguhakana ngo kube kwo. Imico mibi yateye yo kwikubira no kutita ku bandi, iyo iragahore kure y'intore z'Imana, ntikarangwe ku mukristu, kuko icyo abandi bamenyeraho ko ari umwigishwa wa Kristu ari urukundo

afitanye na bagenzi be (reba Yh 13, 35).

Urwo rukundo rwitangira bose kandi rubanziriza byose, ni ishusho nyayo y'umusaserdoti nk'umutabazi, nk'uko byanditse mu nteruro y'Isengesho Rikuru ry'Ukaristiya yo mu Misa ya Krisma: "Bene abo, Nyagasani, (...). Ni bo bagomba kujya babimburira imbaga yawe ntagatifu mu nzira y'urukundo, ni bo bashinzwe kuyireresta Ijambo ryawe no kuyihembuza amasakramantu yawe. Ni bo basabwe mbere y'abandi guhara amagara yabo kubera Wowe, no kugira ngo abavandimwe babo babone umukiro utanga. Ni bo mbere na mbere bakwiye kwishushanya na Kristu ubwe, kandi ntibacogore mu nzira y'urukundo bagufitiye"<sup>127</sup>.

Ni ubupfura rero busumbye ubusanzwe, kwiyemeza gukomeza uwo murimo wa Kristu wo kwitangira bose ndetse n'Inkuru Nziza. Muri make, nk'uko padiri Eustache Byusa yabivuze, "imfura ni iyo musangira ntigucure, mwagendana ntigusige, mwaganira ntikuvemo, mwasezerana ntiguhemukire, waterwa ikagutabara, yasonza ntiyibe, yakira ntigusuzugure, wapfa ikakurerera"<sup>128</sup>.

<sup>125</sup> Reba A. COUPEZ, T. KAMANZI et Alii, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda no mu Gifaransa*, vol III, urup. 2392.

<sup>126</sup> Ibaruwa y'Abepiskopi gatolika bo mu Rwanda yerekeye Yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridoti mu Rwanda (1917-2017), urup. 5.<sup>127</sup> *Gatigisimu ya Kilizya Gatolika*, Centurion, Cerf, Paris 1998, n. 2300.

<sup>127</sup> *Igitabo cya Misa ya Kilizya ya Roma*, Editions bibliques et liturgiques, Kabgayi 1991, urup. 270-271

<sup>128</sup> INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO, Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda, urup. 31

## **Umwanzuro**

Muri uyu mwaka Kiliziya mu Rwanda yizihiza Yubile y'imyaka ijana ishize abanyarwanda ba mbere bahawe abasaserdoti, ni ngombwa kureba aho umuco w'abanyarwanda nk'uburyo buranga imibereho n'imibanire yabo, waba uhurira n'ukwemera gatolika, tubinyujije mu kwiga imwe mu ndangagaciro zikomeye mu mibanire y'abanyarwanda, ubupfura, tuyihuza n'ingabire y'ubusaserdoti, twabashije kubona mu busaserdoti, nk'impano Imana iha abemeye Yezu Kristu bakamukurikira, ishingiro ry'ubupfura, duhereye ku bimenyetso biburanga bidatandukanye n'inyigisho ya Yezu Kristu ifasha abamwemeye bose kubaho no kubana mu bwiyoroshye, mu kwizera no mu rukundo, abasaserdoti nyobozi bagasabwa guhora babitangamo

urugero rwiza.

Kuba rero Inkuru Nziza ya Yezu Kristu yarinjiye mu Rwanda, abanyarwanda bakayakira kandi bakayikunda, kugeza n'aho bakiriye ingabire itagereranywa y'ubusaserdoti nyobozi mu w'1917, si igihombo, si no guca umuco, ahubwo ni ugukomeza iri jambo Yezu yabwiraga abayahudi ati: "Sinaje gukuraho, ahubwo naje kunonosora" (Mt 5, 17). Ivanjili inononsora umuco, Kiliziya ntikura kirazira, ahubwo irayishimangira. Ni ngombwa rero, muri uyu mwaka wa Yubile, gusabira ubusaserdoti, tugasaba uwabubanje ngo akomeze kubugwiriza abatabazi, imfura zizihewe no kumukorera, zikurikiza indangagaciro z'umuco munyarwanda, kugira ngo koko umugambi w'Imana wo gukiza abantu bose no kubamenyesha ukuri (reba 1 Tm 2, 4) ukomeze kugerwaho.

## **UMUSASERIDOTI N'AMAJYAMBERE**

*Diyakoni Jean Damascène TUYISHIMIRE  
na Fratri Théogène NIYONGIRA*

### **Intangiriro**

Abamisiyoneri b'Afurika (Abapadiri bera) ni bo bazanye ivanjili mu Rwanda. Nyamara n'ubwo uwo murimo utari woroshye, byabaye ngombwa ko hategurwa n'abapadiri kavukire. Abo bapadiri kavukire bakoze uwo murimo kandi na n'ubu baracyawitangira. Umurimo w'iyogezabutumwa usaba imbaraga ndetse n'ubushobozi kuko ureba

muntu wese kandi mu nzego zose. Ntabwo wibanda kuri roho gusa ahubwo ujyana n'iterambere rya muntu mu mpande ze zose z'ubuzima. Nyamara uyu murimo wagize amateka agaragara mu iterambere ku buryo duhamya ko umusaserdoti adatana n'amajyambere. Umusaserdoti afasha abantu gutera imbere kuri roho no ku mubiri.

Intego yacu muri iyi nyandiko ni ukwerekana uko ibintu byagenze kugira ngo dufashe umuntu w'iki gihe gusobanukirwa neza n'ayo mateka y'iterambere. Mu gihe Kilizya gatolika y'u Rwanda ihmibaza yubile y'imyaka ijana abapadiri ba mbere kavukire bahawe isakramentu ry'ubusaserdoti, birakwiye ko hagaragazwa uruhare rw'umusaserdoti mu iterambere rusange ry'umunyarwanda.

## 1. Umurimo w'umusaseridoti n'amajyambere

Umurimo wa mbere w'umusaseridoti ni uwo kwigisha ijambo ry'Imana, gutagatifusa no kuyobora imbagashinzwe, kandi akagerageza kwisanisha na Krisitu we musaserdoti mukuru. Nyamara hirya y'uko murimo, umusaserdoti agira uruhare rukomeye mu iterambere ry'aho atuye n'iry'abo ashinzwe. Roho nzima itura mu mubiri muzima. Uwo mubiri roho igomba guturamo ugomba kuba witaweho, usukuye kandi ucyeye. Niyo mpamvu umusaserdoti ashishikariza abakrisitu kwiyitaho ubwabo kuko nyine imibiri yabo ari ingoro ya Roho Mutagatifu ndetse no kwita ku hantu batuye kuko ari impano y'Imana. Mu Rwanda ndetse no mu bindi bihugu, hagiye hagaragara uruhare rukomeye

rw'umusaserdoti mu guteza imbere aho atuye (amajyambere).

Ingeroni nyinshi, arikoturazibandaho kugira ngo tugaragaze umusemburo umusaserdoti ashyira mu iterambere ry'ighugu.

Ni koko umusaserdoti agira uruhare rukomeye mu bikorwa bigamije imibereho myiza y'abaturage. Mu ntangiriro y'ubukrisitu mu Rwanda, abamisiyoneri bitangiye rwose kuvura abarwayi: bubatse amavuriro ndetse banaba abaganga muri ayo mavuriro mu gihe abanyarwanda bari batarasobanukirwa n'iby'ubuvuzi bwa kizungu, bafashije abakene n'imbabare, bitangiye uburezi: bubatse amashuri, bityo ishuri riba igikorwa cy'ingenzi kugira ngo gifashe gutegura abazakora iyogezabutumwa: abakateshisiti, abarimu n'abapadiri<sup>129</sup>. Ibi byafashije n'abandi bose gukundishwa ishuri. Abapadiri b'abanyarwanda na bo babaye intangarugero mu kujijura bene wabo b'abanyarwanda bihatira gushinga no kwongera ibigo by'amashuri kugira ngo abakristu bajijke.

Kilizya ibifashijwemo n'abasaserdoti yatangije kandi ishyigikira ibikorwa byinshi mu rwego rwo guteza imbere

<sup>129</sup> URUGAGA RWA MUTAGATIFU PAWULO, Amateka ya Kilizya, Pallotti Presse, Kigali 2003, urup. 397

abaturage: yafashije mu gushinga amashuri, ibigo nderabuzima n'ibigo mbonezamirire, ibigo by'imyuga bigamije amajyambere, ishyiraho kandi n'inzego z'ibikorwa by'urubyiruko<sup>130</sup>, ibigo by'abafite ubumuga bunyuranye, cyane cyane twavuga nk'ikigo cyashinzwe na Padiri Fraipont, ibigo byo kwigishirizamo Ijambo ry'Imana n'ubundi bumenyi. Ubwiyongere bw'abasaserdoti kavukire bwatumye abakirisitu ndetse na Paruwasi byiyongera cyane. Imirimo inyuranye y'iyogezabutumwa yaratunganyijwe, Inkuru Nziza ya Kristu yamamara mu gihugu cyose.

## **2. Umusaseridoti kavukire n'amajyambere**

Abasaserdoti kavukire bafashije abakristu mu mirimo itandukanye myinshi nk'ubuhinzi, ubworozi ndetse n'ibindi. Aha abasaserdoti bafatwaga nk'abantu bazi imirimo y'ingeri zose. Ubu ngubu, usanga ibigo by'amashuri byinshi ari ibya Kiliziya Gatolika kandi bikaba biri mu biganza by'abasaserdoti bitangira uburere bw'abana b'abanyarwanda bakabutangana umutima ukunda kandi bifuza iterambere rya buri munyarwanda.

Mu buryo buziguye, umusaserdoti ndetse na Kiliziya, bagira uruhare mu gucengeza mu banyarwanda bose

imyumvire y'amajyambere rusange. Abasaserdoti bagiye batoza abakristu umuco w'isuku no kwirinda indwara zituruka ku isuku nke (umwanda) haba mu nyigisho batanga bategura amasakramantu (gatigisimu) ndetse no mu bindi biganiro bitangwa n'abasaserdoti.

Burya amajyambere anoze yita ku mubiri na roho. Inyigisho zitangwa ku byerekeranye na roho zituma abayoboke birinda icyaha ndetse bakirinda n'amakimbirane, amakosa anyuranye kandi bigatuma babana mu mahoro. Ntawakwirengagiza uruhare rw'umusaseridoti mu guteza imbere urubyiruko no kubungabunga umuco nyarwanda.

Umuvuduko w'iterambere ugendana n'ibibazo bimwe na bimwe bihindagura umuco, nyamara muri urwo rusobe, umusaserdoti ntahwema gusobanura no kumvisha abakristu ko n'ubwo umuco ari ikintu gihora cyivugurura muri kamere yacyo, utagomba kwica indangagaciro z'ubuzima bw'umunyarwanda haba kuri roho ndetse no ku mubiri.

Gufasha abanyarwanda gutera intambwe idasubira inyuma mu iterambere, ni ukuvuga guhindura imyumvire yabo yo guhirwa mu buzima ni byo umusaserdoti afasha Kiliziya n'ighugu. Uruhare ruhamye rw'umusaserdoti mu majyambere y'u

<sup>129</sup> URUGAGA RWA MUTAGATIFU PAWULO, Amateka ya Kiliziya, Pallotti Presse, Kigali 2003, urup. 397

<sup>130</sup> Cf. *Ibidem*, p .420.

<sup>131</sup> URWANDIKO RW'ABEPISIKOPI BO MU RWANDA RWEREKEYE YUBILE Y'UBUSASERIDOTI MU RWANDA 1917-1992. UMUSASERIDOTI, UMUHAMYA WA KIRISITU MURI IKI GIHE, 16 Nzeli 1992, urup. 12.

Rwanda ni urwo kumvisha mbere na mbere abantu ko bifitemo ubumuntu kandi bakaba bagomba kugira ubuntu. N'ubundi ngo "amajyambere atangirira mu mutima."

Umusaserdoti yagiye akomeza kandi aracyakomeje gushishikariza abaturage umurimo kugira ngo ya roho nziza ikomeze iture mu mubiri muzima kandi koko ngo "udakora ntakarye."

### **3. Uko byifashe muri iki gihe**

Muri iki gihe duhimbaza yubile y'imyaka ijana abasaserdoti kavukire ba mbere bahawe iryo sakramentu ndengakamere, tubona ko Kiliziya idahwema gushishikariza abashumba bayo (abasaserdoti, abepiskopi) ndetse n'abakristu muri rusange imigenzo myiza ijyanye n'ibikorwa by'amajyambere n'umuco wo kubungabunga ibyiza byagezweho binyuze mu kwimakaza ubutabera n'amahoro.

Ubu, ibigo byinshi bitanga uburere bwuzuye ni ibya Kiliziya Gatolika kandi biyoborwa n'abihayimana n'abakristu cyangwa se bakaba ari abarezi muri ibyo bigo. Amavuriro na yo ni uko. Indangagaciro zirimakazwa mu bana b'u Rwanda ndetse tugahera ku ndangagaciro isumba izindi ari yo kubaha ubuzima binyuze mu Ivanjili bahabwa.

Uretse ibigo by'amashuri abanza, ayisumbuye na za kaminuza, usanga

Kiliziya ishishikajwe cyane n'ubuzima bw'abanyarwanda. Ni muri urwo rwego amavuriro afata umwanya w'ibanze mu bikorwa Kiliziya yitaho. Ibigo byinshi ngororamuco ndetse n'ibindi bigo byita ku mpfubyi byashinzwe kandi biyoborwa n'abasaserdoti. Ibyinshi byagezweho muri iyi yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridoti ni ibyo gushimwa. Gusa, ntitwabura gushimangira ko urugendo rugikomeza kandi ko hagomba imbaraga nyinshi kubera ibihe turimo by'umuvuduko w'iterambere, aho umusaserdoti agomba gushikama akamamaza Ivanjili ashize amanga kugira ngo ibibi bizana n'umuvuduko w'iterambere bihabwe akato ahubwo tugire iterambere n'amajyambere ahamye kandi arambye. Umusaserdoti ni indorerwamo ya soyiyeti. Agomba gukomeza gusabira imbaga kugira ngo Imana iduhe kugera ku majyambere ahamye, kugira umutima umwe w'urukundo urandura inabi n'inzangano, amacakubiri n'ivangura kubera ko ibi byose bidindiza amajyambere.

Kiliziya Gatolika mu Rwanda, kuba igeze kuri iyo ntera no kuba ikomeza umurimo wayo mutagatifu mu mpande zose z'igihugu, ibikesha abasaserdoti, abafurere, ababikira n'abalayiki b'ingeri nyinshi bitabiriye kwitangira Ijambo ry'Imana no kuba abahamya ba Yezu Kristu mu buzima bwabo no mu byo bakora. Iyi yubile itubere twese impamvu yo kwishima no gushimira Imana

ibyiza byose Kiliziya Gatolika mu Rwanda imaze kugeraho, ibikesheje abana bayo twese, ariko cyane cyane Abasaseridoti bacu. Abagize iyi miryango y'abihayimana yitangiye uburezi, ubuvuzi, imfubyi, abasaza n'abandi bose batishoboye. Bubatse ibigo bifasha bantu gusenga, kwiherera, kuruhuka ndetse no kwihugurira ibikorwa by'amajyambere. Kugira ngo ibyo byose biggerweho hagombye ubufatanye bw'abasaseridoti, abihayimana n'abalayiki<sup>131</sup>.

## Umwanzuro

Umusaserdoti ni umuhuza w'Imana n'abantu, bityo akaba n'umuhuza w'abantu ubwabo; mu Rwanda rw'ubu n'urw'ejo agomba kumenya ko umurimo we w'ibanze, mu nyigisho ze no mu myifatire ye, ari uwo kunga abantu n'Imana no kunga abantu hagati yabo, akabumvisha ko ari abavandimwe. Umusaserdoti ni Intumwa ya Kristu; ni umushumba uhuriza ubushyo aragiye mu rwuri rumwe, akabushora ku iriba ry'amazi y'ubuzima. Bityo intama ze zikamwibumbiraho, zikamukunda, zikamwizera (reba Yh 10, 1-15).

Umusaserdoti rero abanyarwanda bakeneye, ni ubakunda bose, akabafasha gushyikirana n'Imana, akabitangira mu mirimo ashinzwe, mu nyigisho ze akabajijura, ndetse

akabafasha kubona ibisubizo by'ibibazo bibugarije.

Ibyo bisaba umusaserdoti w'iki gihe n'ikizaza kuba umuntu w'Imana koko; kandi akaba ajijutse, afite ubushobozu buhagije, akabera abo ashinzwe umuyobozi w'indakemwa. Umusaserdoti agomba kurwanya akarengane aho kaba kari hose kandi agashyigikira ku mugaragaro imigiriremyizaijyanyen'Ivanjili cyane cyane iyubahiriza uburenganzira n'ibusugire by'ikiremwa muntu. Agomba kuba umuhanuzi w'imbaga y'Imana n'uwigihugu cyose.

---

<sup>131</sup> URWANDIKO RW'ABEPISIKOPI BO MU RWANDA RWEREKEYE YUBILE Y'UBUSASERIDOTI MU RWANDA 1917-1992. UMUSASERIDOTI, UMUHAMYA WA KIRISITU MURI IKI GIHE, 16 Nzeli 1992, urup. 12.

## ABO TWAGANIRIYE NA BO

*Muri iki gihe Kiliziya y'i Rwanda ihimbaza Yubile y'imyaka 100 ishize habonetse abapadiri bayo kavukire, Ikinyamakuru «URUMURI RWA KRISTU» cyege-reye bamwe mu bapadiri bakuze kandi b'intarabonye mu mateka ya Kiliziya mu Rwanda. Abo ni Myr Eulade RUDAHUNGA uba muri Paruwasi ya Save (muri Diyosezi ya Butare), Padiri Charles NDEKWE uba muri Paruwasi ya Kabgayi (muri Diyosezi ya Kabgayi) na Padiri Helmenegilde TWAGIRUMUKIZA uba mu Iseminari nto ya Karubanda (muri Diyosezi ya Butare). Tubifurije ku-nogerwa n'ubu buhamya bwiza kandi bwuzuye inyigisho nziza z'ingirakamaro.*

### I. UBUSASERDOTI NI UMUHAMAGARO MWIZA!

**Urumuri rwa Kristu:** Nyakubahwa Musenyeri, muri uyu mwaka wa Yubile y'Imyaka 100 y'Ubusaserdoti mu Rwanda, ikinyamakuru «Urumuri rwa Kristu» cyandikirwa mu Nyakibanda, twifuje ko mutuganiriza kuri iyo ngingo ya Yubile. Twabasabaga ko mwatangira mwibwira abasomyi barwo.

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Nitwa Padiri Eulade Rudahunga. Izina rya «Musenyeri» narihawe na Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo II, ndisabiwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Rukamba Philippe, Umwepiskopi wa Butare.

**Urumuri rwa Kristu:** Nk'umusaserdoti uburambymemo, ni uwuhe munsi mwumva mutazibagirwa mu buzima bwanyu bwa gisaserdoti? Kubera iki?

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Umunsi utazibagirana kuri jye ni Musenyeri Deprimoz Laurent andamburiraho ibiganza akikijwe n'abapadiri muri Kiliziya ya Kabgayi (ubu ni Baziliika) tuvugira hamwe Misa. Icyo nifuje kuva kera nari nkigezeho, icyo navunikiye nari nkigezeho.

**Urumuri rwa Kristu:** Ni irihe banga rituma kugeza uyu munsi mugikunze kandi muryohewe n'ubuzima bwa gisaserdoti?

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Ibanga nta rindi ni ugukunda «le ministère» (ubutumwa) duhabwa na Yezu Kristu muri Kiliziya: -Gusoma Misa n'ubuyoboke. -Kuba indahemuka mu kuvuga amasengesho atagatifusa imbaga uko amasaha y'ununsi asimburana. -Gushengerera nibura akanya gato buri mugoroba. -Kuvuga ishapule. -Gusaba Penetensiya kenshi. -Guhora niteguye kwakira abakristu bose bankeneye.

**Urumuri rwa Kristu:** Padiri ni umuntu w'Imana, ni intumwa ya Kristu. Mushobora gusangiza, muri make, abasomyi b'URUMURI RWA KRISTU, uko mwumva umubano wanyu na Kristu n'Umubyeyi we Bikira Mariya?

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Padiri ni umuntu ugomba gutanga urugero rwiza igithe cyose. Ibyo uvuga bigomba guhura n'ibyo ukora: «Kora ndebe biruta vuga numve». Ku mupadiri ibyo akora bigomba gusa n'ibyo avuga.

**Urumuri rwa Kristu:** Abapadiri Gafuku Balthazar na Reberaho Donat bahawe ubupadiri bwa mbere mu Rwanda, mubaziho iki?

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Namene Padiri Balthazar Gafuku, yari afite ijwi ritoya, agakunda gucuranga inanga y'ikinyarwanda. Abakristu bakundaga inyigisho ze.

**Urumuri rwa Kristu:** Mu gusoza, ni ubuhe butumwa mwaha abapadiri bakiri bato, barumuna banyu?

**Myr Eulade RUDAHUNGA:** Ubusaserdoti ni umuhamagaro mwiza cyane! Uw'Imana ihamagaye agomba kubyishimira. Kuba intumwa ya Kristu nta kintu bisa. Mujye musaba iyo ngabire mutarambirwa.

Murakoze cyane! Ndabashimiye cyane!

## II. ISENGESHO NI RYO NTWARO Y'IBANZE Y'UMUSASERDOTI

**Urumuri rwa Kristu:** Nyakubahwa Padiri, tubanje kubashimira ko mwemeye kuganira natwe. Twabasabaga ko mwatangira mwibwira abasomyi b'ikinyamakuru kitwa Urumuri rwa Kristu.

**Padiri Charles NDEKWE:** Nitwa Karoli NDEKWE. Ndi Umupadiri uvuka muri Paruwasi ya Cyahinda, muri Diyosezi ya Butare. Maze imyaka mirongo itandatu mu bupadiri na mirongo icyenda n'umwe mu buzima (mvutse).

**Urumuri rwa Kristu:** Ni izihe ntwaro mwitwaje ndetse muciytwaje mu kurangiza neza ubutumwa Yezu Kristu yabatoreye?

**Padiri Charles Ndekwe:** Icyi mbere, sinakwibeshya mvuga ngo naburangije neza, ariko ni neza kuko ngikurikiye Yezu Kristu kandi nizeye ko azatuma ndangiza neza. Intwaro nitwaje rero nta zindi atari ukugerageza gukurikiza ibyo nahagurukiye, Ivanjili: iri mu magambo make, asa nabumbye byose. Niba ushaka ko nakubwira intwaro zimwe ni ukugerageza. Kugerageza si ukuvuga gushobora. Ni ukugerageza kuba umuntu wemera, wizera kandi ukunda. Ibyo ngibyo kubigerageza nifashisha amasengesho, cyane cyane mpungira kuri Bikira Mariya na Yezu Umwana we na Roho

Mutagatifu. Nkagerageza kubahungiraho. Uko kwemera, uko kwizera n'uko gukunda byaramfashije.

**Urumuri rwa Kristu:** Ni iki cyabanyuze mu busaserdoti mwasangiza abakiri bato bari muri iyi nzira?

**Padiri Charles Ndekwe:** Si navuga icyanyuze, nta we ushira agahinda atinda anyuzwe; ariko narakunze, nakunze Imana: nagerageje kwhihata gukunda Yezu Kristu, kumutabaza, nkatabaza na Bikira Mariya, nkavuga amasengesho nshoboye kugira ngo Imana isigasire intege zanje noye kugamburuzwa.

**Urumuri rwa Kristu:** Mwaba mwaramenye ba Padiri Balthazar Gafuku na Donat Reberaho? Twifuzaga ko mwadusangiza ibyo mubibukaho.

**Padiri Charles Ndekwe:** Sinabamenye neza nubwo nababonye. Navuga rero muri ubwo buryo ko nabamenye. Icyo nibuka ni uko hari agatabo kitwa Nyirambohera nagiye nkasoma nkagakunda, bambwiraga, niba ari ukuri simbizi, yuko kanditswe na Balthazar. Muri aka gatabo, hari bimwe bitari ibye, ariko karashimishaga, kagasetsa. Twavuga nk'icyivugo cy'imbeba n'icyivugo cy'impysi. Ni ibintu byasetsa. Nibuka kandi ko bambwiye ko rimwe Padiri Barthazar Gafuku yigisha ku munsi w'abapfuye i Kabgayi, yamaze kugera imbere y'abakristu aho gutangira, avuza indura, arakomera, ahuruza Bikira Mariya, ahuruza abamalayika, ahuruza abatagatifu ngo nibabanguke, nibagire bwangu bazimye umuriro wafashe abana b'Imana na Roho zo muri Purigatori, ibyo barabimbwiye. Padiri Reberaho we ntacyo mwibukiraho.

**Urumuri rwa Kristu:** Imyaka 100 irashize habayeho abasaserdoti ba mbere b'abanyarwanda, ni iki umusaserdoti w'iki gihe yakwigira kuri aba basaserdoti?

**Padiri Charles Ndekwe:** Icyo nababwira cya mbere ni ukubashima kuko bumvise ijwi ry'Imana bagakurikira ibintu bikomeye batigeze bumvana ba Se na ba Sekuru.

**Urumuri rwa Kristu:** Mubona ari uwuhe mwanya Umubyeyi Bikira Mariya afite mu buzima bw'umusaserdoti?

**Padiri Charles Ndekwe:** Afite umwanya munini cyane, yabyaye Yezu Kristu kandi muri Yezu Kristu turavuka. Yezu Kristu, umuhungu we, yamuhaye gushobora byose, atari we ku bwe ahubwo ku mwana we, kuko ntacyo yamwima. Bikira Mariya rero afite umwanya muremure kuba ari umwamikazi wabyaye Imana ishoboye.

**Urumuri rwa Kristu:** Nyakubahwa Padiri mwatubwira ukuntu umusaserdoti yarangiza neza ubutumwa bwe yifashishije amasengesho ya Kilizya atagatifuza umunsi (Burubyari) n'isengesho ryo kuzirkana (méditation)?

**Padiri Charles Ndekwe:** Kugira ngo umusaserdoti arangize ubutumwa bwe agomba kwifashisha ubuvunyi bwa Kiliziya n'ibyo Kiliziya yahaye abasaserdoti kugira ngo baburangize. Kiliziya rero itubwira gusenga kandi koko kwambaza Imana, kurata Imana, gusenga Imana, gukunda Imana, kogeza Imana, ibyo ngibyo bifite imbaraga zikomeye.

**Urumuri rwa Kristu:** *Mubona ari uwuhe musaserdoti Kiliziya y'u Rwanda ikeneye muri iki gihe?*

**Padiri Ndekwe:** Umusaserdoti Kliziya y'u Rwanda ikeneye ni umuntu witeguye kurangiza ubukene bw'abantu ku bukristu bwabo. Ni umukozi wereka abantu Imana yarangije kuyigira ubwe ayishaka.

**Urumuri rwa Kristu:** *Ibyishimo by'umusaserdoti bikwiye gushingirahe? Ni ibihe?*

**Padiri Charles Ndekwe:** Si ukuvuga yuko umusaserdoti abaho mu byishimo ariko iyo arebye hirya aravuga ati "Ndahishiwe kuko nkora uko nshoboye kose kugira ngo nzatunge ubukungu burenze ibindi, nzatunge Imana, nzatunge Ijuru". Ubwo rero agira ibyishimo, nubwo abigira ahetse imisaraba ababara. Ni ibyishimo biva ku kwizera aba afite. Si ibyishimo birangira bya hano ku isi, ahubwo yishimira ibizaza kuko yakenyeye agashaka Imana kandi ukenyeye agashaka Imana, akihambira, akanga kurekura, nta kabuza Nyagasani azamwakira, azamuha ibyishimo bitangaje. Kuba abitekereza na byo bishimisha umusaserdoti mu misaraba y'isi. Ikindi umusaraba ubangikana n'ibyishimo. None arababara, ejo akshima.

**Urumuri rwa Kristu:** *Mu gusoza turabashimira ko mwemeye kuganiriza by'umwihariko abasomyi b'Urumuri rwa Kristu.*

**Padiri Charles Ndekwe:** Murakoze. Mushake Imana muzayibona nimuyishaka kandi si ukubeshya. Mwize Filozofiya Imana iriho. Ntitwabaho, ntacyabaho, ntagikoranye ubwenge mu iy'isi n'ibantu by'isi nk'umuntu. Ariko ibirenze ibyo umwana w'Imana yaje kuri iy'isi aratwibwira, aratwigaragariza, atwereka inzira tuzanyuramo.

**Urumuri rwa Kristu:** *Nyakubahwa Padiri, murakoze cyane turabashimiye.*

**Padiri Charles Ndekwe:** Nuko nuko! Nyagasani abampere umugisha hamwe n'abo mufatanije muri uru rugendo rusanga Imana.

### **III. KUBA PADIRI NI UGUKORERA IMANA NA KILIZIYA MU BANTU**

**Urumuri rwa Kristu:** Nyakubahwa Padiri, tubanje kubashimira uyu mwanya muduhaye ngo tunganire ku ngingo ya Yubile y'imyaka ijana y'ubusaserdoti mu Rwanda. Twabasabaga ko mwatangira mwibwira abasomyi b'ikinyamakuru Ururumi rwa Kristu, ndetse mukanabasangiza ku nzira y'umuhamagaro wanyu.

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Mbanje nanje kubashimira ko mwanyibutse kandi mukananyiyambaza n'ubwo kubasubiza byabanje kundushya. Ibyo mumbaza, byinshi nanje ubwanjye ndabyibaza kandi nkabura igisubizo. Ariko ibyo nzi ndabibabwira.

Nitwa Padiri Hermenegiridi Twagirumukiza. Navukiye ahantu hitwa i Mata muri Nyaruguru, hari mu Misiyoni ya Kibeho y'icyo gihe, ariko ubu ngubu habaye muri Paruwasi ya Ruramba, muri Diyosezi ya Gikongoro.

Ibyerekeye umuhamagaro wanje rero, nanje ubwanjye sinakubwira ko mbizi. Cyakora ndakeka ko byavuye ku babyeyi banje. Buri mugoroba data yajyaga atera amasengesho agashyiramo isengesho ryo gusabira abasaserdoti. Nanje nkarivuga ariko ntazi abo bantu abo ari bo. Aho mariye guca akenge, naje kubaza mama abo bantu abo ari bo, mama ambwira ko ari abapadiri. Ariko icyo gihe iwacu hari abapadiri bera, nkibaza rero ukuntu naba padiri kandi ndi umwirabura. Ariko hanyuma, iwacu haza kuza abapadiri b'abirabura, noneho ndabegera ndababaza: "Ko nanje numva naba padiri iwacu bakansabira, naba we nte ntari umuzungu?" Barabanza barabiseka, ariko noneho barambwira bati: "N'umwirabura aba we". Noneho nza no kubaza data abo bantu igituma duhora tubasabira. Na we aransubiza ati "Abo bantu ni abantu bakora ikintu gikomeye cyane, bigisha Imana kandi bakagomba gukurikiza urugero rwayo n'ibyo itegeka bakabikora, kugira ngo batange urugero rwiza". Noneho ndamubaza nti "Ese ubu naba padiri nte?" Ambwira nka ba bapadiri ati "Uzajye mu iseminari". Noneho njya kubaza abapadiri baranyandika, ndakomeza ndiga umwaka wa mbere, uwa kabiri, uwa gatatu, numva nanje nshaka kuba padiri nk'abandi. Ariko hanyuma bambwira bati "Iyandikishe uzajye mu iseminari". Ndiyandikisha, baranyandika, hanyuma haza kuza ikizamini cya seminari, ndagikora, bambwira ko natsinze biranshimisha cyane.

Ariko kumenya umurimo w'abapadiri n'umuhamagaro wanje, uretse kumenya ko byavuye ku babyeyi, ubungubu nagiye mbimenya buhoro buhoro, mu iseminari batubwira padiri icyo ari cyo n'akamaro ke, ni ho rero natangiriye kumva nanje mbishaka kandi ndabikomeza, ngize Imana mbona banyohereje mu Nyakibanda, ndakomeza ndiga, mbyiga nanone, hanyuma ubupadiri mbuhabwa muri 61 (1961).

Ubwo namaze kubuhabwa banyohereza muri paruwasi ya Kansi, rero icyo gihe yari ikiri misiyoni, mpamara umwaka. Muri 62 (1962), hari hamaze kubaho Musenyeri

Gahamanyi, diyosezi ya Butare rero ni we wayitangije, noneho abantu b'iwacu bose bari baragiye mu Burundi, Musenyeri w'i Burundi, Makarakiza w'i Ngozi aza gusaba Musenyeri Yohani Batisita Gahamanyi ko yamwoherereza umupadiri. Noneho Musenyeri Gahamanyi aranyohereza. Mu Burundi ahongaho hari hamaze kuba abanyarwanda benshi. Mu Burundi rero ho nahamaze imyaka mirongo itatu n'itatu (33), ariko iyo myaka yose y'ubuhungiro yanyeretse, nayo ubwayo ko umupadiri ari ikintu gikomeye, ko no mu byago afite akamaro. Benshi bazaga banyirukira bambaza bati "Ese ubu Imana ntiyadutaye?" Nkagerageza kubahumuriza, nkababwira ko Imana itibagirana kandi itibagirwa. Ubwo rero nakomeje kubaha akantu nakwita "morale", kuko ubuzima bwari bukomeye koko. Nanje ubwanje najyaga nibaza, ngasanga koko Imana isa n'ihimana, ariko Imana yaramfashije ntabwo byankuye umutima, ahubwo narakomeje ndabigisha, ngize Imana mbona baranyumvise. Aho rero ni ho nasanze koko kuba umupadiri bifite akamaro. Kuko nabonaga abantu nari nzi kera nkasanga barabaye abantu nakwita abashonji koko banasabiriza kandi kera bari abagabo, nkabona ubuzima bwabo bushobora gusa n'ubwabakoza isoni. Ariko Imana yarabamfashije, bamwe barakomeye, abananiranye ntabo namenza ariko jye nibwira ko nagize akamaro icyo gihe, ndabishimira Imana.

**Urumuri rwa Kristu:** Abapadiri Gafuku Baritazali na Reberaho Donati bahawe ubupadiri bwa mbere mu Rwanda. Ese mubibukaho iki cyaba cyarabafashije mu muhamagaro wanyu?

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Ibya padiri Baritazali Gafuku na Reberaho, simbizi nanje. Na bo ntabwo mbazi, uretse ko rimwe nkiri mu mashuri ya mbere, nagiye kureba padiri Gafuku ngo yakoraga Yubile y'imyaka makumyabiri n'itanu (25), ndeba na yubile icyo ari cyo. Padiri Reberaho na we simuzi. Ariko n'ubwo ntawe nzi muri bombi nta n'uwo twavuganye muri bombi, ubuzima bwabo nigeze kubwumva, menya ko ari bo babaye abapadiri ba mbere. Kuba rero barabaye abapadiri icyo gihe, ni ikintu gikomeye cyane, kuko kuba padiri icyo gihe, byari bigayitse mu Banyarwanda. Bavugaga ko bagiye kuba ibisome bakihakana abanyarwanda, bakihakana ubunyarwanda, abazungu na bo bagasa n'ababasuzugura, bakanabagerageza cyane.

Ubuzima bwabo rero, ntabwo bwari bworoshye. Imbere y'abazungu, agaciro kari gake, n'imbere y'abanyarwanda ni uko. Ugasanga basa n'abantu baciwe. Ariko ibyo barabyemeye mu minsi ya mbere, barakomera baba abagabo. Kuba rero barakomeye bakarinda ako gasuzuguro ka babiri, bakaba hagati y'amenyo nk'ururimi, bakitwa ibisome, bakabyemera, byampaye igitekerezo cya kigabo, nemera ko Imana koko ifite uburyo ifasha abantu, uwo yatoye ikamuhamagara ikamwiyegeze, na we asanga koko bifite agaciro. Nanje numvise mbishaka, ndakomeza Imana irabimfasha mbigeraho.

**Urumuri rwa Kristu:** Muri iki gihe abantu benshi bahangayikishijwe cyane no kongera ubutunzi n'ubumenyi, ku buryo usanga iby'Imana bitakibashishikaje. Ese ni iki mwabwira abantu ba none?

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Icyo nabwira abantu ba none? Amagambo yavuzwe ni menshi cyane, ariko uwo twaganira ngasanga afite umutima wo gushyira ibintu mu gaciro, namusomera Umutwe wa gatanu ya Matayo, yanashaka nkayimusobanurira. Nkabona ko amaze kuyumva neza, yabona ko ibintu cyangwa se ubumenyi butarimo Imana ntaho byamugeza. Ariko rero burya abantu bari kwinshi: muri iki gihe, ubumenyi koko ni bwo butuma umuntu akira akabaho, kandi uwakabaho neza ni utunze, ufite amafaranga, ariko rero ushyize mu gaciro koko, usanga uko gutunga, usanga ayo mafaranga bitarimo Imana ntaho byazageza abantu. Kandi wavyuze neza uvuze ngo "abantu b'ubu". Muri abo bantu, n'abapadiri turimo. Ntabwo rero koko padiri yakorera amafaranga no kumenya ubwenge gusa, ngo niyigisha, abantu bazamenye koko ubukene, kuba udafite ibintu: ntacyo uba warigiye, kuko umuntu yigira gukira ni ko babizi, ni ko bivugwa. Yemwe n'umupadiri, iyo amaze kubona abaye padiri, ikintu ashaka, ubona ashyizeho umutima, ni ukujya kwiga kaminuza kandi i Burayi, akazaza afite agaciro, kandi akazaza afite n'ifaranga.

Cyakora rero, ushatse ko nabishakira umuti, burya umwana apfa mu iterura. Umuti wabo uri mu burezi. Ari ababategurira kuzaba padiri, ari n'abasenyeri bazabayobora babaye padiri, ni bo bafite umuti w'ibyo bintu. Bakamenya neza ko kuba padiri ari ibintu bya twese ab'Imana yatoye, ariko ntawe uba padiri ngo azarute abandi, ngo agende afite igitekerezo cy'uko agomba gutegeka abandi cyangwa se kubasumba. Nta bas clergé nta haut clergé igomba kubaho. Ibyo rero bagomba kubitumenyesha kare, ntube padiri ugira ngo uzategeke, ntube padiri ugira ngo uzakire. Abasenyeri rero bakwiye kumvikana n'abarezi bo mu maseminari, icyo gitekerezo bakagishyira mu bana hakiri kare. Ugakura uzi ko kuba padiri ari ugukorera Imana, ari ugukorera Kiliziya mu bantu, ariko bitajyanye n'ifaranga, bitajyanye n'umukiro. Bitabaye ibyo rero, kazaba kabaye: Uzatangira, wige, batakokhereje i Burayi uzibaza uti "Jyewe musenyeri wanje dupfa iki?" Umuti wanje rero ni uwonguwo. Icyo nabwira abarezi, icyo nabwira abasenyeri, ni uko bajya hamwe, bagashaka noneho imvugo imwe bajya batoza abapadiri, bagakura na bo bazi ko kuba padiri atari inzira yo gukira, atari inzira yo kuba mukuru, ni inzira yo gukorera Imana kandi yonyine.

**Urumuri rwa Kristu:** Murakoze cyane. Ntidushidikanya ko Inama nkuru ya Vatikani ya kabiri yagize impinduka mu buzima bwa Kiliziya n'ubw'umusaseridoti wayo. Ese mwadukorera ikigereranyo ku mibereho y'umupadiri mbere ya Vatikani ya kabiri na nyuma yayo? Ni iki se cyahindutse mu mibanire y'abapadiri n'abalayiki, mugereranyije mbere na nyuma ya Vatikani ya kabiri?

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Vatikani ya kabiri yahinduye ibintu byinshi cyane. Ariko ku bitwerekeye mbona navuga, ndavuga utuntu tubiri duto. Icyo mbere, ni imyambarire y'abapadiri. Abapadiri bambaraga amakanzu gusa, ubabonye wese akamenya ko ari bo, ari abapadiri, uga tangira kubatekereza nk'aho ari abasirikare ba Nyagasani, bakabatinya. Bamwe bakabirukira, ariko bari abantu bateye ukwabo.

Nyuma, muri concile (konsili) ya kabiri, batanze uburenganzira bw'uko bambara nk'abandi bantu. Ubu abapadiri niabantu nk'abandi. Baraganira ntibamenye ko ari padiri, uretse abasanzwe bamuzi, na bo kandi bakamenya ko afite na we umurimo yashinzwe, yawukora neza bakamushimira icyo, yawukora nabi bakabimugayira, bakareba uko ateye ntibarebe uko yambaye.

Icyu kabiri ni cyo gikomeye cyane, ni uko muri Vatikani ya kabiri bashubije agaciro indimi n'imico y'abantu, mu mico y'ibihugu byose. Haba mu myigishirize y'Ijambo ry'Imana, haba no mu masengesho, rwose icyo kintu kirakomeye cyane, kuko Imana nta rurimi na rumwe yasuzuguye. Yashatse kwigira umuntu: ntabwo yigize umuzungu, ntiyigize umuntu w'ahandi, yigize umuntu ni byo twemera. Sinavuga nka wa mukecuru wabwiye umwana we wabaye padiri ati "Iyo nama yanyu yatwiciye idini". Undi ati "Ese kuki?" Ati "Kuko yakuyeho ikilatini, kandi ubundi ikilatini ari cyo cyari cyiza". Ati "Ese urakizi?" Ati "Ndakizi". Ati "Ni iki se?" [Umukecuru ati] "Ikilatini? Ni ibitumvikana bya Nyagasan!" Ubwo rero icyahindutse, ni uko ubundi mu ndimi zose, mbere ya Vatikani [ya kabiri] bigishaga mu kilatini, Misa ikaba mu kilatini, n'abatacyumva bagasenga mu kilatini. Ariko ubu, ibintu byose tubivuga mu kinyarwanda cyangwa se mu ndimi zindi zisanzwe, ugasanga noneho twaje kumenya neza ku buryo bwuzuye ko Imana nta rurimi na rumwe, nta muco n'umwe Imana yashyize inyuma. Icyo ni cyo kintu gikomeye cyane.

**Urumuri rwa Kristu:** *Mukurikije ubunraribonye bwanyu, ni izihe nama mwabwira umusaseridoti mu bucuti bwe n'umukobwa cyangwa umugore, mbese n'igitsinagore muri rusange?*

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Erega ikibabaje si amagambo nababwira, ahubwo ikibabaje ni ukubabaza neza icyo bashaka. Kuko ukwihebera Imana, ntabwo wakwihebera Imana ngo wihebera n'abagore cyangwa se n'abakobwa, imigeri ibiri ntitereka. Niba bashaka gufata impu zombi ntabwo babishobora. Ugomba kumenya icyo ushaka, akaba ari cyo ukorera kandi cyonyine. Nabivuze, "imigeri ibiri ntitereka". Imana yadushyize ibintu bibiri imbere: umugisha cyangwa se umuvumo. Tugomba guhitamo. Ntawe uzafata byombi, ntawe uzafata impu zombi, ntibibaho. Ntawe ukorera Mana na Bintu. Imana dusenga ntibeshya kandi ntibeshywa. Ushaka kuihebera, abitangira kare. Kwihebera Imana ni ukuyiyegurira kandi yonyine, kandi burundu. Kandi Imana yacu irafuha, ibyo yanga ntukabisenge. Senga Imana yonyine, abe ari yo ukorera yonyine, ibindi izabiguha ku bubasha bwayo no ku bushake bwayo.

**Urumuri rwa Kristu:** *Mu gusoza ikiganiro cyacu, ni iki mwabwira abato bifuza kwiyegurira Imana?*

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Ni byo maze kuvuga, ushaka kwihebera Imana, ayiha wese. Yonyine kandi. Uyihaye yonyine kandi wese, ntagomba kureba

ngo "yo izamarira iki?" Uba wayihebeye ibyawe byose, n'ubuzima bwawe, ibindi ikazabikwihera.

Icyo ni icya mbere.

Icy a kabiri, Imana ntawe uyihebera mu nzagihe. Ushaka kuyihebera atangira kare. Ntabwo rero wajya kuyihebera ugira ngo "Nzayisaba iki, izangira ite?" Yihe, ikurusha ubuntu, ikurusha ibyiza, ikurusha ubwiza, izakwihembera uko ishaka. Ariko umaze kuyihebera wowe, akaba ari yo ukorera, akaba ari yo ushaka, singira ngo ni umwenda uyihaye, ariko ubundi, nuyikorera yonyine, ibindi byose izabikwihera, yemere yizere, yikunde. Nushaka uzasome kuri Mariko umutwe cya cumi kuva ku murongo wa cumi na karindwi kugeza kuri makumyabiri na karindwi. Imana izabikwitura yonyine kandi ku buryo ishaka.

***Urumuri rwa Kristu:*** Murakoze cyane, turabashimiye kuri iki kiganiro muduhaye.

**Padiri Hermenegilde TWAGIRUMUKIZA:** Murakoze namwe.

### **ISENGESHO RYO GUSABIRA ABAPADIRI**

Mana ishaka ko abantu bakwemera kugira ngo bakire, turakwingingga ; ohereza abapadiri bigishe abantu bawe Inkuru Nziza, babatagatifuze, babayobore mu nzira y'ukwemera. Amahanga yose amenye ko ari Wowe Mana Nyakuri, bamenye n'uwo wohereje, Umwana wawe Yezu Kristu.

Nyagasani, turasabira abapadiri bose ngo bagukunde, bagukundishe abantu, maze nibarangiza kugutunganyiriza mu nsi, bazaze kubana n'intumwa zawe mu ijuru. Kandi natwe uduhe kudahemukira Roho Mutagatifu twahawe muri Batisimu no mu Gukomezwa, dushyire hamwe na bo mu kurangiza ubutumwa washinze Kiliziya yawe. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.